

IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI

RYO KU ISABATO

BY'ABAKUZE



IBYIGISHO DUKURA MU  
*Nzandiko za Petero (II)*

Vol. 100, No. 3

Nyakanga – Nzeri, 2024

## IBIRIMO

1. **Guhunga no Gukira mu buryo bw'Igitangaza .....5**
2. **Mugire Umwete wo Kuzamuka Ingazi .....10**
3. **Kuby'icyubahiro, Umuntu wese ashyire imbere Abandi .....15**
4. **Intego Ihanitse .....20**
5. **Uko Twakwisuzuma .....26**
6. **Gukomerezwa mu Kuri kw'iki Gihe .....31**
7. **Ubuhanuzi budufitiye Akamara.....36**
8. **Kubonera mu gihe cyo Kwangirika kw'Imico .....41**
9. **Gushyira imbere Umucyo Mvajuru kubwo kuwishimira 46**
10. **Gushyira ibihindizo ku Bwenge bwacu tukaburinda.....52**
11. **Igihe cy'Inyongera kubw' Umugambi .....57**
12. **Mbese ni Abantu Bwoko Ki?..62**
13. **Kwihangana kugeza Imperuka .. ..... 67**

### **"IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO"**

Bitegurwa n'inteko y'ubuyobozi bukurubw'itorero ry'Abadivantisite b'Umunsi wa 7 Bavugurura

### **GENERAL CONFERENCE**

5240. Hollins Road  
Roanoke - Virginia 24019-5048 USA  
web: [www.sdarm.org/sbl/rw](http://www.sdarm.org/sbl/rw)  
E-mail: [info@sdarm.org](mailto:info@sdarm.org)

Byahinduwe mu Kinyarwanda na "RWANDA UNION MISSION" y'Abadivantisite b'Umunsi wa Karindwi Bavugura

P.O Box 5490 Kigali-Rwanda  
Tel: +250 78 941 940  
E-Mail: [Rwanda@sdarm.org](mailto:Rwanda@sdarm.org)

**Ibyigisho bya Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato**, Ni porogaramu y' ibyigisho bya buri munsi.

Ibi byigisho by' ishuri ryo ku Isabato bishingiye kuri Bibiliya n' umwuka w' ubuhanuzi gusa. Kwiga byimbitse muri iki gihe bigomba gushishikariza buri wese witegura kugaruka k' Umukiza wacu Yesu.

**Amashusho:** Advent Digital Media ku rupappuro rw'imbere, ikarita kuri p.4, 30, 72, Good Salt kuri p.51, 72

Ibi byigisho by' Ishuri ryo ku Isabato binaboneka mu Kinyarwanda kuri iyi website: [www.sdarm.org/sbl](http://www.sdarm.org/sbl)

# Ijambo ry'Ibanze

Mbese mu mibereho yawe ya Gikristo uri gushakisha uko wagera ku nsinzi? Ubwo rero waje ahantu hakwiriye:

"Mu rwandiko rwa kabiri Petero yandikiye abari barakiriye "Ukwizera kw'igicro cyinshi" nka we, intumwa Petero yerekana gahunda y'Imana yo gutuma imico ya Gikristo ijya mbere." - *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.529.

"Igice cya mbere cy'urwandiko rwa kabiri rwa Petero cyuzuyemo guhugura kandi gifanga urufunguzo rw'intsinzi. Ukuri kwacengejwe mu bwenge mu buryo bukomeye binyuze mu buryo kwagaragajwe muri iki gice. Nimutyo turusheho gushishikarira kwiga ayo magambo, no gushyira mu bikorwa ayo mabwiriza." - *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 7, p.942.

Mbega ukuntu ari ngombwa guteza imbere imico ya Gikristo by'ukuri muri iki gihe cy'amateka, ubwo vuba aha tuzaba dukwiriye guhagarara tudafite Umuhuza udusabira ahera cyane ho mu buturo bwera bwo mu ijuru! Mu gihe abigishwa b'Ishuri ryo ku Isabato hirya no hino ku isi yose bazaba bafite ibyo bitekerezo bikomeye mu bwenge, bazibanda ku Byigisho dukura mu Nzandiko za Petero (II).

"Nta gihe cyigeze kibaho ngo bibe iby'ingenzi cyane ko twiyanga kandi tukikorera umusaraba wacu buri muni kurusha uko bimeze ubu. Mbese dushaka gushyira mu bikorwa ukwiyanga ku rugero rungana iki?" - *Ibiamya by'Iterero*, vol 9, p.186.

"Tugomba guhinduka abasangiye kamere y'Imana, tumaze guhunga no gukira ukononekara kwazanywe mu isi no kwifuza.....

"Nta kintu nk'icyo mu ijambo ry'Imana cyitwa ko ari ugutoranywa kutagira icyo gushingiyeho, ni ukuvuga ko umuntu yatoranyijwe rimwe gusa kubw'ubuntu bw'Imana, kandi agahora abeshejweho n'ubuntu. Mu gice cya kabiri cy'urwandiko rwa kabiri rwa Petero; iyo ngingo yarasobanuwe kandi mu buryo bwumvikana neza....

"Ibyanditswe Byera bisobanura neza ko abantu bigeze kumenya inzira y'ubugingo kandi bakishimira ukuri, bari mu kaga ko kugwa mu buhakanyi maze bakazimira. Kubw'ibyo rero, hakenewe guhindukirira Imana buri muni; nta kudohoka.

"Abantu bose bashaka gushyigikira inyigisho yo gutoranywa, ni ukuvuga ko umuntu yatoranyijwe rimwe gusa kubw'ubuntu bw'Imana, kandi agahora abeshejweho n'ubuntu, ibi babikora mu buryo burwanya 'Uku niko Uwiteka avuga.....


"Abahindutse by'ukuri bahambanywe na Kristo mu rupfu nk'urwe, kandi bazurwa mu mva y'amazi mu muzuko nk'uwe, kugirango bagendere mu bugingo bushya. Binyuze mu kumvira ukuri mu budahemuka, bakwiriye gutuma guhamagarwa kwabo no gutoranywa kwabo kuba impamo." - *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 6, p.1114,1115.

"Mu gihe twitegereza kandi tukigana imibereho [ya Kristo], tuzahindurwa bashya mu ishusho Ye. Ubwiza bw'ijuru buzamurikira mu mibereho yacu kandi bugaragare no ku bandi. Ku ntebe y'ubuntu ya cyami tuzahabona ubufasha dukeneye kugirango dushobore kubaho muri ubwo buryo. Uko niko kwezwa by'ukuri, kandi se ni iyihe mimerere yo mu rwego rwo hejuru abantu bashobora kwifuza kuruta iyo kuba bafitanye isano na Kristo nkuko ishami riba rifashe ku muzabibu?" - *Ibiamya by'Iterero*, vol 5, p.306. Amena!

*Icyigiro cy'Ishuri ryo ku Isabato mu Nteko Nkuru Rusange*

## Amaturo y'Isabato ya Mbere Azagerwa Urusengeru, Ishuri, n'Ibiro muri Liberia

Rimwe na rimwe, Liberia yitwa kimwe mu bihugu bya nyuma byo muri Afurika, kikaba ari igihugu cyo mu gace k'amashyamba y'inzitane; kiri ku nkombe y'iburengerazuba bw'umugabane wa Afurika. Liberia ihana imbibi na Siyera Lewone, Kote Divuwari, Gineya n'Inyanja ya Atalantika. Mu baturage basaga miliyoni eshanu, 85.3% bavuga ko ari Abakristo (abenshi muri bo ni Abaprotetisanti, hakubiyemo n'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi); 12.6% bavuga ko ari Abisilamu; 1.5% bavuga ko nta dini bafite; naho 0.6% bari mu madini yabo gakondo.



Repubulika ya kera cyane muri Afurika, Liberia iracyarwana urugamba rwo kwiyubaka nyuma y'imyaka cumi n'ine y'intambara y'Abenegihugu (1989 - 2003) yasenye imiterere y'iki gihugu, gifatwa nka kimwe mu bihugu icumi bikennye cyane ku isi. Ubuhinzi bwarasenyutse, kandi ibikorwa remezo n'inganda byasigaye ari umusaka.

Mu gihe cy'ibirushya, mu mwaka wa 2011, bene data bo muri Liberia bashishikajwe n'inyigisho z'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura binyuze ku rubuga rwa Webusayiti, [www.sdarm.org](http://www.sdarm.org), kandi umurimo wateguwe hano mu mwaka wa 2012. Kuva icyo gihe, byavuye mu murwa mukuru Monrovia bigera mu ntara eshatu muri cumi n'eshanu za Liberia.

Nubwo intambara y'abenegihugu yarangiye, ibikomere byayo biracyagaragara hirya no hino mu gihugu. Ubukungu bw'icyo gihugu bwarahungabanye, kandi akenshi kubona akazi hano biragoye iyo umuntu atarahiriye gushyigikira ishyaka runaka rya politiki. Nubwo imimerere turimo ituma tugira intege nke, nyamara ukwizera kwacu kurakomeje.

Kugirango umurimo ukorwe muri Liberia utere imbere, hakenewe mu buryo bwihutirwa icyicaro gikuru kimwe n'ahantu ho gusengera, kandi hakenewe n'ahantu ho kongera ibikorwa byacu by'ivugabutumwa ry'ubuvuzi. Ni ngombwa kandi guha amashuri abanza abana bacu bahura n'ibibazo bitewe n'uko bagomba gusiba ibizamini n'amasomo y'inyongera biteganyijwe ku Isabato.

Mu mwaka wa 2019, umuvandimwe (ubu wapfuye) yatanze ku buntu igice cy'ubutaka cyagenewe kubaka ishuri, ivuririro n'amazu y'ibiro. Kugirango dutangire kubaka urwo rusengeru hamwe n'imishinga ikenewe, twahawe umugisha wo guhabwa ikibanza cya hegitare imwe i Nyanforla (Collins Farm) mu ntara ya Bong yo hasi, hamwe n'ikindi kibanza hafi hegitare  $\frac{1}{4}$  i Monrovia.

Muri ubwo buryo, turasaba bene data na bashiki bacu ku isi hose kudukushya mu Ituro ry'Isabato ya Mbere kugirango dushobore kugera ku ntego zikenewe zo guteza imbere umurimo w'Uwitwaga muri Liberia. Turabashimiye cyane.

*Bene so na bashiki banyu bo muri Liberia*

# Guhunga no Gukira mu buryo bw'Igitangaza

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Ibyo ni byo byatumye aduha ibyo yasezeraniye by’igicro cyinshi, bikomeye cyane kugira ngo bibatere gufatanya na kamere y’Imana, mumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza.” (2Petero 1:4).

“Yooo, iyaba abantu badafite ubuzima buhagije bwo mu buryo bw’umwuka, basobanukirwaga ko ubugingo buhoraho bushobora guhabwa gusa abafatanya na kamere y’Imana, bamaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza.” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 9, p.155.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by’Itorero*, vol 5, p.737 - 746; *Ibitekerezo byo ku Musozi w’Umugisha*, p.76 - 78.

**Kuwa Mbere**

**30 Kamena**

## 1. URWANDIKO RUFITE UMUGAMBI

a. Mbese ni nde uru rwandiko rwandikiwe kandi ni ukubera iki rwanditswe, kandi se ni gute ibyo byose byashobotse? 2Petero 1:1.

---

“Mbega ukuntu iyi ari insanganyamatsiko ikomeye tugomba gutekerezaho - ni ukuvuga gukiranuka kw’Imana n’Umukiza wacu Yesu Kristo. Gutekereza kuri Kristo no gukiranuka Kwe; ntibisigira umuntu umwanya wo kwihangira gukiranuka, cyangwa ngo yiheshe ikuzo. Muri iki gice nta guhagarara. Hari ugukomeza kujya mbere muri buri cyiciro cyo kumenya Kristo.” - *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Abadiyentisiti b’Umunsi wa Karindwi*, vol 7, p.942.

b. Mu gihe dushaka Imana tubikuye ku mutima kandi tubigiranye umwete, mbese ni izihe ngororano z’uburyo bw’inshi zigera ku mitima yacu? 2Petero 1:2.

---

“Niba umuntu agundiriyekamere y’Imana, agakora afite umugambi wo kongera, agashyira ubuntu bugeretse ku bundi mu kuboneza imico ya Gikristo, Imana izakora ifite umugambi wo kumwongerera. Petero aravugaga ati: ‘Ubuntu n’amahoro bigwire muri mwe, mubiheshwa no kumenya Imana na Yesu Umwami wacu’ ” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 6, p.148.

## 2. UMUGISHA WO KUMENYA IMANA

a. Mbese ni ubuhe bwishingizi bw'umugisha buhabwa buri wese muri twe, kandi bukaba bwakirwa cyane cyane mu bihe bi-goye? Yeremiya 24:7; Yobu 22:21 - 23, 29.

---

“Ibyiringiro byacu bikwiriye guhora bikomezwa no kumenya ko Kristo ariwe gukiranuka kwacu. Nimureke ukwizera kwacu gushingire kuri urwo rufatiro, kuko kuzahoraho iteka ryose. Aho gukomeza gutekereza ku mwijima wa Satani no gutinya imbaraga ze, dukwiriye gukingura imitima yacu kugirango duhabwe umucyo uturuka kuri Kristo kandi tuwureke umurike ku isi, dutangaza ko Kristo ari hejuru y'imbaraga zose za Satani, ko ukuboko Kwe gutabara kuzashyigikira abantu bose bamwiririgira.” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.742.

b. Uko turushaho kumenya Yesu neza, ni izihe ngaruka bigira? Hoseya 13:4; Abefeso 3:17 - 19.

---

“Ibitekerezo biciriritse abantu benshi bagiyе bagira ku byerekeranye n'imico y'agahebuzo ya Kristo n'umurimo We, byagabanyije ubunararibonye bwabo mu by'idini kandi byabereye inkomyi mu buryo bukomeye iterambere ryabo mu mibereho iva ku Mana. Nk'ishyanga, iyobokamana bwite muri twe riri ku rwego rwo hasi cyane. Hariho uburyo bwinshi, imikorere myinshi, amadini menshi y'indimi, ariko hari ikintu cyimbitse kandi gikomeye cyane kurutaha gikwiriye kuzanwa mu mibereho yacu y'iby'iyobokamana.” - *Ibid*, p.743.

“Yesu yaravuze ati: 'Kuko Data na we abakunda ubwe'. Niba ukwizera kwacu gushingiye ku Mana binyuze muri Kristo, bizagaragaza ko ari 'igit-sika umutima gikomeye kandi gishikamye, cyinjira hirya ya wa mwenda ukingiriza Ahera cyane, aho Yesu yatwinjiriye atubanjirije.' Ni iby'ukuri ko hari igihe tuzahura n'ibiduca tege, dukwiriye kwitega ko tuzahura n'imibabaro, ariko kandi ibintu byose byaba ibyoroheje cyangwa ibikomeme, dukwiriye kubitura Imana. Imana ntija iremererwa n'ubwinshi bw'imibabaro yacu, cyangwa ngo icike tege bitewe n'imitwari yacu iremereye. Yita kuri buri rugo kandi ihanze amaso buri muntu ku giti cye, yita ku bibazo byacu byose n'imibabaro yacu yose. Yita ku marira ya buri wese, Imenya ubumuga bwacu igakorwa ku mutima. Imibabaro yose n'ibigeragezo byemererwa kutugeraho hano, kugirango bisohoze imigambi y'urukundo Rwayo kuri twe, 'kugirango tube abasangiye ubutungane Bwayo' bityo tube abasangiye uwo munezero wuzuye uboneka mu kuba turi kumwe n'Imana.

“Imana y'iki gihe yabahumye imitima, kugira ngo umucyo w'ubutumwa bw'ubwiza bwa Kristo, ari we shusho y'Imana utabatambikira'. Ariko kandi Bibiliya igaragaza mu magambo akomeye cyane akamaro ko kumenya Imana.” - *Ibid*, p.742.

### 3. GUSHAKA NO KUBONA

a. Sobanura uko isi imeze muri iki gihe. 1Yohana 5:19. Ariko se, Imana yatanze ibingana iki mu ijambo Ryayo? 2Petero 1:3.

---

“Satani ahora yiga uko yatera ubwenge bw’abantu guhugira ku bintu bishobora kubabuzza kumenya Imana. Agerageza gutuma bakomeza kwibanda ku bintu bishobora gutuma ubwenge bwabo buhinduka umwiji-ma kandi bigatuma bacika intege. Turi mu isi y’ibyaha kandi yononekaye, ikikijwe n’ibintu bishobora kureshya abayoboke ba Kristo cyangwa bika-baca intege. Umukiza yaravuze ati: ‘Kuko ubugome buzagwira, urukundo rwa benshi ruzakonja.’ Abantu benshi bakomeza kwerekeza amaso yabo ku bubi buteye ubwoba bubakikije, ku buhakanyi no ku ntege nke ziri hirya no hino, maze bakavuga ibyo bintu kugeza ubwo imitima yabo yuzura agahinda no gushidikanya. Bakomeza kuzirikana mbere na mbere ibikorwa by’ubuhanga by’umushukanyi mukuru, kandi bagatekereza cyane ku bintu bica intege byababayeho, mu gihe basa n’abirengagiza imbaraga za Data wa twese wo mu ijuru n’urukundo Rwe rutagereranywa. Ibyo byose nibyo Satani yifuza. Ni ikosa gutekereza ko umwanzi w’ibyo gukiranuka afite imbaraga nyinshi cyane, mu gihe dutekereza gake cyane ku rukundo rw’Imana n’imbaraga Zayo. Tugomba kuganira ibyerekeranye n’imbaraga za Kristo. Nta bushobozi na bukeya dufite bwo kwikura mu ngoyi za Satani, ariko Imana yaduciriye icyanzu cyo gukira. Umwana w’Isumbabyose afite imbaraga zo kuturwanirira, kandi binyuze ku ‘Uwadukunze’ dushobora kuba ‘abaneshi.’” – *Ibihanywa by’Itorero*, vol 5, p.740,741.

b. Ni mu buhe buryo ukunesha mu by’umwuka bifitanye isano ya bugufi no gushishikarira kumenya Imana biruseho? Imigani 9:10; 15:14 (ahabanza).

---

“Kumenya Imana ni urufatiro rw’uburezi nyakuri bwose ndetse n’umurimo wose nyakuri. Nibwo buryo bwonyine bwo kuturinda ibihuko. Ibyo nibyo byonyine bishobora gutuma dusa n’Imana mu mico.

“Ubwo nibwo bumenyi bukenewe n’abantu bose bihatira gushyira imbere bagenzi babo. Guhinduka kw’imico, kugira imibereho iboneye, kugira ubushobozi mu murimo, kugendera ku mahame atunganye, byose bishingiye ku kumenya Imana mu buryo buboneye. Ubu bumenyi ni ingenzi mu kwitegura ubuzima bwa none n’ubw’ahazaza.” – *Umurimo wo Gukiza*, p.409.

#### 4. AMASEZERANO AHEBUJE NDETSE Y'AGACIRO KENSHI

a. Mbese ni ikihe kintu dushobora kuba dusuzugura mu buryo bubabaje mu mibereho yacu ya Gikristo? 2Petero 1:4.

“Niba dushaka kwirinda kugerwaho n'imibereho iteye agahinda, dukwiriye guhita dutangira tudatindiganyije gukorana umwete kugirango tuzabone agakiza kacu, dutinya kandi duhinda umushyitsi. Hariho abantu benshi badatanga igihamya gifatika cy'uko ari abanyakuri ku ndahiro zabo z'umubatizo. Ishyaka ryabo ricogozwa kandi rigakonjeshwa no gutwarwa n'imihango y'idini, kwifuza iby'isi, ubwibone no kwikunda. Rimwe na rimwe amarangamutima yabo arakangurwa, nyamara ntibagwe kuri Rutare, Yesu Kristo. Ntabwo basanga Imana bafite imitima ishenjaguritse, bicuza kandi bihana ibyaha. Abantu basohoza umurimo wo kwihana by'ukuri mu mitima yabo, bazagaragaza imbuto z'umwuka mu mibereho yabo.” - *Ibhamya by'Iterero*, vol 9, p.155.

“Iyo dushikanye muri Kristo, tuba dufite imbaraga umuntu uwo ariwe wese adashobora kutwambura. Ibyo biterwa n'iki? Ni ukubera ko dusangiye kamere y'Imana, tukaba tumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza, dusangiye kamere n'Uwaje ku isi yambaye ubumuntu, kugirango ahagararire inyokomuntu kandi agire imico itariho ikizinga cyangwa icyasha cy'icyaha.

“Kubera iki abenshi muri twe dufite intege nke cyane kandi ntitugire ubushobozi bwo gukora? Ni ukubera ko twirebaho ubwacu, tukiga imico yacu bwite kandi tukibaza ukuntu dushobora kwishakira umwanya, tukita ku bitwerekeyeho ubwacu, no ku mwihariko wacu, mu cyimbo cyo kwiga Kristo n'imico Ye.” - *Ibid*, vol 9, p.187.

b. Ni iyihe mpinduka ibaho muri twe mu gihe dusobanukiwe neza yo masezerano? Abaroma 3:31; 8:14.

“Nk'Abakristo, twasezeranye kumenya no gusohoza inshingano zacu ndetse no kwereka ab'isi ko dufitanye isano ya bugufi n'Imana. Muri ubwo buryo, binyuze mu magambo no mu mirimo itunganye by'abigishwa Be, Kristo agomba kugaragaza.

“Imana idusaba kumvira amategeko Yayo mu buryo buboneye, kuko ayo mategeko agaragaza imico Yayo..... Aya mategeko ni ukwirangira kw'ijwi ry'Imana, ritubwira riti: 'komeza were, yego, komeza were.' Mwifuzze kuzura k'ubuntu bwa Kristo. Yego rwose, mwifuzze cyane (musunzere kandi mugirire inyota) gukiranuka. Isezerano ni iri ngo: “Muzahazwa”. Mureke imitima yanyu igire icyifuzo gikomeye cyo guhabwa uko gukiranuka, uko ijamba ry'Imana rivuga ko umurimo wako ari amahoro, kandi ibiva kuri uko gukiranuka ni ihumure n'ibyiringiro by'iteka ryose.

“Ni amahirwe yacu kuba abafatanyije na kamere y'Imana, tumaze guhunga kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza.” - *Bible Training School*, February 01, 1904.



## 5. ABAROBANUWE MU BURYO BW'IGITANGAZA

a. Sobanura ubushake bw'Imana kuri buri mwana w'umuntu. Yohana 17:17; Zaburi 119:151.

"Imana idusaba ko dushushanywa n'ishusho Yayo. Kwera ni ukwigaragaza guturutse ku bwoko Bwayo kw'imirasire irabagirana y'ubwiza Bwayo. Nyamara kugirango ubwo bwiza bugaragazwe, dukwiriye gukorana n'Imana. Umutima n'ubwenge bigomba gukurwamo ibintu byose biyobora ku kibi. Ijambo ry'Imana rigomba gusomwa kandi rikiganwa umwete kugirango turikemo imbaraga z'umwuka. Umutsima wo mu ijuru ugomba kuribwa no kugogorwa, kugirango uhinduke umugabane w'ubugingo. Uko niko twakira ubugingo buhoraho. Iyo bigenze gutyo; habaho gusubizwa kw'isengesho Umukiza yasenze agira ati: "Ubereshe ukuri, ijambo ryawe niryo kuri."

"Abamarayika ntibashobora gufata imyanya yacu; ariko baba biteguye gukorana natwe mu gukururira abantu kuri Kristo, kandi baduhendahendera gukorana nabo mu bufatanye." - *Bible Training School*, February 01, 1904.

"Imana yasobanuye yeruye neza ko idusaba kuba intungane; kandi kubera ko ibidusaba, yakoze ibikenewe byose kugirango tube abasangiye kamere y'Imana. Ubwo nibwo tubasha kugera ku nsinzi igihe tumaranira gusingira ubugingo buhoraho. Imbaraga zitangwa na Kristo." - Ibid.

b. Mbese ni iki Imana iduhamagarira muri iki gihe? 2Abakorinto 6:15 - 18; 7:1.

"Umuremyi w'ijuru n'isi arakubwira nk'umubyeyi ugufitiye urukundo rwinsi. Niwitandukanya n'ab'isi mu rukundo rwawe, kandi ugakomeza kwirinda kugerwaho no guhumanya kwabo, uguhunga ukononekara kwazanywe mu isi no kwifuza, Imana izaba So, izakwakira mu muryango Wayo, kandi uzaba umuragwa Wayo. Mu cyimbo cy'isi, izaguha ubwami bwose buri muni y'amajuru nk'ingororano y'imibereho yo kumvira. Izaguha ubwiza bwinsi bw'iteka ryose, iguhe n'ubugingo buhoraho." - *Ibihamya by'Iterero*, vol 2, p.44.

## Kuwa Gatandatu

## 05 Nyakanga

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Mbese ukwizera kurushijeho gukomera guturuka hehe?
2. Ni ikihe kintu gishobora kuba cyarambujije gushimira mu buryo bwuzuye urukundo Imana yankunze?
3. Ni mu buhe buryo "ibiti bimenyekanisha icyiza n'ikibi" muri iki gihe byantesheje umurongo nkayoba?
4. Byagenda bite se ndamutse nshikanye muri Kristo uko ntigeze ngenza mbere hose?
5. Dukurikije iki cyigisho, ni gute imico yanjye ifite inenge ishobora kubonezwa?

# Mugire Umwete wo Kuzamuka Ingazi

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Ibyo abe ari byo bituma mugira umwete wose, kwizera mukongereho ingeso nziza, ingeso nziza muzongereho kumenya, kumenya mukongereho kwirinda, kwirinda mukongereho kwihangana, kwihangana mukongereho kūbaha Imana.” (2Petero 1:5,6).

“Petero atugezaho urwego rwo kwezwa nyakuri, rushinze hasi ku isi, rugakoza umutwe warwo ku ntebe ya cyami y’Isumbabyose. Ntidushobora kugera ku ngazi iheruka y’urwo rwego dushyizeho umuhati umwe gusa. Dukwiriye kuzamuka ingazi ku yindi. Muri urwo rugamba niho twugarizwa n’akaga ko kuzungu isereri, gucika intege no kugwa, keretse dukomeje guhanga amaso yacu mu ijuru, tukitegereza Yesu, We banze ryo kwizera kwacu akaba ariwe ugusohozwa rwose.” – *Urwibutso n’Integuza*, kuwa 01 Ukuboza 1885.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Umurimo wo Gukiza*, p.497 – 502.

*Kuwa Mbere*

**07 Nyakanga**

## 1. INDANGAGACIRO Y’INGENZI YA GIKRISTO

a. Mbese ni iyihe ntambwe ikurikiraho mu gihe twihatira kubaka ukwizera kwacu? 2Petero 1:5 (ahabanza).

“Nyuma yo kwakira kwizera kuva mu butumwa bwiza, umurimo wacu wa mbere ni ukongeraho amahame y’ingeso nziza kandi atunganye, bityo tukaboneza ubwenge n’umutima kugira ngo byakire ubumenyi nyakuri.” – *Ibihamya by’Itorero*, vol 1, p.552.

“Ni urugamba rw’igihe cyose guhora turi maso kugirango turwanye ikibi, ariko bisaba ko umuntu anesha inarije kandi agatsinda imbaraga z’umwijima. ....

“Nta muntu n’umwe ushobora kuzamuka ngo agere ku rwego rw’icyubahiro, adafite ingeso ziboneye, zitanduye. Ariko kandi, imigambi myiza no gukunda ibyo gukiranuka, si ibintu abantu bavukana. Imico ntishobora kugurwa, ikwiriye kuremwa binyuze mu kuba umuntu yashyiraho imihati ikomeye kugirango arwanye ibishuko. Kuboneza imico ngo ibonere ni umurimo w’ubuzima bwose, kandi ni umurimo wo gutekereza ku bintu mu buryo bwimbitse binyuze mu isengesho rifatanyije n’umugambi ukomeye. Imico myiza ihanitse ufite igomba kuba yaraturutse ku mihati yawe bwite. Inshuti zawe zishobora kugutera umwete, ariko ntizishobora kugukorera umurimo. Kwifuza, kwitsa umutima, kugira inzizi, ntibizigera bikugira [umuntu] ukomeye cyangwa mwiza. Ukwiriye kuzamuka. Kenyera ushikame mu bwenge bwawe, kandi ujye ku murimo ukoreshe imbaraga zose z’ubushake bwawe.” – *Amahamashingiro y’Uburezi bwa Gikristo*, p.87.

## 2. UBUMENYI BW'INGENZI BUHESHA AGAKIZA

a. **Sobanura ubwoko bw'ubumenyi twahamagariwe kugira mu kuzamuka ingiza ya Petero. 2Petero 1:5 (ahaheruka); Yohana 17:3.**

“Intumwa Petero ashyira imbere y' abizera urwego rw'amajyambere ya Gikristo aho buri ntambwe yarwo ihagarariye kuja mbere mu kumenya Imana kandi mu kuruzamuka akaba ari nta hantu ho guhagarara hahari....

“Umwizera umaze kwakira ukwizera kuva ku butumwa bwiza, icyo akwiriye gukurikizaho ni ukongera ingeso nziza ku mico ye, bityo umutima we ukezwa kandi agategurira intekerezo kwakira ubumenyi bw'Imana. Ubu bumenyi ni urufatiro rw'inyigisho nyakuri zose n'umurimo wose w'ukuri. Ubu bumenyi nibwo burinzi bwonyine nyakuri burinda ibishuko; kandi ni bwo bwonyine bushobora gutuma umuntu asa n'Imana mu mico. Kubwo kumenya Imana n'Umwana wayo Yesu Kristo, umwizera ahabwa “ibintu byose bijyanye n'ubugingo no kugira neza.” Nta mpano nziza ivutswa umuntu wifuzaga guhabwa gukiranuka kw'Imana abikuye ku mutima.” - *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 19 Nzeri 1912.

“Dukwiriye kwigira kuri Kristo. Dukwiriye kumenya icyo abereye abo yacunguye. Dukwiriye gusobanukirwa ko binyuze mu kumwizera, ari amahirwe yacu gusangira kamere y'Imana, tumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuzaga. Ubwo nibwo twezwaho ibyaha byose, n'ingenze zose z'imico. Ntidukeneye gukomeza kugira kamere ibogamira ku cyaha....

“Uko tugenda tugira kamere y'Imana, imyifatire mibi yo gukora ibyaha twavukanye n'iyi twimenyereje, ikurwa mu mico yacu; maze tukagira imbaraga nzima ituma dukora ibyiza. Guhora twiga buri gihe ibyerekeranye n'Umwigisha mvajuru, buri muni tugira kamere Ye, dufatanyaga n'Imana mu gutsinda ibishuko bya Satani. Imana irakora n'umuntu agakora, kugirango umuntu ashobore kuba umwe na Kristo nkuko Kristo ari umwe n'Imana.” - *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 7, p.943.

b. **Vuga ubwoko bwa kabiri bw'ubumenyi bukenewe mu kukura kwa Gikristo. Zaburi 77:6; 2Abakorinto 13:5.**

“Kugirango duhabwe ubufasha buvuye kuri Kristo, dukwiriye kumenya uko tubukeneye. Tugomba kumenya abo turi bo by'ukuri. Umuntu uzi ko ari umunyabyaha niwe wenyine Kristo ashobora gukiza. Mu gihe tuzaba tumaze kubona ko turi impezamazayo rwose kandi ko twazitswe ukwiyiringira koko, nibwo gusa tuzashobora kugundira imbaraga y'Imana.” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 8, p.316.

### 3. KWITEGEKA, NTABWO ARI UKUTIFATA

a. Mbese ni iyihe ngingo abigisha b'ubutumwa Bwiza bibandaho? Ibyakozwe n'Intumwa 24:24,25; Abafilipi 4:5.

“Naganiriye n’abantu hafi isaha n’igice ku rwego rwa Petero rwo kwezwa rugizwe n’imitambiko umunani. Nashimangiye ibyerekeranye no kwirinda ndetse n’akamaro k’uko ababyeyi bigisha abana babo kwiyanga, kwifata, bakirinda irari n’ibyifuzo by’ibinezeza, aribyo bituma badakomeza kugira imbaraga z’ubwenge, iz’imicombonera n’iz’umubiri.

Ibyigisho byerekeye kwitegeka no kwiyanga, bigomba guhabwa abana n’urubwiruko binyuze mu burezi bahabwa. Irari rigomba gukumirwa no kwigishwa, kandi uwo ni umurimo ababyeyi bafiteho inshingano. Urubwiruko rwo mu bisekuru byatambutse rwabaye ikimenyetso cy’uko umuryango mugari wari umeze.

“Iyo ababyeyi baza kuba barasohoje inshingano yabo yo gutegeka ibyokurya biboneye ku meza yabo, bakirinda ibintu bikabura umubiri kandi bikangura irari, maze muri uwo mwanya bakigisha abana babo kwitegeka kandi bagatoza imico yabo kugirango bagire imbaraga mu by’imicombonera, ubu ntituba turi guhangana n’ingeso z’ubukana nk’ubw’intare zo kutirinda. Iyo umuntu amaze kugira akamenyerero ko kwinezeza, uko akura izo ngeso zigakura, kandi uko agira imbaraga nazo zikagira imbaraga, mbega ukuntu bigora abantu batatojwe neza bakiri bato kureka ingeso mbi bari bafite no kwiga kuzirinda, no gutegeka irari ryabo ritari irya kamere! Mbega ukuntu bigora cyane kwigisha abantu nk’abo no gutuma bumva ko ari ngombwa kugira ukwirinda kwa Gikristo; igihe bamaze gukura! Amasomo yo kwirinda agomba gutangira umwana akiri muto.” – *Urwibutso n’Integuza*, kuwa 11 Gicurasi 1876.

b. Mbese ni iki gikurikira urwego, kandi ni ukubera iki? 2Petero 1:6 (ahabanza).

“Imana ntiha umuntu uburenganzira bwo kwica amategeko agenga ubuzima bwe. Ariko binyuze mu kumvira ibishuko bya Satani biha intebe ukutirinda, umuntu atuma ubushobozi bwe buhanitse buba imbata y’irari n’ipfa bya kinyamaswa. Igihe ibyo bihawe icyicaro, umuntu wari wararemwe aburaho gato ngo abe nk’abamarayika, afite ubushobozi bubasha gutezwa imbere bukagera ku rwego ruhanitse, bene uwo muntu yiyegurira gukoreshwa na Satani. Ikindi kandi bene uwo muntu agera ku babaswe n’irari ry’inda mu buryo bworoshye. Bitewe no kutirinda, abantu bamwe bashyira mu kaga kimwe cya kabiri cy’imbaraga zabo z’umubiri, iz’ubwenge n’iz’umutima, naho abandi bagashyira mu kaga bibiri bya gatatu by’izo mbaraga maze bagahinduka ibikinisho by’umwanzi Satani. Abantu bashaka ko intekerezo zabo ziba zitunganye kugirango babashe gutahura imitego ya Satani, irari ryabo ry’umubiri rigomba gutegekwa n’ubwenge n’umutimanama. Igikorwa cy’umutimanama ndetse n’icy’imbaraga kiva ku bushobozi buhanitse bw’intekerezo ni ingenzi kugirango habeho gutungana kw’imico ya Gikristo.” – *The Health Reformer*, March 01, 1878.

#### 4. KWIHANGANA NTIBISHOBOKA HATABAYEHO KWIRINDA

a. Ni gute kwirinda bituganisha ku yindi ndangagaciro y'ingenzi kuri rwa rwego? 2Petero 1:6 (hagati); Luka 21:19.

“Imyitozo cyangwa ingeso iyo ariyo yose izatuma imbaraga z'imitsi yumva cyangwa iz'ubwenge zicogora, cyangwa imbaraga z'umubiri zikagabanuka, zituma bidashoboka gukoresha ubuntu buza bukurikiye ukwirinda - aribwo kwihangana....

“Umuntu utirinda, ukoresha ibinyobwa bikabura umubiri; nka byeri, vino, ibinyobwa bisindisha, icyayi n'ikawa, opiyumu, itabi, cyangwa ikindi kintu icyo aricyo cyose muri ibyo cyangiza ubuzima, ntashobora kuba umuntu wihangana. Kubw'ibyo, kwirinda ni umutambiko w'urwego tugomba gukandagizaho ibirenge byacu mbere yuko twongeraho ingeso yo kwihangana. Mu mirire, mu myambarire, mu kazi, mu masaha asanzwe, mu myitozo ngororamubiri, dukwiriye kumenya ko iyo ari inshingano dufite kugirango dushobore kwishyira mu mushyikirano uboneye w'imibereho n'amagara mazima.” - *Our High Calling*, p.69.

b. Ni gute kwirinda bifasha mu guteza imbere ingeso yo kwihangana, kandi se, ni ukubera iki byombi ari ingenzi cyane muri iki gihe giheruka amateka y'isi? Ibyahishuwe 14:12.

“Byinshi mu bigeragezo itorerero rihura na byo bituruka ku mururumba wo gukoresha nabi igifu. Abarya ibyokurya kandi bagakora akazi mu buryo butarimo kwirinda ntibanatekereze neza barangwa no kuvuga amagambo ndetse no gukora ibikorwa badatekerejeho. Umuntu urangwa no kutirinda ntashobora kuba umuntu wihangana. Kuba umuntu utirinda ntibisaba kuba umuntu unywa ibinyobwa bisindisha gusa. Icyaha cyo gukabya mu mirire, ukarya utirinda, uhora urya inshuro nyinshi, urya ibyokurya byinshi bikabije kandi bitaboneye, byangiza imikorere myiza y'urwungano rw'igogora, bikagera ku bwonko, maze bikagabanya imbaraga zo gutekereza, bityo bikagwabiza imbaraga yo gushyira mu gaciro, kwitonda, no kugubwa neza mu ntekerezo no mu bikorwa. Ibi rero ni byo nkomoko y'ibigeragezo bigera ku itorerero. Niyo mpamvu, kugira ngo abantu b'Imana babe bemewe imbere yayo, aho bashobora kuyiheshereza icyubahiro mu mibiri yabo n'umwuka wabo, ari nabyo kandi bahawe n'Imana ubwayo, bagomba gushishikarira no kugira umwete wo kwanga umururumba uturuka ku irari mu mirire, bakarangwa no kwirinda muri byose. Ubwo rero ni bwo bazashobora guha agaciro no gusobanukirwa ukuri mu bwiza n'ubusobanuro bwako, maze bakakugendana mu mibereho yabo, hanyuma kubwo gukomeza iyo nzira irangwa n'ubwenge no gutekereza bikwiriye, ntibahe urwaho abanzi bo kwizera kwacu kugira ngo batagayisha umurimo w'ukuri.” - *Ibihanywa by'Itorero*, vol 1, p.618,619.

## 5. UMUSARURO UHEBUJE WO KWIHANGANA

a. Ni ukuhe gushyira mu bikorwa ukwihangana no kuguteza imbere muri twe? 2Petero 1:6 (ahaheruka).

“Kutihangana bitera amakimbirane, kurega abandi, n’agahinda; ariko kwihangana byo bisuka amavuta y’amahoro n’urukundo, mu byo umuntu ahura nabyo mu buzima bwo mu rugo. Iyo dukoresheje ubuntu bw’agaciro kenshi bwo kwihanganira abandi, bizagaragaza umwuka wacu, kandi tuzateranira hamwe na Kristo. Kwihangana bizatuma habaho ubumwe mu itorero, mu muryango no muri rubanda. Ubu buntu bukwiriye kuboherwa mu mibereho yacu. Umuntu wese akwiriye kuzamuka uru rwego rw’iterambere ry’imico, kandi ukwizera akongeraho ingeso nziza no kwirinda, ndetse n’umuco wo kwihangana.

“Kandi kwihangana mukongereho kubaha Imana.’ Kubaha Imana ni imbuto y’imico ya Gikristo. Nituguma ku Muzabibu, tuzera imbuto z’Umwuka. Ubuzima bw’Umuzabibu buzagaragarira mu mashami yawo. Dukwiriye kugirana imishyikirano ya bugufi n’ijuru, niba twifuza kugira umuco wo kubaha Imana. Yesu akwiriye kuba umushyitsi mu ngo zacu, akaba umwe mu bagize imiryango yacu, niba tugaragaza ishusho Ye kandi tukerekana ko turi abahungu n’abakobwa b’Isumbabyose. Iyobokamana ni ikintu cyiza cyane imuhira. Uwiteka nabana natwe, tuzumva ko turi abagize umuryango wa Kristo mu ijuru. Tuzasobanukirwa ko abamarayika batwitegereza, kandi imyifatire yacu izaba irangwa n’ubugwaneza no kwihangana. Tuzaba dukwiriye kwinjira mu bikari byo mu ijuru, binyuze mu kwimenyereza kurangwa n’urugwiro no kubaha Imana. Ibiganiro byacu bizaba ibyera, kandi ibitekerezo byacu bizaba bishingiye ku bintu byo mu ijuru.

“Henoki yagendanaga n’Imana. Yubahaga Imana mu mibereho ye yose. Mu rugo rwe, no mu kazi ke, yajyaga yibaza ati: “Mbese ibi bizemerwa n’Uwiteka?” Kandi kubwo kwibuka Imana no gukurikiza inama Zayo, yarahindutse mu mico; maze aba umuntu wubaha Imana, ugendera mu nzira zinezeye Uwiteka.” - Urwibutso n’Integuza, kuwa 21 Gashyantare 1888.

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni ukubera iki nkeneye kwimenyereza imico ya Gikristo, yaba iy’ubunyangamugayo cyangwa iy’ubuhemu?
2. Ni gute narushaho kumenya Imana kandi ni ukubera iki ari ingenzi kuyimenya nonaha?
3. Mbese ni hehe mu buzima nkeneye kugira ukwirinda kuruseho?
4. Ni ukubera iki kwihangana ari ingenzi cyane mu muryango mugari w’abantu bagenda barushaho kuba babi n’abanyamahane?
5. Ni ryari kandi ni hehe kubaha Imana byagaragajwe, nkuko Henoki yabayeho urugero rwabyo?

# Kuby'icyubahiro, Umuntu wese ash-yi-re imbere Abandi

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Ku byo gukunda bene Data mukundane rwose, ku by'icyubahiro umuntu wese ash-yi-re imbere mugenzi we.” (Abaroma 12:10).

“Imenyereze kubona ko abandi bakuruta. Ntukumve ko wiha-gije, ntukiyiringire, ujye urangwa no kwihangana, kandi urangwe n'urukundo rwa kivandimwe.” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.133.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.167 - 177.

**Kuwa Mbere**

**14 Nyakanga**

## 1. KUGIRA NEZA

a. Ni iki gikwiriye guturuka ku ngaruka isanzwe y'umushyikirano nyakuri umuntu agirana n'Imana? 2Petero 1:7 (ahabanza); Mariko 12:28 - 31.

“Muzamure ibendera, murizamure, muzamure kandi mukomeze muzamure cyane. Mwerekese abantu ku gice cya makumyabiri cyo mu Kuva, aho amategeko y'Imana yanditswe. Amategeko ane abanza atwerekana inshingano dufite ku Muremyi wacu. Umuntu ubeshya Imana ye ntashobora kubera umuturanyi we umunyakuri. Umuntu ukunda Imana by'ikirenga, azakunda mugenzi we nkuko yikunda. Ubwibone butuma umuntu yishyira mu bitagira umumaro; bigatuma umuntu yigira Imana. Ubutumwa bwiza bwa Kristo bweza ubugingo, bukirukana ukwikunda.” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 9, p.211,212.

“Nta muntu n'umwe ushobora gukunda Kristo ngo yange abana Be. Igihe twunze ubumwe na Kristo, tugira umutima wa Kristo. Kubonera n'urukundo bigaragarira mu mico yacu, ubugwaneza n'ukuri bikagenga imibereho. Mu maso hacu hahinduka ukundi. Kristo uguma mu bugingo akoresha imbaraga ye ihindura, imibereho y'inyuma ikagaragaza amahoro n'ibyishimo biri imbere. Tugotomera urukundo rwa Kristo, nk'uko ishami ritugwa n'ibivuye mu muzabibu. Niba dutewe muri Kristo, iyo dufatanye n'Umuzabibu Ubeshaho, tuzabihamisha kugira amasero menshi y'imbuto zibeshaho. Nituba dafatanye n'Umucyo, tuzaba imiyoboro y'umucyo, kandi mu magambo yacu n'imirimbo yacu tuzamurikira ab'isi.” - *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.337.

## 2. UKUGIRANEZA KUVUYE KU MUTIMA

a. Ni gute ugukunda bene data bifitanye isano ya bugufi no kwizera Imana by'ukuri hamwe no guhamya Kristo mu buryo bukwiye? 1Yohana 4:20,21; Yakobo 3:17.

---

“Kubaha Imana dusabwa kubyongeraho gukunda bene data. Mbega ukuntu dukeneye gutera iyo ntambwe kenshi, kugirango twongere iyo ndangagaciro mu mico yacu! Mu ngo zacu nyinshi, hagaragaramo umwuka wo kwintangira no guhangana. Amagambo yo kunegurana n'ibikorwa by'ubugome ni ugucumura ku Mana. Amategeko y'igitugu, imyifatire irangwamo ubwibone, kumva ko usumba abandi, ibyo ntabwo byemerwa n'Ijuru. Impamvu hari ibintu byinshi bene data batandukaniyeho, ni uko bananiwe kongera urukundo rwa kivandimwe. Dukwiriye kugirira abandi rwa rukundo Kristo yadukunze. Umwami w'ijuru niwe ugenzura agaciro nyakuri k'umuntu. Umuntu naba umunyamwaga mu rugo rwe rwo ku isi, ntaba akwiriye kuba mu rugo rwo mu ijuru. Niba ashaka ko ibintu bigenda nkuko ashaka, atitaye kubo bitera agahinda, kuba mu ijuru kwe ntibyamunyura, keretse iyo aza kuba ashobora kuhategeka. Urukundo rwa Kristo rukwiriye gutegeka imitima yacu, kandi amahoro y'Imana azaba mu ngo zacu. Mushake Imana mufite umutima umenetse kandi ushenjaguwe, muzarangwa n'impuhwe mugirira bene so [muri Kristo].” - *Uruvutso n'Integuza*, kuwa 21 Gashyantare 1888.

b. Vuga intambwe y'ibanze tugira nyambere mu gukunda bene data. Matayo 6:12,14,15; Abefeso 4:32.

---

“Kuba dusaba ko Imana itugirira imbabazi bishobora gusuzumishwa imbabazi tugirira abandi. Kristo avuga ko iri ari ihame Uwiteka agenderaho ku byo adukorera. [Matayo 6:14,15]. Mbega amagambo meza! Ariko mbega uburyo tuyasobanukirwa buhoro cyangwa tukayitondera gake! Kimwe mu byaha birusha ibindi kuba rusange kandi kikagira ingaruka mbi cyane, ni ukwishimira kugira umutima utababarira. Ni abantu bangahe bagaragaza umwuka wa kinyamaswa no kwihorera maze bagapfukama imbere y'Imana bayisaba kubabarirwa nkuko bababarira? Mu by'ukuri ntibashoboye kumva ibyo iri sengesho ryari kubazanira, kandi [Iyo babisobanukirwa] ntibari guhangara kurisohora mu kanwa kabo. Tubeshejweho n'imbabazi z'Imana buri muni na buri saha, none mbega uburyo tugaragariza bagenzi bacu b'abanyabyaha ubusharire n'igomwa! Iyaba Abakristo bashyiraga mu bikorwa amahame y'iri sengesho mu bantu bose bashyikirana na bo, mbega impinduka y'umugisha yagaragara mu itorero no mu isi! Iri sengesho ryari kuba igihamba cyemeza umutima gishobora gutanga ukuri kw'idini rya Bibiliya” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.170,171.



## 3. GUTSINDA INZITIZI ZITAMBAMIRA UGUKUNDA BENE DATA

a. Sobanura ubugari n'uburebure bw'urukundo nyakuri rwa kivandimwe. Abaroma 12:9,10; Abafilipi 2:3.

---

“Pawulo yifuza ko dutandukanya urukundo rutunganye kandi rutikanyiza ruba rushingiye ku Mwuka wa Kristo, n'urukundo rudasobanutse, rurangwamo uburyarya, rwiganje mu isi. Iki cyiganano cyayobeje imitima ya benshi. Kibakuriraho itandukaniro ry'icyiza n'ikibi, kubwo kwemera abanyabyaha mu cyimbo cy'abakiranutsi babereka ibyaha byabo. Iyo mibereho ntitanga ubucuti nyakuri. Umwuka ugaragazwa n'uru rukundo uboneka gusa mu mutima wa kamere. Mu gihe Abakristo bazaba abagwaneza, abanyampuhwe kandi bakagira imbabazi, bazumva badashobora gushyira hamwe n'icyaha. Ku byerekeranye n'ubucuti bwabo n'abapagani, bazamagana ikibi maze bakurikire icyiza. Umwuka wa Kristo uzatuyobora ku kwanga icyaha, mu gihe tuzagira ubushake bwo gutanga igitambo icyo aricyo cyose kugirango dukize umunyabyaha.” - *Ibihanywa by'Itorero*, vol 5, p.171.

b. Mbese ni iki gihora kibera inzitizi ugukunda bene data, kandi ni gute dushobora kurokoka umutego nk'uwo? Luka 6:45; Abaheburayo 12:15.

---

“Kuvuga abandi iby'amazimwe no kubanegura mu buryo bubabaje birakorwa, ariko uwo mwanya abantu bavugira utugambo mu rwishisho no kunegura abandi ntibabona intege nke zabo bwite.” - *Ibid*, vol 4, p.222.

“Kuvuga nabi abandi ni umuvumo w'uburyo bubiri, ugera cyane mu buryo bukomeye ku uvuga kuruta uwumva. Umuntu unyanyagiza akabiba imbuto z'amacakubiri n'intonganya, mu mutima we azasaruramo imbuto z'urupfu. Mbega ukuntu umunyabinyoma n'ukeka ibibi bateye agahinda!...

“Icyaha cyo kuvuga ibibi abandi gitangirana no guha urwaho ibitekerezo bibi. Mu buriganya hakubiyemo ibikorwa bidatunganye by'uburyo bwose. Iyo umuntu yihangiye ibitekerezo bidatunganye, akagira ibyifuzo byanduye, ubugingo buranduzwa, ubutungane bwabwo bukangirika.... Niba tudashaka icyaha, dukwiriye kwirinda intangiriro yacu. Buri byiyumvo n'ibyifuzo byose bigomba kuyoborwa n'ubwenge n'umutimanama. Buri gitekerezo cyose cyanduye kigomba guhita cya-maganwa. Mwebwe bayoboke ba Kristo, nimujye mu byumba byanyu. Mujye musenga mufite kwizera kandi mubikorane umutima wose. Satani ari maso kugirango ibirenge byanyu abigushe mu mutego. Niba mushaka guhunga uburiganya bwe, mukwiriye kugira ubufasha buturutse mu ijuru.” - *Ibid*, vol 5, p.176,177.

## 4. IGIHAMYA NTAKUKA CY'UKUBA UMWIGISHWA

a. Mbese ni irihe hame rya Bibiliya duhora twibagirwa, ku buryo urukundo rwa benshi rukonja? Tito 3:2. Mbese bizagenda bite nitwubahiriza iryo hame? Yohana 13:35.

“Nimureka ‘umurezi wa bene data’ akinjira mu mutima w’umwe mu bantu [bahuje ukwizera] agategeka intekerezo n’ubwenge, maze ifuhe rikaremwa, ugushidikanya n’ishyari bikavuka, kandi uwibwiraga ko afite umutekano mu rukundo rw’umuvandimwe we no mu bucuti afitanye na we, yisanga nta cyizere afitiwe kandi ibyo agamije bikagibwaho umugayo. Umuvandimwe gito yibagirwa intege nke ze bwite za kimuntu, akibagirwa inshingano ye yo kudatekerezza ikibi no kutavuga ibibi, kugirango adasuzuguzwa Imana kandi agakomeretsa Kristo mu maso y’abera Be, kandi buri nenge yose umuntu ashobora gutekereza cyangwa kwiyumvisha, ivugwaho nta mpuhwe kandi imico ya mwene data igaragazwa ko ari mibi kandi ko ariyo gushidikanywaho.

“Hariho ukugambanira ibyiringiro byera. Ibintu byavuzwe mu kugirirana icyizere bya kivandimwe birasubirwamo kandi bikagaragazwa mu buryo butari bwo, buri jambo na buri gikorwa cyose nubwo cyaba ari nta makemwa kandi gisobanutse neza, kigayishwa n’amagambo y’uburakari no kunegurwa kurangwamo ishyari by’abantu bibwiraga ko ari imbonera, bakumva bakwiriye icyubahiro cyane ku buryo badashobora na gato kungukira ku mushyikirano wa gicuti bagirana cyangwa kwiringirwa n’abavandimwe babo. Umutima ubumbatirwa n’imbabazi, ubutabera n’urukundo by’Imana; kandi hahishurwa umwuka w’ubukana, gushinyagura kandi urangwamo agasuzuguro Satani agaragariza umunyago we [yigaruriye].

Umukiza w’ab’isi yagiriwe atyo kandi natwe twibasirwa n’imbaraga y’umwuka nk’uwo w’igomwa. Igihe kirageze ubwo nta mutekano uri mu kwiringira inshuti cyangwa umuvandimwe.

“Nk’uko mu gihe cya Kristo abatasi bamukurikiraga, ni nako bimeze kuri twe muri iki gihe. Niba Satani ashobora gukoresha abantu bavuga ko ari abizera kugirango babe abarezi ba bene data, biramushimisha cyane; kubera ko abakora batyo mu by’ukuri baba bamukorerana nk’uko Yuda yagenje igihe yagambaniraga Kristo, kabone nubwo bashobora kubikora batabizi.” - *Urwi-butso n’Integuzi*, kuwa 03 Kamena 1884.

“Niba icyaha kigaragara rwose muri mwene data, wicyongorera undi, ahubwo mu rukundo ufitiye ubugingo bwa mwene data uwo, n’umutima wuzuye impuhwe n’imbabazi, mumenyeshe ikosa rye, maze icyo kibazo ukimurekere we n’Uwitwika. Ubwo uba warangije gusohozza inshingano yawe. Ntugomba guca urubanza.

”Kugenga mwene so, kumucira urubanza maze ukamuciraho iteka byahinduwe ikintu cyoroshye. Habayeho ishyaka ry’iby’Imana, ariko ntiryagiye riva mu bwenge. Iyo buri wese atunganya iby’umutima we, igihe abavandimwe mu kwizera bateranye ubuhamya bwabo bwaba buteguwe kandi bugatangwa buvuye mu mutima utaryarya, maze abantu babazengurutse batizera ukuri bagakorwa ku mitima. Kwigaragaza k’Umwuka w’Imana kwabwira imitima yabo ko muri abana b’Imana.” - *Ibihamya by’Itorerero*, vol 1, p.165.

## 5. INZIRA YOSE IGANA KU IHEREZO

a. Mbese itorero rihamagarirwa iki kugeza mu gihe cy'imperuka? Abaheburayo 13:1.

“Urukundo n’ubushake bwiza bibaho gusa iyo inzira zacu zemerwa n’incuti zacu ko ari nziza, nta gaciro nyakuri bifite, kuko ibyo ari ibisanzwe ku mutima utarahindutse. Abantu bavuga ko ari abana b’Imana kandi bakaba bagendera mu mucyo, ntibagomba kurakara cyangwa ngo bababazwe n’uko hari ikibitambitse imbere.

“Ukunda ukuri kandi wifuza cyane ko gutera imbere. Uzashyirwa mu mimerere itandukanye kugirango ugeragezwe kandi usuzumwe. Ushobora gukuza imico nyakuri ya Gikristo nuramuka wemeye gucyahwa. Imibereho yawe y’ingirakamaro iri mu kaga. icyo ukeneye cyane ni ubutungane nyakuri n’umwuka wo kwitanga. Dushobora kugira ubumenyi ku byerekeye ukuri kandi tugasoma ubwiru bwako buhishwe cyane, ndetse tukemera ko imibiri yacu itwikwa kubera ukuri; ariko tudafite urukundo twaba tumeze nk’umuringa uvuga cyangwa icyuma kirenga....

“Mbega ukuntu uzi bike ku bigeragezo by’imitima y’abantu b’abakene babohesheje iminyururu y’umwiji kandi bakaba badafata imyanzuro ntibanagire imbaraga z’imicombonera! Jya uharanira gusobanukirwa intege nke z’abandi. Fasha abakene, ubambe inariye, kandi ureke Yesu ategeke ubugingo bwawe, kugirango ushobore gushyira mu bikorwa amahame y’ukuri mu mibereho yawe ya buri muni. icyo gihe uzaba umugisha ku itorero no ku bantu bose uzaba ushyikirana na bo kuruta mbere hose.” - *Ibhamya by’Itorero*, vol 4, p.133,134.

“Iyo bene data na bashiki bacu baza kuba ababwirizabutumwa b’Imana, bagasura abarwayi n’abababaye, kandi bagakorana ukwihanga na ndetse bakagirira neza abayoba; muri make iyo bigana icyitegererezo, itorero ryari kugubwa neza mu mbago zaryo zose.” - *Ibid*, vol 5, p.176.

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Sobanura icyo abandi bantu bashobora kubona mu nyifato y’umuntu ukunda Imana.
2. Ni gute nshobora kwimenyereza mu mutima wanjye kugira urukundo rwa kivandimwe?
3. Ni nde mu bantu nzi ngomba kugaragariza ineza yimbitse?
4. Ni gute navuga icyaha mu izina ryacyo nyamara nkirinda umwuka wo kurega bene abandi?
5. Mu bitekerezo byanjye, ni ukubera iki nkunda kugirira ubukana abantu bashobora kuba bafite intege nke?

# Intego Ihanitse

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: “Ariko ikigeretse kuri ibyo byose mwambare urukundo, kuko arirwo murunga wo gutungana rwose.” (Abakolosayi 3:14).**

“Igihe abizera biyeguriye Imana bateranye, ntabwo ikiganiro cyabo kizaba ku nenge z’abandi bantu cyangwa ngo kirangwe no kwivovota cyangwa ukutanyurwa; ahubwo gukunda abandi cyangwa urukundo, ari wo murunga wo gutungana ni byo bizabagota.” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 1, p.509.

**Ibitabo Byifashishije:** *Ibihamya by’Itorero*, vol 5, p.154 - 157; 547 - 549.

*Kuwa Mbere*

*21 Nyakanga*

## 1. IBIRI HEJURU NO MUNSI Y’URUKUNDO RUSANZWE

a. Ni ukubera iki urukundo arirwo rwonyine rwavuzwe nyuma yo gukunda bene data? 2Petero 1:7 (ahaheruka); Abaroma 5:7,8; Yakobo 3:17.

---

“Dukwiriye gukunda abantu kubwa Kristo. Biroroshye ko umutima wa kamere wakunda abantu bake bo gukundwa, no kwiyegurira abo bake b’umwihariko, ariko Kristo adutegeka gukundana nk’uko yadukunze.” - *Ibihamya ku Bagabura*, p.156.

b. Mbese ni iki Yesu ahuza n’ubutungane? Matayo 5:43 - 48; Luka 6:36; Abakolosayi 3:14.

---

“Abantu batangazwa n’ukwera n’icyubahiro by’Umukiza wacu, mu gihe urukundo Rwe rutarangwamo kwikanyiza n’ubugwaneza byatsindaga imitima yabo. Yari umuntu utunganye rwose.” - *Ababwiriza b’Ubutumwa Bwiza*, p.156.

“We kwishyiramo ibitekerezo by’uko ufite isumbwe rihanitse, utekereza ko uri mwiza gusumba abandi. “Uwibwira ko ahagaze yirinde atagwa”. Uzagira amahoro n’ikiruhuko igihe ubushake bwawe uzabwegurira kumvira ubushake bwa Kristo. Icyo gihe urukundo rwa Kristo ruzatwarira mu mutima”. - *Ubutumwa ku Basore*, p.73.

## 2. INYIFATO Y'ABO MU IJURU YARATANZWE

a. Sobanura ukwimbika kw'inyifato nyakuri Umukristo agirira abandi. Zaburi 101:2; Abafilipi 2:1 - 4.

---



---

“Umutima uhubuka kandi urakara ubusa uzoroshywa kandi utwikirwe n'amavuta y'ubuntu bwa Kristo. Kumva ko umuntu yababariwe ibyaha bizazana amahoro arenze uko umuntu yayasobanukirwa. Hazabaho guharanira cyane gutsinda ibintu byose birwanya ubutungane bwa Gikristo. Guhangana bizagenda nka nyomberi. Umuntu wari usanzwe ajora inenge z'abamukikije, azabona ko mu mico ye bwite hari inenge zikomeye cyane.” - *Ubutumwa ku Basore*, p.73.

b. Ni gute iyo nyifato yavuzwe haruguru ishobora kuba mu mutima wa buri wese muri twe? Abafilipi 2:5 - 8; 1Abakorinto 2:16.

---



---

“Kwikunda ni ko kutubuzza amahoro. Igihe inarijye ikiriho, duhagurukira guhora twiteguye kuyirinda icyayikoza isoni n'icyayivuga nabi; ariko igihe twapfuye ubugingo bwacu bukaba buhishanywe na Kristo mu Mana, ntabwo tuzita ku gukerenswa no kugirirwa nabi. Ntituzagira amatwi yumva abatugaya, kandi tuzaba impumyi zitabasha kureba uko dusuzugurwa n'uko tugirirwa nabi...”

“Amahoro ya Kristo ni ay'ibihe byose kandi ahoraho. Ntabwo ashingira ku kintu icyo ari cyo cyose cyo muri ubu bugingo, haba ku bwinshi bw'ubutunzi bwo mu isi, cyangwa se ku bwinshi bw'incuti zo mu isi. Kristo ni we soko y'amazi y'ubugingo, kandi umunezero umukomokaho ntushobora gushira.

“Iyo ubugwaneza bwa Kristo bugaragarijwe mu rugo, bunezeza abo muri rwo, ntibutera intonganya, ntibusubizanya uburakari, ahubwo buhosha umujinya, kandi busakaza ineza igera ku bo mu rugo bose. Igihe ubugwaneza bwimajakajwe, butuma imiryango yo ku isi iba umugabane umwe w'umuryango ukomeye wo mu ijuru.

“Icyarushaho kutubera cyiza ni uko twagirirwa nabi baturega ibinyoma kuruta kwitera umubabaro wo kurenganya abanzi bacu kubwo kwihorera. Umwuka wo kwangana no kwihorera wakomotse kuri Satani, kandi nta cyo ushobora kuzanira uwuha intebe kitari ikibi. Kwiyoroshya mu mutima, ari ko mbuto y'ubugwaneza ikomoka ku kuguma muri Kristo, ni bwo bwiru nyakuri bw'umugisha. 'Azarimbishisha abagwaneza agakiza.'” - *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.16,17.

### 3. URUKUNDO NYAKURI N'URUKUNDO RW'IKINYOMA

a. Sobanura urukundo nyakuri Imana yiteguye guha abantu bose bashishikariye kurugundira bashikamye n'abarwimakaza mu buryo bwimbitse. Matayo 5:6; 1Abakorinto 13:4 - 8.

“Kugirango itorero rigubwe neza, abizera baryo bakwiriye gushyiraho imihati myinshi kugirango buhire [ndetse bite] ku kimera cy'urukundo rw'agaciro kenshi. Nimutyo turwishimire mu buryo bwuzuye kugirango rushobore gusekara mu mutima. Buri Mukristo nyakuri wese mu mibereho ye azateza imbere imico y'uru rukundo mvajuru; azagaragaza umwuka wo kwihangana, uwo kugira neza n'uwo kutagira ishyari n'ifuhe. Iyi ngeso igaragarijwe mu magambo no mu bikorwa, ntabwo izatera abandi umujinya, kandi ntizatuma umuntu aba udashobora kwegereka, umunyabukana, udashishikazwa n'iby'abandi bakeneye n'utita ku nyungu zabo. Umuntu uhingira ikimera cy'urukundo rw'agaciro kenshi aziyanga mu mutima, kandi ntazigera yifata kabone nubwo yaba yugarijwe. Ntazagira imigambi mibi n'ibitekerezo bibi ku bandi, ahubwo azumva ababajwe cyane n'icyaha, mu gihe azaba avumbuye ko hari uwo mu bigishwa ba Kristo uwo ariwe wese wakoze icyaha.

“Urukundo ntirwirarira. Ni ingeso irangwa no kwicisha bugufi; ntirutuma umuntu yirata, cyangwa ngo yishyire hejuru. Urukundo dukunda Imana n'urwo dukunda bagenzi bacu ntiruzagaragazwa n'ibikorwa by'urukozasoni, kandi ntiruzatuma tuba abantu barangwa n'ubwibone, bashakisha amakosa ku bandi, cyangwa abategekeshya igitugu. Urukundo ntirwiyemera. Umutima wimitswemo urukundo uzayoborwa ku kugirira neza abandi, ubagirire urugwiro n'impuhwe, baba badushimisha cyangwa batadushimisha, baba batwubaha cyangwa batatwubaha. Urukundo ni hame rikora, buri gihe rutuma dutekereza ku nyungu z'abandi, bityo bikaturinda gukora ibikorwa bitaranga n'ubushishozi, kugirango tudahusha intego yo kuzana abantu kuri Kristo. Urukundo ntirwishakira ibyarwo. Ntiruzashishikariza abantu kwishakira ibinezeza no kwishakira inyungu zarwo bwite. Kuba twubaha I, nibyo akenshi bibuza urukundo gukura.” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.123,124.

b. Ni gute tuburirwa ibyerekeranye n'urukundo rw'ikinyoma? Yakobo 2:19; Yuda 11 - 13.

“Umukuru B...t yagaragaraga ko ari umuntu wera cyane. Yari afite byinshi byo kuvuga byerekeranye n'urukundo. Ku birebana no kwizera, yaravuze ati: 'Icyo dufite gukora ni ukwizera gusa, hanyuma icyo tuzaba dusabye Imana cyose, izakiduha.' Mwene data White yarasubije ati: 'Imigisha yasezeranywe hakurikijwe ikigombero.' Yohana 15:7: 'Nimuguma muri jye amagambo yanjye akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa'. Inyigisho yawe y'ukwizera ntacyo ivuze, ni nk'icyibo cy'ifu gifite imitwe ibiri. Kandi ku byerekeranye n'urukundo nyakuri, ni umuntu w'inyangamugayo cyane utari-geze ava mu nzira y'ukuri kwa Bibiliya.” - *Impano z'Umwuka*, vol 2, p.46,47.

#### 4. IKINTU CY'INGIRAKAMARO

a. Ni gute ari ingirakamaro kuri twe kugumana ingeso zose za Gikristo zarondowe nk'imitambiko iri ku rwego rwa Petero? 2Petero 1:8.

“Nimureke ubuntu bwa Kristo bube muri mwe kandi bube busendereye. Nimuhe Umukiza wanyu urukundo rususurutse kandi rwera kurusha urundi rwose. Nimwumvire ibyo ashaka mu buryo bwuzuye. Nta kintu azemera gifite agaciro kari muni y'ibi ngibi. Ntimukavanwe mu gushikama kwanyu n'abanegurana n'abakobanyi bafite ubwenge bwiyeguriye gukora ibidafite umumaro. Mukurikire Umukiza wanyu naho byaba mu kuvugwa nabi cyangwa se mu kuvugwa neza; byose bibatere kwishima, kandi mwumve ko kwikorera umusaraba wa Kristo ari iby'icyubahiro cyera. Yesu arabakunda. Yarabapfiriye. Nimudashaka kumukorera mufite urukundo rutagabanyije, ntimuzashobora kugera ku kwera gutunganye kubwo kumwubaha, kandi ku iherezo muzahatirwa kumva aya magambo ateye ubwoba ngo “Nimumve imbere.” - *Ibihanywa by'Itorero*, vol 2, p.237.

b. Muri iyi si y'iki gihe irangwamo impagarara, ni iki duhora twirengagiza? Indirimo ya Salomo 2:15.

“Ufite ibintu byinshi bigutera kwiganyira, ibikubereye imitwari ndetse n'inshingano; ariko uko urushaho gushyirwaho igitutu, uko umutwari ugomba kwikorera urushaho kuremera, niko urushaho gukenera ubufasha mvajuru. Yesu azakubera umufasha. Buri gihe ukeneye umucyo w'ubugingo kugirango umurikire intambwe zawe bwite, kandi imirasire yawo mvajuru izamurikira n'abandi. Umurimo w'Imana uko wakabaye uratunganye, kubera ko ibice byawo byose bitunganye. Kwita cyane kubyo ab'isi bita ibintu byoroheje, nibyo bituma ubuzima bugira ubwiza bw'agahebuzo kandi bukagera ku nsinzi. Ibikorwa byoroheje by'urukundo, amagambo make y'ineza, ibikorwa byoroheje byo kwiyanga, gukoresha neza imyanya y'amahirwe yoroheje dufite, gukoreshanya umwete impano dufite nubwo zaba zoroheje, nibyo bitugira abantu bakomeye mu maso y'Imana. Niba ibyo bintu byoroheje byitabwaho mu budahemuka, niba ubwo buntu buri muri mwe kandi bukaba busaze, bizagutunganya rwose mu mirimo myiza yose.

“Ntabwo bihagije gutangana ubuntu ubutunzi bwawe kubw'umurimo w'Imana. Imana isaba ko wakoresha imbaraga zawe zose utizigamye. Kwiganyiriza wowe ubwawe ntiwitange wese byabaye ikosa wakoze mu buzima bwawe. Ushobora gutekereza ko gukomeza kugirana imishyikirano ya bugufi n'Imana bigoye cyane bitewe n'imimerere urimo, ariko umurimo wawe uzagukomerera inkubwe cumi, nuramuka unaniwe gukora ibyo....

“Imana iduhamagarira kuyiyegurira mu buryo bwuzuye kandi ntacyo twisigaraniye, kandi ikintu icyo aricyo cyose kiri muni y'ibyo ngibyo ntabwo Imana icyemera. Uko umwanya urimo uba urushijeho kugorana, niko urushaho gukenera Yesu.” - *Ibid*, vol 4, p.543,544.

## 5. KWIBAGIRWA AKAGA = UBUHUMYI

a. Mbese bizatugendekera bite niba tudafite ubuntu bwa Gikristo uko bwaba bungana kose? 2Petero 1:9; Ibyahishuwe 2:4.

“Umuntu utazamuka urwego rw’iterambere, ngo yingere ubuntu ku bundi ‘ni impumyizi ireba ibiri hafi gusa’, ananirwa kumenya ko iyo adateye ize ntambwe zikurikirana mu kuzamuka ku rwego ingazi ku yindi, mu gukurira mu buntu no kumenya Umwami wacu Yesu Kristo, ntabwo yishyira mu mwana aho umucyo w’Imana uri hejuru y’urwego umurasi-ra. Kuko atongera ubuntu ku bundi, yibagiwe ibyo Imana imusaba, kandi ko yagombaga kubabarirwa ibyaha binyuze mu kumvira ibyo Imana isaba. Aba ari mu mwana w’umunyabyaha imbere y’Imana. Niba afite ubuntu bwa Kristo, azabukoresha kandi abwongere, ariko niba atera imbuto y’imirimo myiza ihesha Imana icyubahiro, asigara mu buhumyi no mu bujiji, mu kwishakira ibinezeza no mu cyaha. ‘Areba ibiri hafi gusa.’ Amaso ye ayahanze ku by’isi, ntabwo ayahanze ku Mana iri hejuru y’urwego.

“Iri tsinda rishobora kuba rifite inyungu zo mu buryo bw’isi ariko ntabwo risobanukirwa amahirwe n’imigisha byo kuba mu mucyo uturuka ku Mana iri hejuru y’urwego. Ntabwo bazi ibyabahesha amahoro. Ntibashobora kureba inyuma bafite amaso yo mu buryo bw’umwuka, kuko batabona ibintu mu mucyo w’ijuru. Bigeze kuba bishimira urukundo rw’Imana, bihanywe ibyaha byabo kandi biyegurira kuba abagaragu ba Yesu Kristo, ariko bibagiwe amasezerano yose barahiriye Imana ku mubatizo; ni ukuvuga inshingano zikomeye bari barahize zo gushaka ubwiza, icyubahiro no kudapfa.” – *Manuscript Releases*, vol 19, p.350,351.

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni ukubera iki kandi ni mu yihe mimerere nshobora kugarizwa n’akaga ko kurangwa n’inyifato mbi yo kurobanura ku butoni?
2. Mbese ni mu mibereho bwoko ki, umutima wanjye w’urukundo ushobora gucogora?
3. Ni gute dushobora gutandukanya urukundo nyakuri n’urw’ikinyoma?
4. Ni ibihe bikorwa byoroheje by’urukundo nkunda kwirengagiza?
5. Ni ukubera iki na n’ubu nkiri gutentebuka mu bijyanye n’ibikorwa by’urukundo, kandi ni ukubera iki ibi bikomeza kwiyongera?



## Amaturo y'Isabato ya Mbere Azagerwa icyiciro cy'Uburezi mu Nteko Nkuru Rusange



Kwigisha, kimwe no kwezwa, ni umurimo w'ubuzima bwose, ni umugabane w'ingenzi mu mibereho y'umuntu. Kuri iyi sabato turabasaba kudufasha kugirango uwo mugabane w'ingenzi cyane ku itorero ubashe kwagura ibikorwa byawo.

Tugomba kwiga kuba ababwirizabutumwa kuva tukiri bato cyane. "Buri mwigishwa nyakuri wese avukira mu bwami bw'Imana ari umubwirizabutumwa." (*Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.195). "Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe, n'uko ugenda mu nzira n'uko uryamye n'uko ubyutse." (Gutegeka kwa Kabiri 6:7). Kandi igihe insinzi izaba igezweho, icyaha n'abanyabyaha bikaba bitakiriho, umurimo w'uburezi uzakomeza.

Ubu ngubu, kuruta uko byigeze kubaho mbere, itorero ryacu rikwiriye kuba ryiteguye gutanga ibikoresho ababyeyi bashobora kwifashisha kugirango bashyirireho abana babo urufatiro rukwiriye rw'uburere, bityo urubyiruko rukure mu bumenyi bw'ibyo Imana ishaka, kandi n'abantu bakuru bakomeze gukungahara mu by'ubumenyi.

Ikibabaje ni uko ibigo by'amashuri hafi ya byose byagiye bireka kwigisha amahame nk'izingiro ry'inyigisho zabyo, maze ahubwo bigahinduka ibigo byo kwigishirizamo abantu iby'isi. Abantu benshi bamaze kubona ukuntu amashuri agira ingaruka zikomeye ku bana babo, basabye ibitabo bizabafasha kubigisha ibintu bihesha Imana icyubahiro n'ikuzo.

Niyo mpamvu, icyiciro cy'uburezi mu Nteko Nkuru Rusange kiri gutegura gahunda y'amasomo igamije iyo ntego. Mu bufatanye n'abarimu bacu ndetse n'ama Yuniyo n'amakomferansi menshi anyuranye, umurimo wo gutegura iyi gahunda y'amasomo uri gukorwa neza.

Nyamara uyu mushinga ni mugari urenze amafaranga dufite. Duke neye ubufasha bwanyu mutanganye ubuntu kuri iri ituro kugirango hategurwe ibitabo, bihindurwe mu ndimi zinyuranye, kandi bitangwe mu buryo buhendutse. Ubufasha bwanyu butuma dushobora gutegura ibitabo bimeze neza cyane ku buryo abanyeshuri babikoresha mu mashuri yacu no mu mashuri y'imuhira bazaba "bafite ibisabwa by'ingirakamaro muri ubu buzima, ndetse no mu murimo w'Imana kugeza iteka ryose." - *Inama ku Babyeyi, Abarimu n'Abanyeshuri*, p.495.

Dusobanukiwe ko uwo mushinga ari mugari, ariko rero ni uw'agaciro. Mu bufasha bwanyu, tuzatanga ibitabo bizatuma abakiri bato muri twe bashobora kugeza ubutumwa bwiza ku isi yose mu buryo butanga umusaruro.

Murakoze cyane kandi Imana ihire impano n'abazitanga.

*Icyiciro cy'Uburezi mu Nteko Nkuru Rusange*

# Uko Twakwisuzuma

**ISOMORYO KUZIRIKANWA:** “Ni cyo gituma bene Data, mukwiriye kurushaho kugira umwete wo gukomeza guhamagarwa no gutoranywa kwanyu, kuko nimukora ibyo ntabwo muzasitara na hatu.” (2Petero 1:10).

“Abantu bahindutse by’ukuri bahambanywe na Kristo mu rupfu Rwe, kandi bazurwa mu mva y’amazi mu muzuko nk’uwe, kugirango bagendere mu bugingo bushya. Kubwo kumvira ukuri mu budahemuka, bagomba gutuma uguhamagarwa kwabo no gutoranywa kwabo kuba impamo.” – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Abadiventsiti b’Umunsi wa Karindwi*, vol 6, p.1115.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by’Itorero*, vol 9, p.186 - 188; 191 - 194.

*Kuwa Mbere*

*28 Nyakanga*

## 1. GUHAMAGARIRWA KUBA UMUNYAMWETE

a. Mbese ni iki gikwiriye kuba nyambere kuruta ibindi byose mu mibereho yacu ya Gikristo? 2Petero 1:10. Ni ukubera iki ibi bishyira umusaraba mu mibereho yacu? Matayo 10:38.

“Imana yatoye abafite imico y’agahebuzo, kandi umuntu wese uzashyikira urugero rw’ibyo Imana isaba binyuze mu buntu bwa Kristo, aze mererwa kwinjira mu bwami bw’icyubahiro. Abantu bose bagera kuri uru rugero rw’imico bazaba bagomba gukoresha uburyo Imana yatanze kugeza kuri iyi mperuka. Niba mwararazwe uburuhukiro bwagenewe abana b’Imana, mukwiriye kuba abakorana n’Imana. Mwatorewe kwambara umutwaro wa Kristo, kwikorera umutwaro We, kwikorera umusaraba We. Mukwiriye guhirimbanira “kugira umuhamagaru wanyu no gutoranywa kwanyu impamo”. Nimucukumbure mu Byanditswe, nibwo muzabona ko nta muhungu cyangwa umukobwa wa Adamu watorewe gukirizwa mu gusuzugura amategeko y’Imana. Ab’isi bahindura ubusa amategeko y’Imana, ariko Abakristo batoranyirijwe kwezwa binyuze mu kumvira ukuri. Batorewe kwikorera umusaraba, niba bashaka kwambara ikamba.” – *Amahamashingiro y’Uburezi bwa Gikristo*, p.126.

“Umuntu wihunza umusabara abari ari kugendera kure ingororano yasezeraniwe abakiranutsi.” – *Abahungu n’Abakobwa b’Imana*, p.248.

## 2. GUKIRANA N'IMANA

a. Uko dushaka kunesha inenge z'imico yacu, uguhamagarwa kwacu n'ugutoranywa kwacu tuba tubigira impamo. Ni uruhe rugero duhabwa kuri Yesu nk'Umwana w'umuntu igihe yari ku isi? Abaheburayo 5:7,8.

"Igihe umurwa wabaga utuje, abigishwa bakaba basubiye mu ngo zabo ngo baruhuke, Yesu ntiyasinziraga. Gusenga kwa kimana Kwe kwamukaga mu ijuru kuvuye kuri uwo musozi wa Elayono kugirango abigishwa barindwe imbaraga z'umubi bahoraga basakirana nazo buri muni mu isi, no kugirango ubugingo Bwe nabwo bukomezwe kandi bwambikwe intwaro kugirango asohoze inshingano kandi atsinde ibigeragezo by'umunsi ukurikiraho. Ijoro ryose igihe abigishwa Be babaga basinziriyeye, umwigisha wabo wavuye mu ijuru yabaga ari gusenga. Ikime n'ibihu bya nijoro byatondaga ku mutwe We yubaraye asenga. Urugero Rwe rwasi giwe abayoboze Be.

"Umwami w'ijuru, igihe yari mu murimo We, inshuro nyinshi yabaga ari gusengana umwete. Ntabwo yayyaga ku musozi wa Elayono buri gihe, kuko abigishwa Be bari bazi aho yakundaga kwiherera, maze ibihe byinshi bakamukurikira. Yahitagamo ijoro igihe ibintu byose byabaga bituje; igihe habaga hatari icyamurogoya. Yesu yashoboraga gukiza abarwayi akazura abapfuye. We ubwe yari isoko y'imigisha n'imbaraga. Yategekaga imiraba ikamwumvira. Ntiyari yarandujwe no kononekara, yari umushyitsi ku cyaha; nyamara yarasengaga, ndetse incuru nyinshi agataka abogoza amarira. Yasengeraga abigishwa Be na we akisengera, bityo akisanisha n'ubukene bwacu, intege nke zacu ndetse n'ibiyumvo byacu, bya bindi biri rusange ku nyokomuntu. Yari umuntu uzi kwinginga, nubwo atagiraga ibyifuzo bya kamere yacu ya kimuntu yaguye, nyamara yari afite intege nke nk'izacu, kandi akageragezwa mu buryo bwose nkatwe. Yesu yihanganiye umubabaro ukomeye wari ukeneye ubufasha no kunganirwa bikomotse kuri Se.

"Kristo ni urugero rwacu." - *Ibihamya by'Itorero*, vol 2, p.508,509.

b. Sobanura ingaruka ituruka kuri iyi mibereho irangwa no gusenga gufite imbaraga. Ibyakozwe n'Intumwa 4:13.

"Ubuzima bwa Yesu bwari ubuzima burangwa no guhora yiringiye, bugakomezwa no guhorana umushyikirano uzira kidobya [yari afitanye na Se], bityo umurimo yakoreraga ijuru n'isi ntiwigeze ugwabira cyangwa ngo ubemo guhuzagurika.

"Nk'umuntu, Yesu yatakambiye Imana kugeza ubwo ubumuntu Bwe bwinjiwemo n'imbaraga ihuza abantu n'Imana. Yahabwaga ubugingo bukomotse ku Mana, maze na we akabuha abantu." - *Uburezi*, p.80,81.

### 3. GUSHIKAMA MU KWIZERA

a. Mbese bigenda bite igihe cyose tunaniwe gusigasira yuko uguhamagarwa kwacu no gutoranywa kwacu kuba impamo? Eze-kiyeli 33:13. Tanga urugero.

“Imana igaragaza ko itishimiye ko Dawidi yari afite abagore benshi, imucira urubanza, kubwo kumugezaho ibihano no kwemera ko ibibi bi-mugeraho bivuye mu nzu ye bwite. Imana yemeye ko ibyago bikomeye bigera kuri Dawidi, wa wundi kubw’ubudahemuka bwe wigeze kwitwa ‘umuntu uhujye n’uko umutima w’Imana ushaka’, kikaba cyari igihamya gihamiriza abo mu bisekuru bizakurikiraho ko Imana itajya itsindishiriza umuntu uwo ariwe wese ucumura amategeko Yayo; ahubwo ko ihana abanyabyaha nta kabuza, nubwo bashobora kuba barabaye abakiranutsi kandi bagatona ku Mana mu gihe bakurikiraga Uwiteka bafite imitima iboneye. Iyo abakiranutsi baretse gukiranuka kwabo bagakora ibibi, ugukiranuka kwabo kwa kera ntikuzabakiza uburakari bw’Imana ikiranuka kandi yera.” - *Umwuka w’Ubuhanuzi*, vol 1, p.379.

“Niba abantu bari gukizwa, hari ukuri kugomba kwakirwa. Kwitondera amategeko y’Imana ni ubugingo buhora ku wayakiriye. Ariko kandi Ibyanditswe Byera bigaragaza neza ko abantu bigeze kumenya inzira y’ubugingo ndetse bakishimira ukuri, bari mu kaga ko kugwa binyuze mu buhakanyi, maze bakazimira. Kubw’ibyho rero hakenewe guhindukirira Imana buri muni nta kudohoka.

“Abantu bose bashaka gushyigikira inyigisho y’ugutoranywa, iyahoze irangwa n’ubuntu kandi buri gihe ikarangwa na bwo, babikora mu buryo burwanya ‘Uku niko Uwiteka avuga.’ ” - *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi*, vol 6, p.1114,1115.

b. Sobanura mu buryo butandukanye igikwiriye kuba inyifa-to yacu; kandi ni ukubera iki dukwiriye gukomeza kwibuka ukuri kw’ingenzi cyane? Eze-kiyeli 18:21; 1Abakorinto 15:1,2 (ahabanza).

“Abantu benshi batekereza ko iyo umuntu akoze amakosa akomeye cyane, kwibagirwa biba ari urwitwazo rushyitse. Ariko se, bo kimwe n’abandi, ntibagira ubushobozi bwo gutekereza? Bityo rero, bagomba gutoya ubwenge bwabo kugirango bujye buzirikana ibintu. Kwibagirwa ni icyaha, no kwirengagiza ni icyaha. Niba ufite akamenyero ko kwirengagiza ibintu, ushobora no kwirengagiza agakiza k’ubugingo bwawe, maze amaherezo ugasanga utiteguye ubwami bw’Imana.” - *Imigani ya Kristo*, p.358,359.

“Ujye uhorana Bibiliya yawe. Uko ubonye uburyo, ujye uyisoma, ndetse ujye ugerageza kwibuka amasomo mu mutwe. Igihe uri kugenda mu mayira ushobora gusoma imirongo [ya Bibiliya] kandi ukayitekereza-ho, bityo igashimangirwa mu bwenge.” - *Kugana Yesu*, p.90.

#### 4. TWATORANYIJWE KUBW'AMAHITAMO YACU

a. Mbese nitubaho imibereho ituma guhamagarwa kwacu no gutoranywa kwacu biba impamo, bizatanga uwuhe musaruro? 2Pe-tero 1:10 (ahaheruka), 11.

---

“Urugero rw’ubutungane Imana ishaka ko abana Bayo bageraho ru-  
sumba kure urugero ruhanitse intekerezo z’umuntu zibasha gushyikira.  
“Namwe mube mukiranutse nkuko So wo mu ijuru akiranuka”. Iri tegeko  
ni isezerano. Umugambi wo gucungura umuntu uduteganyiriza kuba-  
turwa kuzuye mu mbaraga za Satani. Umuntu wicishije bugufi mu mu-  
tima buri gihe Kristo amutandukanya n’icyaha. Yazanywe no kumaraho  
imirimo ya Satani kandi yateguye ko umuntu wese wihanye azahabwa  
Umwuka Wera kugira ngo amurinde gukora icyaha.

“Ntabwo uburyo umushukanyi akoresha agerageza abantu bugomba  
kuba urwitwazo rw’ibibi umuntu akora. Satani anezezwa cyane no kumva  
abitwa abayobokeye ba Kristo batanga inzitwazo zo kuba imico yabo igo-  
ramye. Izo nzitwazo ni zo zijyana umuntu ku gukora icyaha. Nta rwitwa-  
zo rukwiriyeye gutangirwa ugukora ibyaha. Buri mwana w’Imana wese  
uyizeye kandi wihanye ashobora kugerwaho n’imibereho yera, isa n’iya  
Kristo.” - *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.311.

b. Ni gute ugutoranywa k’ubuntu binyuze mu mbaraga yacu  
yo guhitamo bigaragarizwa mu mibereho ya Yakobo na Esawu? 1Pe-  
tero 1:2 (ahabanza); Abaroma 9:10 - 14; 11:4,5.

---

“Esawu na Yakobo bari barigishirijwe hamwe kumenya Imana, kandi  
bombi bari bafite umudendeze wo kugendera mu mategeko Yayo no ku-  
girirwa neza na Yo; ariko siko bombi bahisemo batyo. Abo bavandimwe  
uko ari babiri bagendeye mu nzira zitandukanye, kandi koko zakomeje  
guhahana cyane.

“Nta ruhare Imana yagize kugira ngo Esawu adahabwa imigisha  
y’agakiza. Impamo z’ubuntu Bwayo iziha abantu bose nta kiguzi binyuze  
muri Kristo. Nta gutoranywa kubaho keretse guhitamo k’umuntu ku giti  
cye bwite bikaba byamutera kuba yarimbuka. Imana yagaragaje mu Ijam-  
bo Ryayo ibyangombwa umuntu wese asabwa kuzuza kugira ngo ahabwe  
ubugingo buhoraho - ari byo kumvira amategeko y’Imana binyuze mu  
kwizera Kristo. Imana yahisemo imico ihuje n’amategeko Yayo, kandi  
umuntu wese uzagera ku rugero rushyitse rw’ibyo Imana ishaka azinjira  
mu bwami bw’icyubahiro.... “Hahirwa abamesa ibishura byabo kugira  
ngo bemerewe kwegera cya giti cy’ubugingo, kandi banyure mu marem-  
bo binjire muri rwa rurembo.” Ibyahishuwe 22:14. Ku bijyanye n’agakiza  
umuntu azahabwa ku muni w’imperuka, uko ni ko gutoranywa konyine  
kugaragarira mu Ijambo ry’Imana.” - *Abakurambere n’Abahanuzi*, p.207,208.

**5. KWIZIRIKA KU MUNESHI**

a. Ni gute intumwa Pawulo asobanura ukujya mbere kwe? Abafilipi 3:12 - 14.

b. Ni ukubera iki tumenya yuko muri Kristo kugera ku nsinzi bishoboka? Abafilipi 1:6; Yuda 24; 1Abakorinto 1:30.

“Dukizwa no kuzamuka urwego ingazi ku yindi, duhanze amaso Kristo, tukizirika kuri Kristo, tukazamuka intambwe ku ntambwe ku gihagara-ro cya Kristo, kugirango Kristo atubere ubwenge no gukiranuka, kwezwa no gucungurwa. Kwizera, ingeso nziza, kumenya, kwirinda, kwihangana, kubaha Imana, gukunda bene data n’urukundo; nizo ngazi zigize uru rwe-go....

“Kubona ubutunzi butagira akagero bw’ubugingo buhora si ibintu byoroshye. Nta muntu ushobora kububona maze ngo yifatanye n’iby’isi ya none. Akwiriye kuva mu b’isi, akitandukanya na bo, kandi ntakore ku kintu gihumanye. Nta muntu ushobora gukora nk’ab’isi adatwawe n’umuraba w’isi. Nta muntu n’umwe uzagira amajyambere yo mu rwe-go rwo hejuru atabanje kugira imihati idacogora. Umuntu uzatsinda agomba gushikama kuri Kristo ubutanambuka. Ntagomba kureba inyuma, ahubwo agomba guhora areba hejuru, akagenda abona ubuntu bugeretse ku bundi. Umuntu w’umunyamwete bimubera iby’agaciro ku buryo bimuha umutekano. Satani arimo arakina umukino w’ubuzima ku bugingo bwawe. Ntugahirahire uja mu ruhande rwe nubwo byaba intambwe imwe y’intoki, kugirango atakwigarurira.

“Niba hari igihe tuzagera mu ijuru, bizaba biturutse ku kuba twarahuye imitima yacu na Kristo, tukamwishingikirizaho, kandi tukitandukanya n’isi, ubupfu bwayo n’ibihendo byayo. Ku ruhande rwacu, dukwiriye gukorana mu buryo bw’umwuka n’abamarayika bo mu ijuru.” - *Ibihamya by’Itorerero*, vol 6, p.147,148.

**IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA**

1. Mbese ni iki umusaraba ugomba gukorana n’ubugingo bwanjye?
2. Ni ukubera iki buri gihe isengesho ry’ubugingo bwanjye ari ingenzi cyane ku gakiza?
3. Ni iki gituma umuntu agwa mu bishuko?
4. Sobanura impamvu Imana yemeye Yakobo wari warakoze icyaha, nyamara ntiyemere Esawu.
5. Vuga amwe mu masezerano ugomba kuzirikana mu gihe uharanira kugera ku nsinzi.

# Gukomerezwa mu Kuri kw'iki Gihe

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Ni cyo gituma nanjye iminsi yose ntazagira ubwo nirengagiza kubibutsa ibyoye, nubwo musanzwe mubizi mugakomera mu kuri kuri muri mwe ubu.” (2Petero 1:12).

“Ntdufite gushidikanya, nta n’ubwo mu myaka ishize twigeze tugira gushidikanya ko inyigisho dufite uyu muni ari ukuri kw’iki gihe, kandi ko twegereje igihe cy’urubanza. Turi kwitegura gusanganyira Wa wundi uzaza ashagawe n’ingabo nyinshi z’abamarayika bera, agatunguka mu bicu byo mu ijuru azanywe no guha indahemuka kandi bakaba abakiranutsi Be ingororano yo kudapfa iteka ryose.” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 2, p.355.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Inyandiko za Kera*, p.61 - 71.

*Kuwa Mbere*

*04 Kanama*

## 1. GUKURIRA HANO NDETSE NONAHA

a. Mbese ni iki intumwa Petero ashishikariza abizera? 2Petero 1:12 - 15.

---

“Mu gihe cya Luteri hari hariho ukuri kw’ingenzi kugenewe ab’icyo gihe. Muri iki gihe naho, hari ukuri kugenewe itorero. Imana yo ikora ibintu byose ikurikije ubushake Bwayo, yagiye inezezwa no gucisha abantu mu bintu bitandukanye ndetse no kubaha inshingano zihariye zirebana n’igihe barimo n’imibereho bafite. Nibaha agaciro umucyo bahawe, bazabona imbere yabo ukuri kurushaho gusobanuka.” - *Intambara Ikomeye*, p.143,144.

b. Sobanura uburyo tugomba gukura mu gusobanukirwa umucyo wavuye mu ijuru. Abaheburayo 5:12 - 14; 6:1 - 3.

---

“Buri ntambwe yo kwizera no kumvira yegereza umuntu komatana na Kristo we Mucyo w’isi, we “utarangwamo umwijima na muke.” - *Ibid*, p.476.

## 2. IBYO DUSABWA GUKORA

a. Ni ukubera iki kandi ni gute dukeneye guhindura imigirire yacu igihe twakiriye umucyo uruseho woherezwa n'ijuru? Yakobo 4:17; Imigani 4:18; Matayo 6:23.

“Ibyo Imana isaba abantu Bayo gukora, ni ibikurikije ubuntu n’ukuri yabahaye. Ibyo ibasaba byose byo gukiranuka bigomba kugerwaho. Ibi-remwa bifite inshingano bizabazwa bigomba kugendera mu mucyo wa-birasiye. Nibananirwa kubikora, umucyo wabo uzahinduka umwijima, kandi umwijima wabo uzaba mwinshi ku rugero rungana n’umucyo ba-hawe. Umucyo mwinshi warasiye ku bwoko bw’Imana; nyamara benshi birengagije gukurikiza uwo mucyo, kandi kubera iyi mpamvu, bari mu ntege nke bikabije mu by’umwuka.

Ubwoko bw’Imana muri iki gihe ntiburi kurimburwa no kubu-ra ubwenge. Ntibuzacirwaho iteka bitewe no kutamenya inzira, ukuri n’ubugingo. Ukuri kwageze mu bwenge bwabo, umucyo warasiye ku bugingo, nyamara bikaba byarirengagijwe ndetse bikangwa, nibyo bi-zabaciraho iteka. Abatarigeze na rimwe babona umucyo ngo bawange, ntibazacirwaho iteka. Mbese ni iki cyashoboraga gukorerwa uruzabi-bu rw’Imana kitakozwe? Umucyo, umucyo w’igicro cyinshi umurikira ubwoko bw’Imana; nyamara ntuzabakiza nibatemera gukizwa na wo, ngo bagire imibereho ihura na wo, kandi ngo bawugeze ku bandi bari mu mwijima. Imana ihamagarira ubwoko Bwayo gukora. Igikenewe ni umurimo wa buri wese wo kwatura ibyaha bye no kubireka maze aga-hindukirira Uwitete. Nta muntu ushobora kubikorera undi. Ubumenyi mu by’iyobokamana bwaragwiriye, kandi byongereye n’inshingano zijya-na na bwo. Umucyo mwinshi umaze igihe umurikira itorerwa, kandi niwo ubaciraho iteka kuko banze kuwugenderamo. Iyo baza kuba impumyi, nta cyaha baba bafite. Nyamara babonye umucyo kandi bumvise ukuri kwini-shi, ariko ntabwo ari abanyabwenge kandi ngo babe bera. Benshi bama-ze igihe nta terambere bagira mu byo kumenya ndetse no kwera nyakuri. Ni ibikuri mu by’umwuka. Aho kugirango bajye mbere mu gukiranuka, basubira inyuma mu mwijima no mu bubata bwa Egiputa. Ubwenge bwa-bo ntibukoresha mu bijyanye no kubaha Imana no kwera nyakuri.

“Mbese Isirayeli y’Imana izakunguka? Mbese abavuga ko bubaha Ima-na bose bazashaka kwitandukanya n’ikibi, baturire Imana icyaha cyose cyo mu ibanga, kandi bababarize imitima yabo imbere Yayo? Mbese bazabiko-ra bafite kwicisha bugufi gukomeye, basuzume impamvu za buri gikorwa cyose bakora, kandi bamenye yuko Imana ibireba byose, ikarondora ikintu cyose gihishwe? Nimureke uyu murimo ube unozwe, kandi kwiyegurira Imana kube kuzuye. Imana idusaba ukuyegurira byose kuzuye, twebw ubwacu ndetse n’ibyo dutunze. Abagabura n’abizera muri rusange, ba-keneye guhinduka bundi bushya, uguhinduka kw’intekerezo, kandi uko guhinduka nikutabaho ntidushobora kuba impumuro y’ubugingo izana ubugingo, ahubwo tuzaba impumuro y’urupfu izana urupfu.” - *Ibihamya by’Itorerwa*, vol 2, p.123,124.



### 3. UKURI KUGENEWE IKI GIHE

a. Tanga ingero z'insanganyamatsiko zigomba kwigwa, izo tutagomba kwirengagiza rwose. Daniyeli 7:9,10; 8:14; Zaburi 119:33 - 35.

“Hari ukuri kwinshi kw’agahebuzo kuboneka mu Ijambo ry’Imana, ariko “ukuri kugenewe iki gihe” ni ko umukumbi ukeneye ubu. Nabonye akaga gaterwa n’abatwaye ubutumwa bagenda batandukanye n’ingingo z’ingenzi z’ukuri kw’iki gihe bagatinda ku ngingo zitagamije kuzana ubumwe mu mukumbi no kweza ubugingo. Aha ni ho Satani azabonera amahirwe ashoboka yose kugira ngo yangize umurimo.

“Ariko ingingo zivuga ubuturo bwera buhujwe n’iminsi 2300, izivuga amategeko y’Imana no kwizera kwa Yesu, zateguriwe neza gusobanura iby’itsinda ry’Abategereje bo mu gihe cyashize ndetse no kwerekana aho duhagaze ubu, gukomeza ukwizera kw’abashidikanya no gutanga icyizere cy’ahazaza heza. Nabonye incuro nyinshi ko izo ari zo ngingo shingiro abatwaye ubutumwa bakwiriye kwibandaho.” - *Inyandiko za Kera*, p.63.

b. Mu gihe cy’imyaka igera ku 180 (ni ukuvuga mu gihe gito ugereranyije mu mateka y’isi), ni ikihe kintu cy’ingenzi cyagiye kiranga ukuri kw’iki gihe? Ibyahishuwe 14:6 - 13.

“Ijambo ryahumetswe ryavuze igihe ubutumwa bwa marayika wa mbere, uwa kabiri ndetse n’uwa gatatu buzamamarizwa. Nta gace na gato kagomba gukurwaho. Nta butware bw’umuntu bufite uburenganzira bwo guhindura igihe cy’ubwo butumwa, nk’uko butasimbuza Isezerano rya Kera Irishya. Isezerano rya Kera rivuga ubutumwa bwiza mu buryo bw’ishushanyamvugo n’ibimenyetso. Naho Isezerano Rishya ni ubutumwa bwiza bufatika. Buri Sezerano ni ingirakamaro nk’irindi. Isezerano rya Kera ryigisha inyigisho zavuzwe na Kristo, kandi izi nyigisho ntizigeze zitakaza imbaraga mu buryo ubwo ari bwo bwose. Ubutumwa bwa marayika wa mbere n’ubw’uwa kabiri bwavuzwe mu mwaka wa 1843 no mu wa 1844 none ubu turi mu gihe cyo kuvuga ubutumwa bwa marayika wa gatatu; nyamara ubwo butumwa bwose uko ari butatu bugomba kuvugwa. Ubwo butumwa ni ingenzi muri iki gihe nk’uko bwari buri mbere ku buryo bugomba gusubirirwamo abantu bashaka ukuri. Dukoresheje inyandiko ndetse n’amajwi yacu, tugomba kuvuga ubwo butumwa turanguruye, twerekana uko bukurikirana, ndetse n’ubuhanuzi butugeza ku butumwa bwa marayika wa gatatu. Ntihashobora kubaho ubwa gatatu hatabanje ubwa mbere n’ubwa kabiri. Ubu butumwa tugomba kubageza ku batuye isi mu nyandiko no mu mvugo, twerekana ibintu byabaye ho n’ibizaba mu mateka y’ubuhanuzi.” - *Counsels to Writers and Editors*, p.26,27.

#### 4. GUKUZA IBYIRINGIRO

a. Sobanura inyifato yadushoboza kugundira ukuri kw'iki gihe guhishurwa, n'igihe abandi bakwanze. Yeremiya 29:13; Matayo 18:3; Yohana 7:17.

---

“Igihe uzahinduka nk’umwana muto, ukagira ubushake bwo kuyoborwa, kandi igihe imyumvire yawe izaba yejeje, kandi ukareka ubushake bwawe n’urwikekwe rwawe, umucyo uzasakara mu mutima nkuko uzamurika ku Byanditswe Byera maze ukwereke ukuri kugenewe iki gihe mu bwiza bwako buboneye.” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 3, p.448.

b. Ni gute uguhinyura bihora bica intege imbaraga z'ukuri kw'iki gihe, kandi umuti ni uwuhe? Yesaya 56:9,10; 1Abakorinto 14:8; Iyahishuwe 3:17 - 19.

---

“Turi mu kaga ko kubwiriza ubutumwa bwa marayika wa gatatu mu buryo butumvikana neza ku buryo budakora ku mitima y'abantu. Hari izindi nyungu zishyirwa mu mwanya w'ibyo, ku buryo ubutumwa bwagombye gutangazanywa imbaraga buhinduka ubusa ntibube bugize icyo buvuze.” - *Ibid*, vol 6, p.60.

“Nta gushidikanya, turiho mu minsi iheruka amateka y'iyi si. Duke neye gukoresha igihe kinini mu bikorwa byacu byerekeye iby'umwuka, niba dushaka gukura mu mibereho y'iby'umwuka ikenewe cyane muri iki gihe. Tugomba kugira amavugurura adakebakeba. Ijwi ryaravuze riti: Abarinzi bakeneye gukanguka, maze bakarangurura ijwi ry'impanda. Burakeye kandi burije. Nimukanguke, barinzi banjye. Amajwi yakagombye kuba ari kumvikanisha ubu ngubu ukuri kw'iki gihe, aracecetse. Abantu bari kurimbukira mu byaha byabo, kandi abagabura, abaganga, ndetse n'abarimu; barasinziye. Nimukanguke yemwe barinzi!” - *The Pacific Union Recorder*, February 20, 1908.

“Umuhama w'ukuri avuga ko igihe wibwira yuko umerewe neza mu bukire, uba ukennye kuri buri kintu cyose. Ntibihagije ko abagabura bigisha ingingo z'ibivugwa mu magambo gusa; ahubwo bakwiriye no kwigisha kuri za ngingo z'ibintu bishyirwa mu bikorwa. Bakeneye kwiga amasomo y'ibintu bishyirwa mu bikorwa Kristo yahaye abigishwa Be kandi bakayashyira mu bikorwa mu bugingo bwabo bwite no ku bandi. Mbese tuzatekereza ko kuba Kristo atanga ubu butumwa bwo gucyaha bivuze ko adafitiye abantu Be urukundo rwuje imbabazi? Yoo, Oya rwose! Uwapfuye kugirango akize umuntu urupfu, amukunda urukundo mvajuru, kandi abo akunda arabacyaha.” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 3, p.257,258.

## 5. ISI IMURIKIRWA N'UBWIZA

a. Sobanura uburyo ukuri kw'iki gihe kwaguka kandi kugakwirakwira mbere yo kugaruka kwa Yesu kuri iyi si. Ibyahishuwe 18:1 - 5.

“[Ibyahishuwe 18:1,2,4] Iyi mirongo irerekeza ku gihe cyo kugwa kwa Babuloni nk'uko kwatangajwe na Marayika wa kabiri mu Byahishuwe 14 ku murongo wa 8, uko kugwa kwayo kugomba kongera gutangazwa kandi hakiyongeraho urudubi rw'ibibi byose biboneka mu matsinda anyuranye agize Babuloni, uhereye igihe ubwo butumwa bwatangarijwe bwa mbere mu mpeshyi y'umwaka w'1844.” - *Intambara Ikomeye*, p.603.

b. Ni gute dukwiriye kwitwara mu mucyo w'uburyo abenshi mu b'isi babona ubutumwa bw'ukuri kw'iki gihe nk'ubudakwiriye? 1Abakorinto 2:12 - 16.

“Tugomba kwigishwa n'Imana binyuze mu bunararibonye bw'ibyo tunyuramo umuntu ku giti cye. Igihe tuyishakishije umutima utaryarya, tuzayaturira inenge z'imico yacu, kandi yasezeranye kwakira abantu bose bayisanga bicishije bugufi bayishingikirijeho. Umuntu wumvira ibyo Imana imusaba, azahorana na Kristo, kandi ubu bufasha buzamwerekeza ku kintu cy'agaciro kenshi. Kubwo kugundira ubwenge mvajuru, azahunga ukwangirika kwazanywe mu isi n'irari.” - *Ibiamya ku Bagabura*, p.483.

“Igihe uzaba ugeze kuri Kristo, ntuzongera kwirata uti: 'Ndi uwera.' Reka Imana yonyine abe ariyo ibikuvugaho, kuko wowe nta nubwo uzi umutima wawe ubwawo. Uku kwirata ni igihamba kidakuka cy'uko utazi Ibyanditswe Byera, habe no kumenya imbaraga y'Imana. Reka Imana yandike mu bitabo Byayo niba ibishake, yuko uri umwana wumvira, witondera amategeko Yayo afite umutima unezerewe, kandi ibyanditswemo bizabihishura imbere y'abamarayika n'abantu ku muni wo kugorerwa.” - *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 22 Ukuboza 1887.

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni gute ukuri kw'iki gihe gutandukanye n'uko mu bihe byatambutse?
2. Ni ukubera iki Imana izambaza niba mbayeho mu buryo buhuje n'ukuri kw'iki gihe?
3. Kubera iki ngomba gushyiraho umuhati kugirango mbwire abandi ibyerekeranye n'ukuri kw'iki gihe?
4. Ni gute imyifatire ku byerekeranye n'umucyo ugenda urushaho kumurika, igira ingaruka mu gukura kwanjye kw'iby'umwuka?
5. Ni iyihe myitwarire niyemeje kugira mu gihe ndi mu mimerere yo kurwanywa?

# Ubuhanuzi budufitiye Akamaro

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Nyamara rero dufite ijambo ryahanuwe rirushaho gukomera, kandi muzaba mukoze neza niryitaho, kuko rimeze nk’itabaza rimurikira ahacuze umwijima rigakesha ijoro, rikageza aho inyenyeri yo mu ruturuturu izabandurira mu mitima yanyu.” (2Petero 1:19).

“Mu kwakira ubutumwa bwa marayika wa gatatu, ntabwo twahawe kwita ku migani mihimbano ahubwo twitaye ku ‘ijambo ryahanuwe rirushaho gukomera’ . Ubu turiho mu mucyo w’ukuri kwa Bibiliya ugurumana cyane.” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 4, p.592.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.15 - 23.

**Kurwa Mbere**

**11 Kanama**

## 1. UKWIZERA KUTARI IMIGANI MPIMBANO

a. Ni ukubera iki Petero yashoboye guhamya ubumana bwa Yesu Kristo? Matayo 17:1 - 7.

“Aho ku musozi, ubwami bwe bw’icyubahiro bwagaragajwe mu ishusho nto - Kristo Umwami, Mose uhagarariye abera bazava mu bituro, na Eliya uhagarariye abazimurwa bakajyanwa mu ijuru badapfuye.

“Abigishwa ntabwo basobanukiwe n’ibyo babonye; ariko gusa bashimishijwe nuko Umwigisha wabo wari ufite kwicisha bugufi no kwihangana, utaragiraga aho arambika umusaya, muri ako kanya yahawe icyubahiro n’abatutse mu ijuru.” - *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.422.

“Bamaze ijoro ryose ku musozi; ariko ubwo izuba ryarasaga, Yesu n’abigishwa Be baramanutse bagaruka mu kibaya. Abigishwa Be bari batwawe n’ibitekerezo, bafite gutangara kwinsihi kandi bacecetse. Ndetse na Petero nta jambo yari afite ryo kuvuga.” - *Ibid*, p.426.

b. Mbese ni iki cyashoboje Petero kuvugana icyizere kandi ni gute tugomba guterwa umwete n’urugero rwe mu byo kwizera? 2Petero 1:16 - 18.

“Ikinyoma ntaho gihuriye n’ukuri. Niba dukurikiye mu buryarya imigani ihimbwe, tuba dufatanyije n’imbaraga z’umwanzi mu kurwanya Imana na Kristo....

“Ikibi gitegereje kuturwanya mu buryo bwose. Uburyarya, ruswa, ubushukanyi, gusezeranya ibitangaza, bizarushaho gukoreshwa cyane kandi mu mayeri.

“Uwiteka arabaza ati: “Abagaragu b’Imana barakora iki bashyiraho uruzitiro ngo barwanye iki cyago?” - *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.194.

## 2. INGARUKA Y'UBUHANUZI

a. Igihe urujijo rwiganje, ni iki gishobora kutugira abantu bashima, nk'uko byerekanwa mu buryo Kristo yateye ibyiringiro abigishwa bari batentebutse bari mu nzira ijya Emawusi? Luka 24:15 - 21,27,32; 2Petro 1:19.

“Imitima y'abigishwa [mu nzira igana Emawusi] yarakangutse. Ukwizera kwarahembutse. Bongera “kugira ibyiringiro bishikamye” nubwo Yesu yari atari yabibwira. Umugambi We wari uwo kumurikira ubwenge bwabo no gukomeza kwizera kwabo kugashingira ku “ijambo ry'ukuri ry'ubuhanuzi.” Yashakaga ko ukuri gushingira imizi mu ntekerezo zabo bidatewe gusa n'uko gushyigikiwe n'ubuhamya Bwe ku giti cye, ahubwo bitewe n'igihamya kidashidikanywaho cyerekanwa n'ibimenyetso n'ibiyashushanywaga mu mategeko ndetse n'ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera. Byari ngombwa ko abayobokeye ba Yesu bagira ukwizera kuzuye ubwenge, atari ibyo kubagirira akamaro ku ruhande rwabo gusa, ahubwo ari ukugira ngo babashe kumenyesha abatuye isi Kristo. Kandi intambwe ya mbere muri uko gutanga ubwo bwenge, Yesu yerekeje intekerezo z'abigishwa kuri “Mose n'abahanuzi bose.” Uko niko Umukiza wazutse yabahamirije ashimangira agaciro n'akamaro k'Ibyanditswe mu Isezerano rya Kera.” - *Intambura Ikomeye*, p.349.

“Ni gahunda [y'Imana] ko abagabanye ku gakiza Kayo binyuze muri Kristo Yesu bakwiriye kuba ababwirizabutumwa Bayo.... Abantu bagomba kuburirwa kugirango bitegure urubanza rugiyeye kuza. Abamaze igihe batega amatwi imigani yahimbwe n'abantu Imana izabaha uburyo bwo kumva ijambo nyakuri ryahanuwe, kandi bazaba bagize neza nibaryumvira, kuko rimeze nk'itabaza rimurika ahacuze umwijima. Imana izageza ijambo ridashidikanywaho kandi ry'ukuri ku bwenge bw'abaryumva bose; abantu bose bashobora kugereranya ukuri n'imagani yahimbwe n'abantu bigishijwe n'abavuga ko basobanukiwe ijambo ry'Imana kandi bakavuga ko bafite ibikwiriye byose ngo bigishe abari mu mwijima.” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 2, p.631,632.

b. Vuga umuburo Pawulo yahaye Timoteyo ufite akamaro kani muri iki gihe. 1Timoteyo 6:20,21.

“Umwuka wo kuramya ibigirwamana ibigirwamana bya gipagani uriho no kuri iki gihe, nubwo uriho wihishe mu buhanga buhanitse ndetse n'uburezi, uyu mwuka wafashe ishusho irushaho gukurura kandi itunganyijwe neza. Umunsi wose uje wongeraga igihamya giteye agahinda kigaragaza ko kwizera ijambo rizima ryahanuwe bigenda bidohoka mu buryo bwihuse, kandi ko mu mwanya w'uko kwizera kuragura ndetse n'ubupfumu bya Satani bigenda bitwara ubwenge bw'abantu.” - *Ibid*, Vol 5, p.192.

### 3. IGITSIKA UMUTIMA WACU

a. Ni gute dushobora kumenya ko ubuhanuzi nyakuri ari igitsika umutima, inkingi shingiro y'ukwizera kwa Gikristo? Amosi 3:7; 2Petero 1:20,21.

“Abantu benshi ndetse benshi cyane barashidikanya bakibaza ku kuri kw'Ibyanditswe. Gutekereza kwa muntu n'ibyo umutima we wibwira bikerensa guhumekwa kw'Ijambo ry'Imana, kandi ibyagombaga kwakirwa nk'ukuri, bigoswe n'igicu cy'imyizerere idafite ishingiro. Nta kintu na kimwe cyumvikana, gisobanutse kandi gifite ishingiro. Iki ni kimwe mu bimenyetso bikomeye biranga iminsi ya nyuma.” - *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.15.

“Hariho abantu baharanira kuba abantu badasanzwe, bazi ubwenge barutisha ibyanditswe; kubw'iyu mpamvu ubwenge bwabo ni ubupfapfa. Babanza kuvumbura ibintu bitangaje ari byo bitekerezo bigaragaza ko bari inyuma cyane mu gusobanukirwa ubushake mvajuru ndetse n'imigambi y'Imana. Mu gushaka kugaragaza cyangwa gusobanura ubwiru bwahishwe umuntu upfa kuva kera, baba bameze nk'umuntu wivuruguta mu isayo adashobora kwivanamo nyamara akabwira abandi uko bava nyanja y'isayo bo ubwabo baguyemo. Iki ni ikigereranyo gikwiriye cyerekana abantu biha ububasha bwo gukosora amakosa ya Bibiliya. Nta muntu n'umwe ushobora kunoza Bibiliya abinyujije mu kwerekana icyo Uwituka yashakaga kuvuga cyangwa icyo yagombaga kuba yaravuze.

“Abantu bamwe baratwitegereza cyane maze bakavuga bati: “Mbese nti-mutekereza ko hashobora kuba harabayeho amakosa amwe ku mwanditsi cyangwa ku basobanuzi?” Ibi byose bishobora kubaho kandi n'ubwenge buke ku buryo bwashidikanya ndetse bugasitara kuri ibi bishobora kubaho, buzaba bwifeguye rwose gusitara ku bwiru bw'ijambo ryahumetswe bitewe n'uko ubwenge bwabo bufite intege nke budashobora kwahuranya ngo busobanukirwe imigambi y'Imana.” - *Ibid*, p.16.

“Uwituka avugana n'abantu mu mvugo ikocamyeye kugira ngo abafite imyumvire yangiritse, abaswa, abantu bafite imyumvire yerekeye ku by'isi, babashe gusobanukirwa amagambo Ye. Uko ni ko ukwiyoroshya kw'Imana kugaragara. Isanga abantu bacumuye aho bari. Bibiliya, nk'uko ubwazo itunganye mu buryo yoroheje, ntabwo ari mahwi n'ibitekerezo bikomeye by'Imana kubera ko imitekerereze y'Ihoraho idashobora gukwira mu buryo butunganye mu bwenge bw'umuntu upfa. Aho kuba Bibiliya ikoresha imvugo ikabya nk'uko abantu benshi babitekereza, imvugo zikomeye zoroha mbere yuko igitekerezo kivugwa, nubwo uwandika yahisemo imvugo yumvikana cyane yifashishije kugira ngo atange ubutumwa bw'ukuri k'ubwenge busumbyeho.” - *Ibid*, p.22.

“Igihe abantu bahangaye kunenga Ijambo ry'Imana, baba batinyuka ahanu hejewe ndetse hera kandi ibyari kuba byiza ari uko bari bakwiriye gutinya, bagahinda umushyitsi ndetse bagahisha ubwenge bwabo nk'uhisha ubupfapfa. Nta muntu Imana ishyiraho wo gucira urubanza Ijambo Ryayo, ngo ahitemo ibintu bimwe maze avuye ko byahumetswe kandi ngo ateshe ibindi agaciro avuga ko bitahumetswe.” - *Ibid*, p.23.

#### 4. UBUNTU BW'IMANA KU BANA BAYO

a. Vuga imibereho ibabaje ikomeje kuba gikwira muri iki gihe, kandi uvuge n'uburyo twahangana nayo. 2Petero 2:1 - 3; 1Timoteyo 4:1,2; Gutegeka kwa Kabiri 6:24,25.

“Nta na rimwe higeze habaho igihe kandi nta gihe kizabaho ubwo ukuri kuzigishwa nabi uko kutari, kugapfobywa, kugateshwa agaciro, kubw'impaka z'abantu zigayitse, kuruta uko bimeze muri iyi minsi y'imperuka. Abantu binjiranye inyigisho zabo z'ubuhakanyi z'amoko atandukanye, izo bagereranya nk'ibyavuzwe ku bantu. Abantu bashishikajwe n'ibintu bishya bidasanze, kandi si abanyabwenge mu bunararibonye ku buryo bamenya imiterere y'ibitekerezo abantu bashobora gushyiraho nk'ikintu runaka. Ariko kuvuga ko ikintu gifite umumaro ukomeye kandi ko gihuje n'amagambo Imana yavuze, ntabwo aribyo bikigira ukuri.....

“Tugomba kumva ijwi ry'Imana riturutse mu Ijambo Ryayo yahishuye, ariryo jambo ryahanuwe rirushaho gukomera. Abashaka kwihesha icyubahiro bo ubwabo kandi bagashaka gukora bimwe mu bitangaza, byababera byiza bakoresheje ubwenge bwabo mu buryo buboneye.” - *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 6, p.1064,1065.

“Amategeko y'Imana niyo rufatiro rw'ivugurura ryose rirambye. Tugomba kwereka ab'isi mu buryo bwumvikana neza, mu buryo bwihariye ko bakeneye kumvira ayo mategeko. Kumvira amategeko y'Imana niyo mpamvu ikomeye cyane ituma abantu bagira umwete mu murimo, bagakoresha umutungo wabo bashishoza, bakaba abanyakuri, kandi bakagira gukiranuka mu byo bakora hagati y'abantu n'abandi.....

“Abantu bagira umwete wo kumvira ijwi ry'Uwitwaga kandi bakitondera amategeko Ye banezerewe, bazaba mu mubare w'abazabona Imana.” - *Ibinyamya by'Itorero*, vol 8, p.199.

b. Ni izihe ngero za Bibiliya Petero atanga kugirango yerekane uko dukeneye ubuntu bw'Imana bukorera abayikunda kandi bakayubaha? 2Petero 2:4 - 8.

“Ubwo abantu b'Imana bugarijwe n'imbaraga z'ubushukanyi n'ubucakura bw'umutware w'umwijima utagoheka, bakaba banahanganye n'imbaraga z'imyuka mibi yose, bafite ubwishingizi butajegajega bwo kurindwa n'abamarayika bo mu ijuru. Ubwo bwishingizi ntibwanzwe kuko butari bukenewe. Niba Imana yarahaye abana Bayo isezerano ry'ubuntu n'uburinzira Bwayo, ni uko hari ingabo zikomeye z'umubi bagomba gusakirana, ingabo zitabarika, zikora ubudacogora kandi zabyiyemeje, kandi nta n'umwe ukwiriye kuyoberwa ubucakura n'imbaraga zazo cyangwa ngo abure kubwirinda.” - *Intambara Ikomeye*, p.513.

## 5. KWISHIMIRA UMUCUNGUZI WACU

a. Ni ukuhe kurokorwa kurusha ibindi byose agaciro Imana iduha?  
2Petro 2:9 (ahabanza); 1Abakorinto 10:13; Zaburi 50:15.

“Imana izarinda abantu bose bagendera mu nzira yo kumvira; ariko kuyivamo ni ugukinira mu kibuga cya Satani. Aho nta kabuza tugomba gutsindwa. Umukiza yaraturubwiye ati, “Mube maso musenge, mutajya mu moshya.” Marko 14:38. Kwihererana n’Imana no gusenga bibasha kuturinda kwihutira kujya mu nzira y’akaga, kandi ibyo bigatuma dukira ibyakadutsinze byinshi.

“Nyamara ntitugomba gucika intege igihe dusakiranye n’ibigeragezo. Rimwe na rimwe iyo tugeze mu bihe bitugerageza dushidikanya yuko Umwuka w’Imana ari we watuyoboraga. Ariko ubuyobozi bw’Umwuka ni bwo bwajyanye Yesu mu butayu ngo ageragezwe na Satani. Iyo Imana yemeye ko tugeragezwa, iba ifite icyo ishaka kuzuzura kidufitiye akamaro. Yesu ntabwo yaketeranije amasezerano y’Imana ngo yishore mu bigeragezo atiteguye, ndetse nta nubwo yigeze acika intege ngo yitotombe ubwo ibigeragezo byamugeragaho. Natwe ntibigomba kutubaho.” - *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.126 – 129.

“Ibishuko si icyaha. Yesu yari uwera kandi atanduye; nyamara yageragejwe mu buryo bwose nkatwe, nyamara yari afite imbaraga n’ubushobozi umuntu atazigera ahamagarirwa kwihanganira. Insinzi yabonye mu ntambara Ye yarayidusigiyeye ngo itubere urugero rurabagirana, kugirango dushobore kugera ikirenge mu Cy. Niba turi abantu biyiringira cyangwa bihangira gukiranuka, tuzarekwa dutsindwe n’imbaraga y’ibishuko; ariko niduhanga amaso Yesu maze tukamwiringira kandi tukamusaba ubufasha bw’imbaraga yatubashisha gutsinda umwanzi ku rugamba, azaducira icyanzu muri buri kigeragezo. Igihe Satani azaza ameze nk’umwuzure, tugomba guhangana n’ibishuko bye dukoresheje inkota y’Umwuka, kandi Yesu azatubera umufasha, kandi azatuzamura ibendera ryo kumurwanya. Se w’ibinyoma ahinda umushyitsi n’ubwoba igihe ukuri kw’Imana, gufite imbaraga zitwika, kumujugunywe mu maso.” - *Ibinyoma by’Itorero*, vol 5, p.426.

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni gute gusobanukirwa ubuhanuzi bwa Bibiliya byamfasha mu gihe kizaza?
2. Ni ukubera iki yaganirije abigishwa ubuhanuzi berekeje Emawusi?
3. Ni mu buhe buryo Satani ashakisha uko yatuma tudakomeza kwiringira Ibyanditswe?
4. Ni ukubera iki ari ingirakamaro cyane kwizirika ubutanambuka ku magambo yahumetswe?
5. Mu gihe duhuye n’ibishuko, ni iki tugomba kwibuka gukora?



# Kubonera mu gihe cyo Kwangirika kw'Imico

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Byose bibonereye ababoneye, nyamara nta kibonereye abanduye batizera, ahubwo bononekaye ubwenge n’imitima yabo.” (Tito 1:15).

“Hari ibibi byinshi byakwirindwa kubwo kuba abantu bigengesera, bifata, batigira ibyigenge, kandi batemera kwitabwaho mu buryo butemewe, ahubwo bagakomera ku mico mbonera ihanitse no kwihesha agaciro.” – *Urugo rwa Kidiventisiti*, p.331.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by’Itorero*, vol 5, p.137 – 148; 191 – 199.

*Kuwa Mbere*

*18 Kanama*

## 1. KUBERA MASO INYIFATO YACU

a. Ni gute Imana yahannye mushiki wa Mose imuhoye ishyari, kandi ni gute ibi bitubera umuburo muri iki gihe? Kubara 12:1,2,6 – 10; Yakobo 4:11; 2Petero 2:9 (hagati),10.

“Iyo ishyari no kutanyurwa bya Miriyamu bidacyahwa ku mugaragararo, byari kubyara ikibi gikomeye. Ishyari ni kimwe mu mico ikomeye iranga Satani ishobora kuba mu mutima w’umuntu, kandi ni imwe mu ngeso igira ingaruka mbi cyane. Umunyabwenge aravuga ati: “Uburakari butera urugomo, kandi umujinya umeze nk’isuri; ariko ni nde washobora kwihanganira ishyari?” (Imigani 27:4). Ishyari ni ryo ryabanje kuzana amacakubiri mu ijuru, kandi kuriha icyicaro byazanye ibibi bitavugwa mu bantu. “Aho amakimbirane n’itunganya biri, ni ho no kuvurungana kuri no gukora ibibi byose.” Yakobo 3:16.

“Kuvuga ibibi by’abandi no kwigira abacamanza b’ibyo bakora n’impamvu zabyo, ntabwo bifatwa ko ari ikintu cyoroheje. “Bene Data, ntumugasebanye. Usebya mwene Se, cyangwa agacira mwene Se urubanza, aba asebya amategeko, kandi ni yo aba aciriye urubanza. Ariko nucira amategeko urubanza, ntuba uyashohoje, ahubwo uba ubaye umucamanza.” (Yakobo 4:11). Hariho umucamanza umwe.... Umuntu wese wiha inshingano yo gucira imanza no guciraho iteka bagenzi be, aba yambura Umuremyi ububasha bwe yihariye wenyine.

“Bibiliya itwigisha mu buryo bwihariye kwirinda kugira ibirego, uko byaba byoroheje kose, turega abantu Imana yahamagaye kugira ngo bayihagararire.” – *Abakurambere n’Abahanuzi*, p.385,386.

## 2. KWIBWIRA YUKO URUTA ABANDI

a. Ni gute Imana ituburira abirasi birata mu irari ryabo, cyane cyane iyo bagerageje kwinjira mu bwoko Bwayo? 2Petero 2:11-13.

“Iyo imbaraga ya Satani yigarurira imitima ariyo itegeka umuntu, Imana iribagirana, maze umuntu wuzuye imigambi yangiritse akaba ariwe usingizwa. Ubusambanyi bubera mu rwihisho bukorwa n’abo bantu bamaze gushukwa, bakabukora nk’aho ari ingeso nziza. Ubu ni ubwoko bumwe bwo gukorana n’imyuka y’abadayimoni. Hashobora kubazwa ikibazo nk’icyo intumwa Pawulo yabajije Abagalatiya, ati ‘Ni nde wabarozze? Mweretswe Yesu Kristo nk’ubambwe ku musaraba mu maso yanyu?’ Iteka ryose mu buyobe no mu busambanyi habamo imbaraga ireshya y’abadayimoni. Ubwenge burayobywa ku buryo buba budashobora gutekereza neza, kandi ubuyobe bugakomeza kuyobora ubwenge mu gucisha ukubiri n’ibyo gukiranuka. Amaso y’iby’umwuka acura umwijima, maze abantu batigeze bangirika imico bakajya mu rujijo bitewe n’ibitekerezo biyobya by’abo bakozi ba Satani biyita abatwaramucyo. Ubu buyobe nibwo buha imbaraga abo bakozi ba Satani. Baramutse bahagurutse bashize amanga maze ibyo badukanye bakabivuga ku mugaragaro, bakwamaganirwa kure nta gushidikanya n’akanya na gato; ariko babanza gukora bajijisha ngo abantu babakunde kandi babagirire icyizere nk’aho ari abantu bera b’Imana kandi bitanga. Nk’intumwa zidasanzwe za Satani, batangira gukora umurimo w’uburiganya wo guteshura abantu mu nzira yo gukiranuka bakoresheje kugerageza guteshura agaciro amategeko y’Imana.” - *Ibihamya by’Itorerero*, vol 5, p.142,143.

b. Ni iki twakwibandaho, turamutse duhuye n’ako kaga? Yesaya 51:7,8; Tito 1:15.

“Muri iki gihe cy’ibibi, umwanzi wacu Satani azerera nk’intare yivuga, ashaka uwo aconshomera, ndabona nkwiye kurangurura ijwi ryanjye nkaburira abantu. “Mube maso musenge, mutajya mu moshya” Mariko 14:38. Hariho benshi bafite ubwenge bwinshi bakabwegurira Satani kubumukoreshereza mu bibi. Ni gute naburira abantu bavuga yuko bavuye mu isi kandi baretse imirimo yayo y’umwijima? .... Benshi bo muri bo bagira ibitekerezo byanduye, ubwenge bwanduye, ibyifuzo bidatunganye, n’iruba ribi. Imana yanga imbuto zeze kuri bene icyo giti. Abamarayika baboneye kandi bera barebana izo ngeso urwango rukomeye, Satani we akazivugiriza impundu. Yemwe, icyampa ngo abagabo n’abagore bazirikane inyungu bazabona ituruka ku kwica amategeko y’Imana! Gucumura k’uburyo bwose ni ugukoza Imana isoni kandi ni umuvumo ku muntu. Uko niko dukwiriye kuzirikana gucumura uko kwaba gusigirijwe kose, n’uwacumura uwo ari we wese.” - *Ibid*, p.146.

### 3. ABABARWAHO UMUCYO URUSHIJEHO GUKOMERA

a. Ni gute Ibyahumetswe bisobanura iby'uko bizagendekera inyamaswa z'impigi zishaka guhumanya ubwoko bw'Imana? 2Petro 2:14; 2Timoteyo 3:5 - 9.

---

“Ukutanezerwa n’ukwangirika bikurikirwa n’irari ry’ubusambanyi mu buryo budashobora kuvugwa. Isi ihumanyijwe n’abayituye. Bari hafi kuzuya igikombe cyabo cyo gukiranirwa, ariko abazakururira isi igihano kiremereye bari gukora ibyo gukiranirwa bitwikiriye umwitero wo kuba-ha Imana. Umucunguzi w’isi ntabifata nko kwihana nyakuri, ahubwo yamaganira kure Abafarisayo n’indyarya. Hari ibyiringiro bikomeye ku munyabyaha ruharwa kuruta abantu bari muri iryo tsinda

“Ni cyo gituma Imana izabohereza ubushukanyi bukomeye cyane ngo bizere ibinyoma, kugira ngo abatizewe iby’ukuri bose bakishimira gukiranirwa, bacirwe ho iteka.’ Uyu muntu n’abashutswe na we ntibakunda ukuri ahubwo bishimira gukiranirwa. None se ni ubuhe buyobe bukomeye bushobora kubageraho buruta kuba barakaza Imana mu buhehesi n’ubusambanyi? Bibiliya ifite imiburo myinshi irwanya ibyo byaha.” - *Ibithamya by’Itorero*, vol 5, p.144,145.

“Nk’intumwa ihagarariye Kristo, ndabinginze mwebwe bavugaga ko mwizera ukuri kw’iki gihe ngo mwihutire kuzinukwa icyabegereza kwiyanduza kose kandi ntumukagirane umushyikirano n’abahumeka ibitekerezo byanduye. Mwangururuka ibyo byaha byanduza abantu...”

“Kubera ko abakora ibyo byaha byanduza bagenda biyongera ku isi kandi bakaba bashakira kwinjira mu matorero yacu, ndababurira ngo ntumukabahe umwanya. Mujye mwirinda umushukanyi. Nubwo avugaga ko ari umuyoboze wa Kristo, ni Satani mu ishusho y’umuntu.” - *Ibid*, p.146.

b. Vuga akaga gaterwa n’abantu bavugaga ko bafite umucyo mwinshi kurutaho. Abaroma 2:21 - 23.

---

“Ubutumwa bukomeye kurusha ubundi bwose bwigeze guhabwa abantu bapfa bwahawe ubu bwoko, kandi bashobora kugira imbaraga ikomeye ihindura abandi nibaramuka bejewe nabwo. Bavugaga ko bahagaze ahirengereye h’ukuri kw’iteka ryose, bagakomeza amategeko y’Imana yose. Kubw’ibyo rero, nibaramuka biyeguriye gukora icyaha, nibakora ibizira n’ubusambanyi, icyaha cyabo kizaba ari kinini inkubwe cumi kuruta igikozwe na ba bantu nigeze kuvugaga, ba bandi batemera ko amategeko y’Imana abareba.” - *Ibid*, vol 2, p.450,451.

#### 4. IGIHE CYO KUZINUKWA IBYAHA BIDUSHIMISHA

a. Ni nde twakwigereranyaho niba dukomeje gutsimbarara ku ngeso iyo ariyo yose y'icyaha, kandi ni ukubera iki? 2Petero 2:15,16; Kubara 22:9,12,21,27,28; 31:16.

---

“Aha hari umuburo ukomeye uhabwa ubwoko bw’Imana muri iki gihe, ko badakwiriye kwemera ko ingeso itari iya Gikristo iba mu mitima yabo. Icyaha gishyonyagijwe gihinduka akamenyero, maze kigakomezwa no guhora cyisubiramo, bidatinze kigatsikamira ububasha butegeka maze kikerekeza impagarike munsu y’ububasha bwacyo bwose. Balamu yakunze ingororano yo gukiranirwa. Ntiyashoboye kurwanya icyaha cyo kurarikira kandi yaratsinzwe, icyo Imana ibona nko gusenga ibigirwamana. Satani yaramwigaruriye aramutegeka binyuze mu cyaha kimwe, cyakomeje kwigarurira imico ye.” - *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Abadioentisiti b’Umunsu wa Karindwi*, vol 1, p.1116.

b. Ni akahe kaga kugarije abantu bavuga ko bafite urushijeho kuba mwinshi? Abaroma 2:21 - 23.

---

“Umupfumu w’umwirasi avuga ko afite umudendezo mwinshi, akoresha invugo yoroheje kandi inogeye amatwi, agamije kureshya no gukurura abantu batagira amakenga kugirango bahitemo inzira ngari y’ibinezeza no kwishora mu byaha; aho guhitamo inzira ifunganye kandi igororotse. Abashishikazwa n’iby’ubupfumu bavuga ko ibyo amategeko y’Imana asaba ari uburetwa, kandi bavuga ko abantu bayumvira bafite imibereho iteye ubwoba y’ubucakara. Bakoresha amagambo asekeje n’amagambo meza kugirango birate umudendezo wabo, kandi bashaka gutwikiriza inyigisho zabo z’ubuhakanyi ziteje akaga imyambaro yo gukiranuka. Batumaga ibikorwa by’ubugizi bwa nabi kurusha ibindi byose bibonwa ko ari imigisha ku nyokomuntu.

“Ibyo bikingurira umunyabyaha irembo rigari ryo gukurikira ibyo umutima wa kamere umubwira, no kwica amategeko y’Imana, cyane cyane itegeko rya karindwi. Abavuga ayo magambo y’amanjwe kandi bagatsinda kubw’umudendezo wabo mu byaha, basezeranya abo bashuka ko bazabona umudendezo binyuze mu kwigomeka ku bushake bw’Imana bwahishuwe. Abo bantu bayobejwe, na bo ubwabo bari mu bubata bwa Satani kandi bayoborwa n’imbaraga ze, nyamara basezeranya umudendezo abazatinyuka gukurikiza inzira y’icyaha bo bahisemo.

“Mu by’ukuri, Ibyanditswe birasohora muri ubwo buryo, kuko impumyi ziba zirandase izindi. Koko rero, uheshije umuntu gutsinda, uwo nguwo nyine niwe aba abereye mu bubata. Abo bantu bayobye bari mu bubata bubi cyane bw’ibyo abadayimoni bashaka. Bishyize hamwe n’imbaraga z’umwiji kandi nta mbaraga bafite zo kubusanya n’ibyifuzo by’abadayimoni.” - *Urwibutso n’Integuza*, kuwa 15 Mata 1875.

## 5. GUHABWA UMUGISHA BITURUTSE KU GUCYAHWA

a. Sobanura amahitamo dufite. 2Petero 2:19, Abaroma 6:16,19; Imigani 10:17.

“[Yohana] akenshi Umukiza yaramuburiraga ndetse akamuhana; kandi Yohana yemeraga uko gucyahwa. Ubwo yerekwaga imico y’Uwavuye mu ijuru, Yohana yashoboye kubona intege nke ze bituma acishwa bugufi kubera ibyo ahishuriwe. Nyamara uko iminsi yashyiraga iyindi, yitegerezaga ubugwaneza no kwihangana byarangaga Yesu byari bihabanye n’ubukana bwe, kandi ya-giye atega amatwi ibyigisho Bye byo kwicisha bugufi no kwihangana. Umunsi ku wundi umutima we womatanaga na Kristo kugeza ubwo yiyanze ubwe ku bwo urukundo yakundaga Shebuja. Ubushobozi no kwiyoroshya, icyubahiro cy’ubwami n’ubugwaneza, imbaraga no kwihangana yabonaga mu mibereho ya buri muni y’Umwana w’Imana, byuzuye umutima we gutangara. Umutima we wasuzuguraga kandi wararikiraga yaweguriye imbaraga ihindura ya Kristo maze bituma urukundo mvajuru ruhindura imico ye.

“Hari itandukaniro rikomeye riri hagati y’ukwezwwa kw’imibereho ya Yohana n’iya wa mwigishwa mugenzi we Yuda... Akenshi uko yategaga Umukiza amatwi, yarushagaho gutsindwa nyamara ntiyashakaga koroshya umutima we cyangwa ngo yicuze ibyaha bye. Kubwo kurwanya imbaraga mvajuru yasuzuguye Shebuja uwo yavugaga ko akunda. Yohana yarwanyaga byimazeyo amakosa yakoraga, ariko Yuda yarengaga ku byo umutimanama we wamwe-meza maze yumvira igishuko....

“Yohana na Yuda bahagarariye abavuga ko ari abayoboke ba Kristo. Aba bishwa bombi bari bafite amahirwe amwe yo kwigira kuri Shebuja wavuye mu ijuru no kumukurikiza. Bombi bari bafitanye umubano na Kristo kandi bari bafite amahirwe yo gutegera amatwi inyigisho ze. Buri wese yari afite inenge zikomeye mu mico ye kandi buri wese yari afite uburenganzira ku buntu mvajuru buhindura imico.... Umwe yejeshwaga ukuri buri muni, agapfa ku narijye kandi akanesha icyaha mu gihe undi yahaga urwaho ukwifuzza kw’inarijye agahinduka imbata ya Satani.” – *Ibyakozwe n’Intumwa*, p.557,558.

## Kuwa Gatandatu

## 23 Kanama

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni gute Miriyamu yashoboraga gukizwa ikimwari cy’ibibembe?
2. Ni gute umuryango mugari wo muri iki gihe utuma imiburo ya Petero itubera ingirakamaro cyane ubu?
3. Ni mu buhe buryo abantu b’Imana bazaba bihariye muri iyi si yononekaye?
4. Ni mu buryo buryo rukumbi nakwirinda kugerwaho n’ibyabaye kuri Balamu?
5. Sobanura itandukaniro ryari hagati y’inyifato Yohana w’umunyabyaha yari afite n’iyo Yuda w’umunyabyaha yari afite?

# Gushyira imbere Umucyo Mvajuru kubwo kuwishimira

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Nuko uzi gukora neza ntabikore, bimubereye icyaha.” (Yakobo 4:17).

“Marayika yaravuze ati: ‘Umucyo nuza, maze uwo mucyo uga-shyirwa ku ruhande cyangwa ukirengagizwa, ubwo ni bwo hazaza gucirwaho iteka n’igitsure cy’Imana; nyamara igihe umucyo utari waza, nta cyaha kiba gihari, kubera ko nta mucyo uba uhari ngo babe bawanze.’” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 1, p.116.

**Ibitabo Byifashishije:** *Ibihamya by’Itorero*, vol 2, p.695 - 711.

**Kuzwa Mbere**

**25 Kanama**

## 1. IBIBAZO BY’INYIFATO

a. Ni gute Petero asobanura imigirire y’abigisha b’ibinyoma? 2Petero 2:20.

---

“Aba bigisha b’ibinyoma badutse mu Itorero kandi bakemerwa na benshi mu bavandimwe babo mu kwizera, intumwa Petero yabagereranyije n’amasoko akamye, n’ibihu bijyanwa n’inkubi y’umuyaga kandi bakaba barindiwe umwijima w’icuraburindi.’ Petero yaravuze ati: ‘Ibya nyuma byabo biba birushije ibya mbere kuba bibi.’” - *Ibyakozwe n’Intumwa*, p.535.

b. Ni ayahe magambo atajyanye n’igihe adufasha gukomeza kubona ibintu mu buryo bukwiriye no guhitamo tubikoranye ubwenge mu gihe abandi batugaya cyangwa bakagerageza ukwihangana kwacu? Umubwiriza 7:8.

---

“Abantu benshi bakunda gushimagizwa kandi baterwa ishyari no guhangwa amaso gake cyangwa kwirengagizwa. Hari umutima winangiye, kandi utarangwamo imbabazi. Haba hari ishyari, intonganya no kwirata.....

“Mu gihe uharanira kuba uw’imbere, wibuke ko uzaba uw’inyuma mu kwemerwa n’Imana niba unaniwe gushyira imbere umwuka w’ubugwaneza no kwicisha bugufi. Ubwibone bwo mu mutima buzatuma abantu benshi batsindwa aho bashoboraga kuba baratsindiye. ‘Kwicisha bugufi bibanziriza icyubahiro’, kandi ‘uw’umutima wihangana aruta uw’umutima w’umwibone.’” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 5, p.50.

## 2. ZIMWE MU MVUGOSHUSHO ZINEJEJE

a. Mbese ni iki Petero avuga kugirango kidukangure? Imigani 26:11; 2Petero 2:20 - 22.

---

“Isi ireze kugira ngo irimburwe. Imana ishobora kwihanganira abanyabyaha nyamara si igihe kirekire. Bagomba kwiranguza igikombe cy’umujinya Wayo udafunguyemo imbabazi..... Bidatinze abari mu ruhande rw’Uwiteka bagiye kumenyekana; ba bandi batazakorwa n’isoni zo kuba aba Yesu. Ba bandi badafite ubutwari mu mico mbonera bwo kuba bahagarara babyihitiyemo bakajya mu byimbo byabo mu maso y’abatizera, ntibagire ubutwari bwo kureka ibigezweho by’ab’isi, kandi ntibigane imibereho ya Kristo yo kwigomwa, baterwa isoni na We, kandi ntibakunda urugero yabahaye.” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 1, p.287.

b. Ni gute Kristo na we atuburira atyo kugirango tutananirwa gusigasira ukwicisha bugufi, twishingikirije ku kugirana na We umushyikirano? Luka 11:24 - 26.

---

“Inzu iteguwe neza igereranya umuntu wihangira gukiranuka. Satani yirukanwa na Kristo. Ariko aragaruka, yiringiye ko yabona aho yinjirira. Agasanga inzu irimo ubusa, ikubuwe, iteguwe neza. Ukwihangira gukiranuka niko konyine kuba kurimo gusa. “Aragenda akazana abandi badayimoni barindwi bamurusha kuba babi, bakinjira bakayibamo. Nuko ibyo hanyuma by’uwo muntu bikarusha ibya mbere kuba bibi”

“Kwihangira gukiranuka ni umuvumo, ni uburyo abantu birimbisha, kandi Satani abukoresha kugirango yiheshe icyubahiro. Abarimbisha umutima bakoresheje ubwibone n’amazimwe, baba bategurira inzira abadayimoni barindwi barusha uwa mbere kuba babi. Mu kwakira ukuri kwabo, abo bantu barishuka. Bubakira urufatiro ku gukiranuka kwabo bwite. Amasengesho yo mu materaniro ashobora guturwa Imana azengurutse n’imihango, ariko iyo asenzwe mu buryo bwo kwigira umukiranutsi; asuzuguzwa Imana. Uwiteka aravuga ati: ‘Nzavuga gukiranuka kwawe, kandi imirimo yawe ntizagira icyo ikumarira.’ Muri uko kwigaragaza kwabo kose, mu kuba mu nzu zabo zirimbishijwe, Satani yinjirana n’ingabo z’abamarayika babi maze bagashinga ibirindiro mu mutima, kugirango bafashanye mu murimo w’ubushukanyi. Intumwa Petero yaranditse ati: ‘Niba kumenya neza Yesu Kristo Umwami wacu n’Umukiza kwarabateye guhunga, bakava mu by’isi byonona maze bakongera kubyizingitirani-rizamo bikabaneshya, ibya nyuma byabo biba birushije ibya mbere kuba bibi. icyajyaga kubabera cyiza, iyaba batigeze kumenya inzira yo gukiranuka, biruta ko basubira inyuma bamaze kuyimenya, bakareka itegeko ryera bahawe.’ ” - *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi*, vol 5, p.1093.

### 3. KUGUMA MU KWIZERA

a. Ni ukubera iki tubwirwa mu buryo bwumvikana “kuguma” muri Kristo? Abakolosayi 1:21 – 23.

“Ntabwo ari ngombwa ko twihitiramo ku bushake gukorera ubwami bw’umwijima kugira ngo tubone dutegukwe na bwo. icyo twakora gusa ni ukwirengagiza kwifatanya n’ubwami bw’umucyo. Nitudafatanye n’imbaraga zo mu ijuru, Satani azigarurira imitima ayigire ubuturo bwe. Ingabo imwe iza-dukingira ikibi ni uko Kristo atura mu mutima binyuze mu kwizera gukiranuka kwe. Tutomatanye bikomeye n’Imana ntidushobora na mba gukumira ingaruka mbi zo kwikunda, gusayisha mu kwikanyiza, ndetse n’ibigeragezo bidushora mu cyaha. Dushobora kureka ingeso mbi nyinshi, dushobora kwitandukanya na Satani mu gihe runaka; nyamara nitutomatana cyane n’Imana binyuze mu kuyiyegurira buri mwanya, tuzatsindwa. Iyo hatabayeho kumenyana na Kristo kumuntu ku giti cye ndetse no gusabana na we guhoraho, icyo gihe tuba turi mu maboko y’umwanzi, kandi ku iherezo tuzakora ibyo adutegeka.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.324.

b. Sobanura igipimo gihebuje dukwiriye gusobanukirwaho gutsindishirizwa binyuze mu kwizera Yesu. Abaroma 3:24 – 26; Abaheburayo 6:4 – 6; 10:26,27.

“Kristo wakizaga abarwayi akirukana abadayimoni igihe yagendaga yigisha abantu, ni we Mucunguzi wacu uyu muni. Kwizera gukomoka ku ijamboro ry’Imana. Nimutyo dusingire isezerano Rye, “Kandi uza aho ndi sinzamwirukana na hatu.” Yohana 6:37. Mwikubite ku birenge bya Yesu mutakamba muti, “Mwami, ndizeye; nkiza kutizera.” Ibi nubikora, ntuzigera urimbuka na hatu.” – *Ibid*, p.429.

“Iyo umunyabyaha arebye ku itegeko, igicumuro cye kiramuhishurirwa, kikinjira mu mutimanama we, kandi akumva aciriweho iteka. Ihumure n’ibyiringiro bye rukumbi bibonerwa mu gutumbira umusaraba w’ i Kaluvari. Iyo agerageje kwishingikiriza ku masezerano no kwishingikiriza ku cyo Imana yavuze, guhumurizwa n’amahoro bitaha mu mutima we. Atera hejuru agira ati: “Uwiteka, wasezeranye ko uzakiza abagusanga bose mu izina ry’Umwana wawe. Ndarimbutse, nta bufasha mfite kandi nta n’ibyiringiro. Uwiteka, nkiza naho ubundi ndarimbutse.” Kwizera kwe kwishingikiriza kuri Kristo, maze agahera ko atsindishirizwa imbere y’Imana.

“Ariko nubwo Imana ari inyakuri, kandi igatsindishiriza umunyabyaha binyuze mu mirimo ya Kristo, nta muntu ushobora gutwikiriza umutima we ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo agikora ibyaha azi cyangwa akirengagiza inshingano abizi. Imana ishaka yuko umuntu ayegurira umutima wose, mbere yuko habaho gutsindishirizwa; kugira ngo umunyabyaha agumane gutsindishirizwa hagomba gukomeza kubaho kumvira, binyuze mu kwizera kuzima, guhoraho, gukorera mu rukundo kandi kukeza ubugingo.” – *Ubutumwa Bwa-toranyijwe*, vol 1, p.365,366.



#### 4. KUBAHO MU BURYO BUHUJE N'UMUCYO

a. Nk'abahawe umugisha wo kugira umucyo mwinshi uvuye mu ijuru, mbese ni iki dukeneye kugirango tukizirikane niba dushekamye ku gakiza kacu? Yakobo 4:17.

---

“Iyo abantu bamwe babwiwe ibyerekeranye n’ibyiza byo kugira amagara mazima, akenshi barakubwira bati, “Turabizi cyane ariko kubikora bikatunanira.” Ntibazirikana ko bazabazwa iby’umucyo wose babonye werekeranye no kwitungira amagara mazima, kandi ko ingeso yabo yose mbi iba igaragarira mu maso y’Imana. Ntitugomba gufata imibiri yacu uko twishakiye. Buri rugingo rw’umubiri, na buri ngirangingo yose y’ubuzima, bikwiriye kurindwa imigenzereze mibi yose yabigirira nabi.” - *Ibiamya by’Itorero*, vol 6, p.372.

b. Mu bintu byinshi bigize ukuri kw’iki gihe bikeneye kuvugururwa (urugero rwa kimwe muri byo ni ibyerekeye amagara mazima), mbese ingaruka z’imyanzuro dufata buri muni zigera kure bingana iki? Abaroma 14:21; Yeremiya 13:20.

---

“Insanganyamatsiko y’ivugurura ry’ubuzima yarigishijwe mu matorero; nyamara uwo mucyo ntiwakiranywe imitima ikunze. Kwikunda, umururumba w’abagabo n’abagore, byagwabije iyo mbaraga y’ubutumwa bugomba guteguriza abantu umunsi ukomeye w’Umwami Imana. Niba abagize amatorero bategereje imbaraga, bagomba kugira imibereho irangwa no kwemera ukuri Imana yabahaye. Niba abizera b’amatorero yacu birengagije umucyo w’iyi nsanganyamatsiko, bazasarura ingaruka z’ubuhenebere mu by’umwuka n’iby’umubiri. Kandi imbaraga z’abizera bamaze igihe mu itorero zizabera umusemburo abizera bashya mu myizerere yabo. Ubu Imana ntikora umurimo wo kuzana abantu benshi ku kuri, bitewe n’abizera b’itorero batigeze bihana, ahubwo basubiye inyuma. Ni izihe mbaraga bene abo bizera batahindutse bagira ku bizera bashya? Mbese ntibashobora kwica imbaraga y’ubutumwa Imana yatanze bugomba kwamamazwa n’ubwoko Bwayo?” - *Ibid*, p.370,371.

c. Urebye inshingano ziremereye zahawe abantu bose bashinzwe umucyo woherejwe n’ijuru wo muri iki gihe, ni irihe rarika ridakebakeba duhabwa ubu? Yeremiya 3:12,13; Zaburi 32:5.

---

## 5. GUKOMEZA KUJYA MBERE

a. Sobanura ibintu bimwe na bimwe itorero ry'Imana nzima rirakirwa muri ibi bihe bigoye. Abaheburayo 5:13,14; 6:1; Abafilipi 2:14,15.

“Mu matorero yacu hagomba kubaho kongera guhinduka no kongera kwiyegurira umurimo. Mbese mu murimo wacu w'ahazaza no mu materaniro tugira, nitwagakombye kuba abantu bahuje? Mbese nituzakirana n'Imana mu isengesho, dusaba ko Umwuka Wera asukirwa buri mutima? Kuhaba kwa Kristo, kugaragarira muri twe, byari gukiza ibibembe by'ukutizera byatumye umurimo wacu ugira intege nke ndetse ntiwatanga umusaruro. Dukeneye guhumeka umwuka w'ubugingo Imana yaduhumekeyemo. Tugomba kuba imiyoboro Uwiteka anyuzamo umucyo n'ubuntu ngo bigere ku b'isi. Abasubiye inyuma [bakagwa] bagomba kugarurwa mu murongo. Dukwiriye kwiyambura ibyaha byacu kubwo kubyatura no kubyihana ducishije bugufi imitima y'ubwibone imbere y'Imana. Imyuzure y'amazi y'imbaraga z'iby'umwuka igomba gusukirwa abantu biteguye kuyakira.” - *Ibihanywa by'Itorero*, vol 8, p.46.

“Bene dafa na bashiki banjye bakundwa, umurimo wanyu uko waba umeze kose, mujye muwukora neza uko mushoboye kose nk'abakorera Databuja. Ntimukirengagize amahirwe y'izahabu mufite muri iki gihe ngo mutume imibereho yanyu igaragara ko itsinzwe mu gihe mwicaye mudafite icyo mukora, murota iby'ubuzima bworoshye no kugera ku ntego mu murimo Imana itigeze ibaha. Nimukore umurimo ubegereye cyane. Muwukore kabone nubwo ahabera umurimo w'ivugabutumwa hashobora kuba mu kaga no mu birushya; ahubwo ndabinginze ntimukinubire ibirushya n'ubwitange. Nimurebere ku Bawalidense [aribo Bavoduwa]. Nimurebe imigambi bagize kugirango umucyo w'ubutumwa bwiza umurikire imitima y'abantu bari mu mwijima. Ntabwo tugomba gukora twize guhabwa ingororano zacu muri ubu bugingo, ahubwo amaso yacu akwiriye gutumbira ingororano izatangwa ku iherezo ry'isiganwa. Ubu ngubu hakewe abagabo n'abagore b'indahemuka bakaba ari abanyakuri ku nshingano nkuko urushinge rwa diru ruhora rwerekeye amajyaruguru, abagabo n'abagore batazakora bitewe n'uko inzira basabwa kunyuramo yoroshye n'inzitizi yose yakweho.” - *Umurimo w'Ibwiririshabutumwa Ibitabo*, p.68,69.

## Kuwa Gatandatu

## 30 Kanama

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Mbese igihe umuntu asa n'udashima ibyo nkora, mbifata ko ari bibi cyane?
2. Ni mu buhe buryo kwihangira gukiranuka byigaragaza muri iyi minsi y'imperuka?
3. Ni gute nshobora kubona no kugumana ugukiranuka guheshwa no kwizera amaraso ya Kristo?
4. Ni mu bihe bintu bigize imibereho, ibikorwa byanjye bigomba kurushaho kugaragaza ibyo nzi?
5. Mbese ni iki nkwiriye kwibuka mu gihe mpanganye n'igishuko cyo kwitotomba?

## Amaturo y'Isabato ya Mbere Azagenywa Icyicaro gikuru cya Yuniyo ya Angola

Filidi y'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura mu majyaruguru y'iburasirazuba bwa Angola yashyizweho n'Inteko Nkuru Rusange mu mwaka wa 2015, kugirango ikoreye intara eshatu: amajyaruguru ya Kwanza, Uwige na Malanje. Iyi ya nyuma iherereye ahari icyicaro gikuru cya filidi y'Amajyaruguru yo hagati ya Angola. Akarere gafite ubuso bwa 181,110 Km<sup>2</sup> n'abaturage bagera kuri 3,550,774.



Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura baje muri ako karere mu mwaka wa 1978 batangira buhoro buhoro. Icyakora kandi mu mwaka wa 1990, kubw'ubuntu bw'Imana, umurimo wari umaze gushinga imizi mu buryo budasubirwaho muri ako karere, kandi kuva icyo gihe ubutumwa ntibwigeze buhagarara. Habayeho amajyambere agaragara kandi ubutumwa bw'ukuri kw'iki gihe bwageze ahantu henshi hanyuranye ho muri ako karere.

Icyo dukeneye ubu ngubu ni inyubako irimo ibiro n'ibyumba by'abakozi ba Yuniyo ya Angola, inzu y'ibitabo, n'icyumba gikorerwamo amanama.

Twaguze ikibanza mu gace k'umudugudu kari hafi y'umuji, kandi kuhagera biroroshye. Twiringiye ko muri icyo kibanza dushobora kuhabuka inzu twifuzaga kugirango ihagararire mu buryo bukwiriye umurimo wera w'Imana ukorerwa muri ako karere.

Mu gihe dutekereza ku murimo ukomeye uturi imbere, dukeneye gahunda iteguye kugirango bizatume habaho gushyira hamwe no gutegura ibikorwa mu buryo butunganye, tuzirikana ko "Imana isaba ko gahunda n'imigendekere y'uburyo ibintu bigomba gukorwa mu Itorero muri iki gihe bitatandukana n'uko byagendaga mu bihe bya kera. Ishaka ko umurimo Wayo wajya mbere ugakorwa neza mu buryo bunonosoye kugira ngo iwushyireho ikimenyetso cy'uko iwemera. Umukristo agomba gushyira hamwe n'undi, Itorero naryo rigafatanyaga n'irindi, umuntu ukorera Imana agakorana na Yo, buri mukozi wese akumvira Umwuka Wera kandi bese bagashyira hamwe mu gushyira isi ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana." - *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.96.

Ubutumwa bw'agakiza bugombye kugera mu bihugu byose, kandi tuzi neza ko Umwami "Ntazacogora, ntazakuka umutima kugeza aho azasohoreza gukiranuka mu isi, n'ibirwa bizategereza amategeko ye." Yesaya 42:4.

Ni muri ubwo buryo dusaba bene data na bashiki bacu hirya no hino ku isi yose, kudufasha kubwo gutangana ubuntu ituro ryanyu kubw'uyu mushinga kugirango bifashe kugeza ubutumwa bwiza ku bantu bo muri iki gihugu kinini cya Angola. Uwitwaga Imana abahungabanyaga imigisha.

*Bene so na bashiki banyu bo muri Yuniyo y'amajyaruguru y'iburasirazuba bwa Angola*

# Gushyira ibihindizo ku Bwenge bwacu tukaburinda

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Bakundwa, uru ni rwo rwandiko rwa kabiri mbandikiye. Muri izo zombi imigambi yanjye yari iyo gukangura imitima yanyu itarimo uburiganya, mbibutsa.” (2Petero 3:1).

“Tugomba guhora tuzirikana imigisha dufite. Dukwiriye kuyikusanyiriza hamwe maze tukayibuka mu bwenge bwacu. Ni shusho bwoko ki iri aho ngaho uyu muni?” - *Urwibutso n’Integuza*, kuwa 26 Werurwe 1889.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by’Itorero*, vol 5, p.671 - 691.

*Kuwa Mbere*

**01 Nzeri**

## 1. UMUHAMAGARO UGOMBA KUZIRIKANWA MU BWENGE

a. Ni gute kandi ni ukubera iki Petero ahamagarira ubwenge bwacu kugira imbaraga? 2Petero 3:1.

“Igihe abagabo n’abagore bazaba bamaze gusobanukirwa mu buryo bwuzuye ubunini bw’igitambo gikomeye cyatanzwe n’Umwami wo mu ijuru igihe yapfaga mu cyimbo cy’umuntu, ubwo nibwo inama y’agakiza izahabwa agaciro, ndetse gutekereza kuri Kaluvari bizakangura amarangamutima afite imbaraga, y’impuhwe kandi yera mu mutima w’Umukristo. Guhimbaza Imana n’Umwana w’intama bizaba mu mitima yabo no ku minwa yabo. Ubwibone no kwishakira isumbwe ntibishobora kwera imbuto mu mitima ikomeza gutekereza ibyabereye i Kaluvari. Iby’iyi si bizagira agaciro gato ku bishimira igiciro gikomeye cyo gucungurwa k’umuntu, aricyo maraso y’igiciro cyinshi y’Umwana w’Imana ikunda. Ubutunzi bwose bwo ku isi ntabwo buhagiye ngo bucungure ubugingo bw’umuntu umwe wenda kurimbuka. Ni nde ushobora kugera urukundo Kristo yumvaga afitiye abari mu isi yazimiye igihe yari amanitswe ku musaraba, ababazwa kubw’ibyaha by’abantu bacumuye? Uru rukundo ntrwashoboraga kugerwa, ntabwo rurondoreka.” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 2, p.212.

“Yoo, iyaba imbaraga zose zashyizwe mu bidafite umumaro zashyirwaga ku kintu kimwe gikomeye; ibintu byinshi bigize ubuntu bw’Imana muri ubu buzima, mbega ubuhamya twashoboraga kuzirikana mu bwenge bwacu, tugahozza intekerezo ku mbabazi n’ineza by’Imana!.... Ubwo nibwo iyo ngeso izaba ihame ridakuka rihatse ubutunzi bw’iby’umwuka, tubikoranye umwete no kwihangana, nkuko abarwanashyaka b’isi bakorana umuhati kugirango babone iby’isi kandi by’igihe gito.” - *Our High Calling*, p.188.

## 2. IKIGOMBA KUBIKWA MU BWENGE

a. Ni ikihe kintu gikomeye cyane tugomba kwibuka kandi ni ukubera iki? 2Petero 3:2; Zaburi 119:11.

---

“Kenshi ibishuko bisa nk’ibitari ibyo gutsindwa bitewe n’uko ugeragezwa yirengagiza gusenga no kwiga Bibiliya, maze ntiyitegure kwibuka amasezerano y’Imana no guhangana na Satani yitwaje intwari zo mu Byanditswe. Ariko abamarayika bahora hafi y’abashaka kwigishwa ibyo mu ijuru; kandi mu gihe bibaye ngombwa cyane bazabibutsa ukuri kose bazaba bakeneye. “Nuko rero, ubwo umwanzi azabatera ameze nk’umugezi uhurura cyane, Umwuka w’Uwiteka azabagota abarinde umubi.” Yesaya 59:19.

“Yesu yasezeraniye abigishwa Be ati, “Ariko Umufasha ariwe Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye ni we uzabigisha byose abituse ibyo nababwiye byose.” (Yohana 14:26). Ariko inyigisho za Yesu zikwiriye kubanza kubikwa mu ntekerezo kugira ngo Umwuka w’Imana azabashye kuzitwibutsa mu gihe cy’akaga.” – *Intambara Ikomeye*, p.599,600.

b. Tanga ingero z’ibintu by’ingirakamaro bibikanwa mu bwenge bwacu n’amateka ya Bibiliya ndese n’inyigisho. Luka 1:67 – 70; Ibyakozwe n’Intumwa 3:20,21.

---

“Bibiliya niyo mateka abantu bafite amaze igihe kirekire cyane kandi akubiyemo byose. Yaturutse kuri Soko y’ukuri kw’iteka ryose; kandi kwera kwayo kwagiye kurindwa n’ukuboko kw’Imana mu bihe byose. Imurika umucyo wayo mu bihe bya kera cyane aho ubushakashatsi bwa muntu bugerageza kwinjira ariko bikaba iby’ubusa. Mu ijamba ry’Imana honyine niho tubonera imbaraga zashinze imfatiro z’isi, kandi zikabamba ijuru. Muri iryo jambo honyine niho dukura inkuru y’impamo ivuga inkomoko y’amahanga. Muri ryo niho honyine havugwa iby’amateka y’inyokomuntu atarahindanyijwe n’ubwibone n’urwikekwe bya muntu.” – *Uburezi*, p.173.

“Intekerezo zanjye zari ziremerewe no kwandika ku mateka y’Isezerano rya Kera. Mbabazwa no kubona bene data na bashiki banjye bagaragariza ukuri kwa Bibiliya mu mibereho yabo ya buri muni inshuro nke cyane. Kugirango tube abaneshi dukeneye kumenya ko hari urugamba rugomba kurwanywa. Tunezeza no kumenya ko binyuze mu mbaraga z’ubuntu bw’Imaba zidukomeza, nta gushidikanya tuzatsinda. Imana ifite imbaraga ziruta iz’umwanzi waguze.” – *The Bible Training School*, June 01, 1903.

### 3. IKIMENYETSO CYA GIHANUZI CYARASOHOYE

a. Ni iki kiri kubaho muri iyi minsi y'imperuka kigatuma ukwizera kwa benshi guhungabana? 2Petero 3:3.

“Uburyo busanzwe bwo kwigisha urubwiruko ntabwo buhuye n'igipimo cy'uburezi nyakuri. ibyiyumvo by'abatizera bigendana n'inyigisho ziboneka mu bitabo by'amashuri, kandi amagambo y'Imana ashwirwa mu buryo butuma ashidikanywaho cyangwa agafatwa nk'ayoroheje adafite agaciro. Bityo ibitekerezo by'abasore bigenda bimenyera inama za Satani, kandi ku bantu babashidikanyaho, ibyo bashidikanyagaho bihinduka ibintu by'ukuri bifatika, kandi ubushakashatsi bw'abahanga mu bya siyansi bugenda buyobya abantu bitewe n'ukuntu ibyo bavumbuye bisobanurwa kandi bikavuguruzwa. Abantu biha ububasha bwo gushyira ijambo ry'Imana imbere y'urukiko rutaramba, maze ibyahumetswe n'Imana bigacirwa urubanza mu buryo buhujwe n'urugero rw'imitekerereze y'umuntu utaramba, maze ukuri kw'Imana kukagaragara nk'ikintu kidashidikanywaho imbere y'inyandiko za siyansi.... Mu gihe bagombaga kuba barashoboye gutuma abantu bashidikanya bagira ukwizera, biyemereye ko na bo ubwabo batari bazi neza niba ijambo ry'Imana cyangwa ibyo bita ko ari ibya siyansi bavumbuye, ari ukuri. Abari bafite umutimanama uhamye by'ukuri, bagiyeye bateshuka ku kwizera kwabo bitewe n'uko abiyitaga ko basobanura Bibiliya batashikajwe no gusohoza amagambo mazima yayo. Satani yagiye ahabwa urwaho rwo gutera umutima gushidikanya, kandi binyuze mu bakazi be batagaragara, yagiye yifashisha uburiganya bwe maze abantu bagwa mu mutego we wo gushidikanya.” - *Amahamashingiro y'Uburezi bwa Gikristo*, p.328,329.

b. Ni izihe mpuguro Pawulo atanga ku byerekeye ibi ngibi muri iki gihe? 1Timoteyo 6:20.

“Kuba ibyaremwe bidahinduka byagiye bigarukwaho cyane, kandi ibitekerezo byo gushidikanya byagiye byemerwa n'abantu bafite imitekerereze yo gushidikanya kubera ko bitari bihujwe n'amategeko yera y'Imana, ariyo rufatiro rw'ubutegetsi Bwayo mu ijuru no mu isi. Kuba bafite kamere ibogamira ku bibi, byatumye bahitamo inzira z'ibinyoma, kandi bashidikanya ku birebana n'ukubonera kw'ibyanditswe ndetse n'amateka biboneka mu isezerano rya Kera n'Irishya. Kubera ko na bo ubwabo bari barandujwe n'ikinyoma, bagiyeye bashakisha uburyo bwo bwose bwo kubiba imbuto z'ugushidikanya mu bwenge bw'abandi. Ibyaremwe bishwirwa hejuru y'Imana yabiremye, kandi ukwizera koroheje kurarimburwa; kuko urufatiro rw'ukwizera rugaragara ko rudashingiye ku kuri. Kubera ko imitima y'abashidikanya iheranwa n'ubukobanyi, irekerwa mu kwikubita ku bitare by'ukutizera.” - *Ibid*, p.329,330.

#### 4. UGUHUMEKWA KWARI KUGAMIJWE

a. Uretse gutuma tureka urufatiro rw'ubutware bw'Ibyanditswe Byera, mbese ibitero bya Satani byibanda ku kihe kintu kindi? Ibyahishuwe 12:17; 19:10.

---

“Satani afite umugambi wo guca intege ukwizera ubwoko bw’Imana bufite ku Bihamya. Akurikizaho gushidikanya ibirebana n’ingingo ziko-mwe ukwizera kwacu gushingiyeho, arizo nkingi z’icyemezo dufata, noneho hakaza gushidikanya Ibyanditswe Byera, nyuma y’ibyoye bakamanuka bajya mu irimbukiro. Igihe ibihamya byigeze kwizerwa bishidikanyijwe ndetse bikarekwa, Satani aba aziko abayobejwe batazarukira aho; nuko agakaza umurego kugeza ubwo abashoye mu kwigomeka ku mugaragaro. Bagera aho badashobora kubireka maze amaherezo yabo akaba kurimbuka.” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 4, p.211.

“Igishuko giheruka cya Satani kizaba icyo gutuma ubuhamya bw’Umwuka w’Imana budatanga umusaruro. “Aho guhishurirwa kutari abantu bigira ibyigenge” (Imigani 29 :18). Satani azakorana ubuhanga bukomeye, mu nzira zitandukanye kandi anakoreshe abakozi batandukanye kugira ngo arandure icyizere ubwoko bw’Imana bwashyigaye bufitiye ibihamya nyakuri. Azazana amayerekwa y’ibinyoma kugira ngo ayobye, kandi azavanga ukuri n’ibinyoma, maze muri ubwo buryo azinure abantu bitume ibyitwa amayerekwa byose babyita ubwaka. Nyamara kubwo kugereranya ukuri n’ibinyoma, abantu b’abiringirwa bazabasha gutandukanya ukuri n’ibinyoma.” - *Ukwizera Kumbeshejeho*, p.296.

b. Bigenda bite igihe abavuga ko bizera ubutumwa bwa marayika wa gatatu batangiye gushidikanya ibihamya, kandi ni kuki akenshi bagenza batyo? Yohana 3:19,20.

---

“Nzi akaga kakugarije. Nutagirira Ibihamya icyizere uzava mu kuri kwa Bibliya. Natewe ubwoba nuko abantu benshi bahitamo kugira icyizere gike no gushidikanya, bityo mbabajwe n’ubugingo bwanyu ndababurira. None se, ni bangahe bazita kuri uwo muburo? Mbese ubu ngubu wakira ibihamya bitangwa mu nzira unyuramo, bigakosora amakosa yawe, kandi se wumva ufite umudendezo usesuye wo kwemera cyangwa kwanga igice icyo aricyo cyose cyangwa byose? Igice utifuza kwakira nicyo ukeneye cyane. Imana na Satani ntibajya bakorana. Ibihamya biba bifite ikimenyetso cy’Imana cyangwa icya Satani. Igiti cyiza ntigishobora kwera imbuto mbi, kandi n’igiti kibi ntigishobora kwera imbuto nziza. Muzabamenyera ku mbuto zabo. Niko Imana yavuze. Ni nde wahindishijwe umushyitsi n’ijambo Ryayo?” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 5, p.98.

## 5. UBUTUNZI BUKUBIYE MU BUTUMWA BWO MURI IKI GIHE

a. Ni ukubera iki ari ngombwa kumvira ibihamya Imana yohereza ubwoko Bwayo binyuze mu mwuka w'ubuhanuzi, by'umwihariko muri iyi minsi y'imperuka? Imigani 29:18 (ahabanza); Hoseya 12:13; 2Ngoma 20:20 (ahaheruka).

“Uwiteka arahamagarira abantu ivugurura ry'igihamya kidakebakeba cyatanzwe mu myaka yashize. Arabahamagarira ivugururwa ry'ubuzima bw'iby'umwuka. Imbaraga z'iby'umwuka z'ubwoko Bwe zimaze igihe kirekire zisinziriye, ariko hagomba kubaho kuzuka bakava mu rupfu. Tugomba guharura inzira y'Umwami tubinyujije mu gusenga no kwatara ibyaha. Mu kugenya dutyo, imbaraga y'Umwuka izatuzaho. Dukeneye imbaraga ya Pentekote. Igihe dukora ibi, imbaraga y'Umwuka izaza kubera ko Uwiteka yasezeranye kohereza Umwuka We nk'imbaraga inesha byose.

“Ibihe by'amakuba biri imbere yacu. Umuntu wese uzi ukuri akwiriye gukanguka maze uko yakabaye, umubiri, ubugingo, n'umwuka, akishyira muni y'ubuyobozi bw'Imana. Umwanzi atwoga runono. Tugomba kuba maso cyane tukamwirinda. Tugomba kwambara intwara zose z'Imana. Tugomba gukurikiza amabwiriza yatanze binyuze mu mwuka w'ubuhanuzi. Tugomba gukunda no kumvira ukuri kugenewe iki gihe. Ibyo bizaturinda kwemera ubuyobe bukomeye. Imana yavuganiye natwe mu ijamba Ryayo. Yavuganiye natwe kandi mu bihamya by'itorero ndetse no mu bitabo byafashije gusobanura neza inshingano yacu muri iki gihe ndetse n'umwanya twagombye kuba turimo ubu. Imiburo yatanze umurongo ku murongo n'itegeko ku itegeko, ikwiriye kumvirwa. Mbese nituyisuzugura, ni uruhe rwitwazo dushobora kuzatanga?

“Ndinginga abari gukorera Imana ngo be kwemera ibyiganano babiguranye iby'ukuri. Mureke he kugira imitekerereze ya muntu ishyirwa aho ukuri kw'Imana kandi kweza kwagombye kujya. Kristo ategereje gukongeza ukwizera n'urukundo mu mitima y'ubwoko Bwe. Mureke he kugira ivyigisho z'ubuyobe zakiranwa ubwuzu n'abantu bagombye kuba bahagaze bashikamye ku rufatiro rw'ukuri kw'iteka. Imana iraduhamagarira gushikama tutanyeganyega ku mahame y'ibanze ashingiye ku butware butavuguruzwa.” – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza*, p.307,308.

## Kuwa Gatandatu

## 06 Nzeri

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni ibihe bintu ntekerezaho cyane ku buryo ngomba kubisimbuza ibirus-hijeho kuba byiza cyane?
2. Ni gute nakwitwaga guhangana n'ibigeragezo bikomeye mu gihe kiri imbere?
3. Ni ibihe bintu nize mu mashuri byagiye bivuguruzwa ukwizera kwanjye?
4. Ni ukubera iki umwanzi w'imitima yiyemeje guharabika ibihamya?
5. Ni ukubera iki ngomba kumara igihe kinini kurutaho ndi kubyiga kandi nkabyishimira?



# Igihe cy'Inyongera kubw'Umugambi

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Umwami Imana ntitinza iserano ryayo, nk’uko bamwe batekereza yuko iritinza. Ahubwo itwihanganira idashaka ko hagira n’umwe urimbuka, ahubwo ishaka ko bose bihana.” (2Petero 3:9).

“Igihe twebwe n’abacunguwe bese, tuzaba duhagaze ku nyanja y’ibirahuri dufite inanga z’izahabu n’amakamba y’ubwiza, kandi imbere yacu hari ubugingo bw’iteka ryose, ubwo nibwo tuzabona ukuntu igihe cyo kugeragezwa cyari kigufi cyane.” – *Ibihamya by’Itorero*, vol 5, p.485.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by’Itorero*, vol 2, p.183 – 199.

**Kuwa Mbere**

**08 Nzeri**

## 1. MBESE TURI KUBONA IKI?

a. Mbese abakobanyi bahora bavuga iki cy’urwitwazo rwo kutizera kwabo, kandi ni gute iyi nyifato igira ingaruka ku bantu benshi bategereje Uwitaka? 2Petero 3:4; Yesaya 56:12.

---

“Gukunda iby’isi byuzuye mu bitekerezo byacu ku buryo amaso yacu aterekejwe mu ijuru, ahubwo yerekejwe hasi mu isi. Turi gkubita hirya no hino, dukorana ishyaka n’umwete imishinga itandukanye, nyamara Imana ikibagirana, ndetse n’ubutunzi bwo mu ijuru ntibuhabwe agaciro. Ntabwo turi mu mwanya wo gutegereza no kuba maso. Gukunda iby’isi n’ibihendo by’ubutunzi, bishyira igihu ku kwizera kwacu maze tugasigara tutacyifuza kandi ntidukunde kuboneka k’Umukiza wacu. Tugerageza uko dushoboye kose ngo twiyiteho. Ntabwo twiyoroshya kandi nititugira ukwiringira Imana gushikanye. Benshi bahagarika umutima kandi bagakora, barateganya kandi bagakora igenamigambi, batinya ko bashobora gukena. Ntibashobora kubona igihe cyo gusenga no kujya mu materaniro y’itorero, kandi mu kwiyitaho ntibahe Imana amahirwe yo kubitaho. Kandi Umwami Imana ntabasha kubakorera byinshi, kubera yuko batamuha uburyo. Bikorera byinshi bikabije, maze bakizera ndetse bakiringira Imana ku rwego ruto bikabije.

“Gukunda iby’isi guteye ubwoba gufashe abantu Umwami Imana yategetse kuba maso bagasenga iteka kugirango atazaza agasanga basinzi-riye.” – *Ibihamya by’Itorero*, vol 2, p.195,196.

## 2. BURI GIHE.... CYANGWA VUBA CYANE?

a. Sobanura uburyo ubukobanyi buhora bugaragara no mu bavuga ko ari abizera bategereje kugaruka kwa Kristo. Matayo 24:48 - 51; Imigani 26:20 - 22; Abaroma 1:29 - 32.

“Uwo mugaragu mubi yibwira mu mutima we ati, “Datubuja atinze kugaruka.” Ntabwo avuga ko Kristo atazagaruka. Ntabwo ndetse ahinyura igitekerezo cy’uko azagaruka. Ahubwo mu mutima we, mu bikorwa bye, ndetse no mu byo avuga byerekana ko abona ko kuza k’Umwami gutinze. Atuma ibyiringiro abandi bafite byo kugaruka kwegereje k’Umwami biyoyoka. Imibereho ye itera abantu kurangara no kumva ko Kristo azatinda. Atuma basaya mu by’isi bakadamarara. Ibinezera by’iyi si hamwe n’itekerezo mbi bikiganza mu mitima yabo. Umugaragu mubi asangira n’abasinzzi ibyo kurya n’ibyo kunywa, kandi akifatanya n’ab’isi mu kwinezeza. Akubifata abagaragu bagenzi be, akarega ibinyoma ndetse agaciraho iteka abakorera Shebujja mu budahemuka.” - *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.635.

b. Ni gute tugomba guhagarara tukarwanya abavuga ko kugaruka kwa Kristo gushyize kera mu bihe by’ahazaza ha kure? Abakolosayi 3:1 - 4.

“Mu gihe ibitekerezo by’ab’isi byerekeye ku mishinga inyuranye, ibyacu bikwiriye kuba mu ijuru; kwizera kwacu gukwiriye kurushaho kugera kure mu bwiru bw’ubwiza bw’ubutunzi bwo mu ijuru, kukavomira imirasire y’igiciro kandi iva ku Mana, y’umucyo uturuka mu buturo bwera bwo mu ijuru kugirango ivire mu mitima yacu, nk’uko yarasiraga mu maso ha Yesu. Abakobanyi baseka abategereje kandi bakaba bari maso, maze bakabaza bati: ‘Isezerano ryo kuza Kwe riri hehe? Mwabuze uwo mwari mutegereje. Nimuze mufatanye natwe, kandi muzahirwa mu by’isi.’ Nimusingire inyungu, nimufate amafaranga, maze mubone icyubahiro mu isi. Abategereje bareba hejuru maze bagasubiza bati: ‘Turi maso.’ Kandi kubwo gutera umugongo ibinezera by’isi no kumenywa n’ab’isi, ndetse no gushukana k’ubutunzi, baba biyerekanye ko bahagaze muri uwo mwanya koko. Kubwo kuba maso, bahinduka abanyembaraga; batsinda ubunembwe no kwikunda ndetse no gukunda ubuzima bworoshye. Umuriro wo kubabazwa ucana kuri bo, maze igihe cyo gutegereza kigasa nk’aho kibabereye kirekire. Rimwe na rimwe bagira agahinda, maze kwizera kugahungabana; ariko barongera bagakomera, bagatsinda ubwoba no gushidikanya, kandi igihe bahanze amaso yabo mu ijuru babwira abanzi babo bati: ‘Ndi maso, ntegereje kugaruka k’Umwami. Nzishimira mu mubabaro, mu bigeragezo ndetse no mu bukene.’ ” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 2, p.194,195.

### 3. URUBANZA RUKOresha IBYAREMWE

a. Ni ikihe kintu cy'ingirakamaro cyane mu mateka y'isi giho-  
ra cyirengagizwa? Itangiriro 6:5 - 8; 7:23; 2Petero 3:5,6.

---

“Mbere yuko isi ya kera irimbuzwa umwuzure, hari hariho abantu bafite impano z’ubwenge, abantu bari bafite ubwenge n’ubuhanga. Ariko bahindutse abanduye mu ntekerezo, kubera ko bakuye Imana mu migambi yabo no mu nama zabo. Bari abanyabwenge bo gukora ibyo Imana itababwiye gukora, abahanga bo gukora ikibi. Uwiteka yabonye ko uru rugero rushobora kuzakurikizwa n’abandi bazavuka nyuma yabo, maze abifatira umwanzuro. Yabohereje imiburo mu myaka ijana na makumyabiri abinyujije muri Nowa umugaragu we. Ariko igihe cy’imbabazi bahawe kubw’ubuntu, bagikoresheje mu gukōba Nowa. Baramushungereye kandi baramunegura. Baramusetse bamugira urw’amenyo kubw’umuhati we udacogora, n’igishyika kirebana n’imanza izo yari yavuze ko Imana iza-sohoza nta kabuza. Bavuze ibya siyansi n’amategeko agenga ibyaremwe. Nuko bagira urw’amenyo amagambo ya Nowa, ndetse bamwita umusazi ufite ubwaka. Ukwihangana kw’Imana kwageze ku iherezo.” - *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Abadiyentisiti b’Umunsi wa Karindwi*, vol 1, p.1090.

b. Ni igiki gikomeye gitegereje uyu mubumbe? 2Petero 3:7; Zaburi 11:6; 59:13.

---

“Ibiri mu nda y’isi nibyo bubiko bw’intwaro z’Uwiteka, aho niho yakuye intwaro yakoresheje mu kurimbura isi ya kera. Amazi ari mu nda y’isi yarapfupfunutse ava mu butaka, yifatanya n’amazi avuye mu ijuru, asohozwa umurimo wo kurimbura. Uhereye mu gihe cy’umwuzure, Imana yakoresheje amazi n’umurimo byo mu isi nk’ibikoresho byo kurimbura imidugudu yashayishije mu byaha.” - *Impano z’Umwuka*, vol 3, p.82.

“Ibikorwa byose bya se w’ibinyoma byanditswe mu bitabo by’amategeko yo mu ijuru, kandi abantu biyegurira umurimo wa Satani, kugirango batangarize kandi bagaragarize abantu ibinyoma bya Satani binyuze mu mabwiriza no mu bikorwa, bazahabwa ibihwanye n’ibikorwa byabo. Imizi n’amashami bizatwikwa n’umurimo wo mu minsi y’imperuka. Satani, umugaba mukuru w’ubuhakanyi, ni umuzi, kandi abakozi be bose bigisha ibinyoma bye ku byerekeranye n’amategeko y’Imana, ni amashami.” - *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Abadiyentisiti b’Umunsi wa Karindwi*, vol 4, p.1184.

#### 4. IMANA IHORAHO IKOMEYE CYANE

a. Kugirango abana b’Imana biringire amasezerano Yayo kandi bagire ibyiringiro by’iteka ryose, ni gute ubuhangange butagira imbibi bw’Umuremyi bwavuzwe mu ncamake? Zaburi 90:4; 2Petro 3:8.

---

“Umurage Imana yasezeraniye abantu bayo ntabwo uri muri iyi si. Aburahamu nta gakondo yari afite mu isi, “naho haba aho gukandagiza ikirenge.” Ibyakozwe n’Intumwa 7:5. Yari atunze ibintu byinshi, kandi yabikoreshaga mu guhesha Imana icyubahiro no kugirira neza bagenzi be; ariko ntiyigeze abona iyi si nkaho ari iwabo. Uwituka yamuhamagariye gusiga bene wabo basengaga ibigirwamana, amuha isezerano ryo kuzahabwa igihugu cya Kanaani ho gakondo ihoraho; nyamara yaba we, yaba umuhungu we, yaba n’abuzukuru be, nta n’umwe wahawe Kanaani. Igihe Aburahamu yifuzaga aho yazashyingurwa, yagombaga kuhagura n’Abanyakanaani. Gakondo ye muri icyo gihugu cy’Isezerano yabaye ubuvumo bwari bukorogoshowe mu rutare i Makipela.

“Ariko ijambo ry’Imana ntiryaheze; nta nubwo ryasohorejwe mu gihe Abayuda bari batuye i Kanaani. “Ibyasezeranyijwe byasezeraniye Aburahamu n’urubyaro rwe.” Abagalatiya 3:16. Aburahamu ubwe yagombaga kugabana n’abandi uwo murage. Gusohozwa kw’isezerano ry’Imana gushobora gusa n’ukwatinze kuko “Ku Mana, umunsi umwe ni nk’imyaka igihumbi, kandi imyaka igihumbi ni nk’umunsi umwe” 2 Petro 3:8; rishobora kugaragara nk’iritinze; ariko igihe gikwiriye gisohoye “rizaza nta gushidikanya, kandi ntirizatinda.” Habakuki 2:3.” - *Abakurambere n’Abahanuzi*, p.169,170.

b. Ni iki dukwiriye gusobanukirwa cyerekeye ukugaruka kwa Kristo? 2Petro 3:9; Nahumu 1:3.

---

“Ukwihangana kw’Imana kurahebuje. Ubutabera butegereje igihe kirekire, mu gihe imbabazi ziri gusabira umunyabyaha....

“Ab’isi bamaze gusayisha mu buryo bweruye mu gucumura amategeko y’Imana. Kubera ko yihanganye igihe kirekire abantu bagiye bakandagira ubutware Bwayo. Bashyize hamwe imbaraga zabo kugirango bakandamize kandi bagirire nabi umwandu w’Uwituka, bavuga bati: “Imana ibibwirwa n’iki? Isumbabyose hari icyo izi?” Zaburi 73:11. Ariko hari umurongo badashobora kurenga. Igihe kiri bugufi ubwo bazagera ku rugabano badashobora kurenga. Ndetse n’ubu ngubu bari hafi kurenga ingabano z’ukwihangana kw’Imana, ubuntu Bwayo n’imbabazi Zayo. Uwituka azahagurukira gukora umugayo ku cyubahiro Cyewe bwite, kugirango arokore ubwoko Bwe, no guhagarika ibikorwa byo gukiranirwa.” - *Imigani* ya Kristo, p.177,178.

## 5. AMAHIRWE YO KWIHANA KWIMBITSE

a. Ni ukubera iki dushobora kurushaho gushima ukwihangana kw'Imana? Zaburi 86:12 – 15.

“Uwiteka arashaka kudufasha, kuduha imbaraga, no kuduha umugisha; ariko dukwiriye kunyura mu nzira yo gutunganywa kugeza igihe imyanda yo mu mico yacu yose izashya igakongoka. Buri mwizera w'itorero azashyirwa mu itanura ry'umuriro, atari ukugirango akongoke ahubwo ari ukugirango yezwe.” – *Ibihanywa by'Itorero*, vol 5, p.485.

“Ntimugahange amaso abantu kandi ntimukaberekezeho ibyiringiro byanyu, mwibwira ko badashobora kwibeshya; ahubwo muhore muhanze amaso Yesu. Ntimukagire ikintu na kimwe muvuga cyashyira umugayo ku kwizera kwacu. Ibyaha byakorewe mu ibanga ubyatwiriye Imana yawe gusa. Wemere ko umutima wawe wararagiye ugateshuka kuri Wa wundi uzi neza uko yakemura ikibazo cyawe. Niba warakoshereje mugenzi wawe, musange wemere ko wamucumuyeho maze ugaragaze imbuto nka ya yindi kubwo kumuriha [cyangwa kumusubiza ibyo wamwibye]. Hanyuma usabe [Imana] umugisha. Sanga Imana uko umeze noneho uyireke igukize ubumuga bwawe bwose. Ibyawe ubishyire imbere y'intebe y'ubuntu, kandi ureke umurimo urangire. Jya uba umunyakuri mu mishyikirano ugirana n'Imana n'ubugingo bwawe. Nuza imbere y'Imana ufite umutima ushenjaguritse by'ukuri, izaguha insinzi. Ubwo nibwo ushobora gutanga ubuhanyu bw'umudendezo, mu kugaragaza ishimwe ry'iyaguhamagaye ikagukura mu mwijima ikakugeza mu mucyo Wayo w'itangaza. Ntabwo Imana izagufata uko utari cyangwa ngo igucire urubanza uko utari. Abantu bagenzi bawe ntibashobora gukuraho icyaha cyangwa kukwezaho gukiranirwa. Yesu ni we wenyine gusa ushobora kuguha amahoro. Yaragukunze arakwitangira. Umuntu wawe wuje urukundo, 'ukorwaho akababarana natwe mu ntege nke zacu.' Ni ibihe byaha bikomeye cyane ku buryo adashobora kubibabarira? Ni uwuhe muntu ubundikiwe n'umwiji kandi ukandamijwe n'icyaha ku buryo atamukiza? Ni umunyembabazi, nta cyiza adushakaho, ahubwo kubw'ubugiraneza Bwe butagira akagero adukiza ugusubira inyuma kwacu kandi akadukunda ntacyo dutanze, mu gihe twari tukiri abanyabyaha. 'Atinda kurakara, kandi afite kugira neza kw'ibindi'; 'Atwihanganira adashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ashaka ko bose bihana'.” – *Ibid*, p.649.

## Kuwa Gatandatu

## 13 Nzeri

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni ibihe bintu byo muri iyi si bishobora kuba byantandukanya n'Imana?
2. Ni gute nshobora kuba narakubise abagaragu bagenzi banjye, mu magambo y'iby'umwuka?
3. Ni ukubera iki ngomba guteza imbere ukumenya neza iby'urubanza ruza-zanwa n'umuriro?
4. Sobanura umurage wa Aburahamu n'abana be (Abagalatiya 3:29).
5. Kubera iki ngomba gushima iki gihe gito cy'inyongera, kandi ni gute nagikoresha?

# Mbese ni Abantu Bwoko Ki?

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Nuko ubwo ibyo byose bizayenga bityo, yemwe uko dukwiriye kuba abantu bera, kandi twubaha Imana mu ngeso zacu.” (2Petero 3:11).

“Igihe ducitse ku bitekerezo byacu, ku byifuzo byacu byo kwikunda, ibikorwa by’igihe gito kandi bifite agaciro gake tuzabigurana ibintu by’agaciro kenshi kandi biramba. Aho ntihari igitambo, ahubwo hari inyungu zitagira akagero.... Ikintu icyo aricyo cyose Kristo adusaba kuzinukwa, aba ashaka kuduha ikintu kirushijeho kuba cyiza.” - *Uburezi*, p.296.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Inyandiko za Kera*, p.52 - 54; *Intambara Ikomeye*, p.662 - 673.

## Kuwa Mbere

## 15 Nzeri

### 1. NTA KABUZA, [UMURIRO] UTAZIMA UZABA IGIHANO

#### a. Ni gute urubanza ruheruka rwasobanuwe? 2Petero 3:10.

---

“Ijuru rishya n’isi nshya (Ibyahishuwe 21:1; Yesaya 65:17; 2Petero 3:13) ntibizaboneka, kugeza igihe inkozi z’ibibi zizazukira, maze bakongera bakarimburwa ku iherezo ry’imyaka 1000. Nabonye ko Satani ‘yavuye aho yari abohewe’, ku iherezo ry’imyaka 1000, igihe abanyabyaha bazazuka maze Satani akabashuka kubwo gutuma bizera ko bazashobora kwigarurira umurwa wera bakawambura abera. Abanyabyaha bese bazagota ‘ihe-ma ry’abakiranutsi’, Satani ariwe ubayoboze, maze igihe bazaba biteguye kwigarurira umurwa, Ishoborabyose izaba iri ku ntebe Yayo ya cyami, muri uwo murwa, izahumeka inkongi y’umuriro uzabakongora kandi ubatwike, ‘ntuzabasigira umuzi cyangwa ishami.’

“Kandi nabonye ko nkuko Kristo ari Umuzabibu n’abana Be bakaba amashami, niko na Satani ari ‘umuzi’ kandi n’abana be bakaba ‘amashami’; ndetse ku irimbuka riheruka rya ‘Gogi na Magogi’, ingabo z’inkozi z’ibibi zose zizakongoka, ntihazasigara ‘umuzi n’ishami.’ - *A Word to the Little Flock*, p.11,12.

## 2. ISI YEZWA

a. Ni gute abahanuzi bo mu isezerano rya kera babonye mbere irimbuka riheruka ry'ikibi no kwezwa kw'isi? Yesaya 34:8 - 10; Eze-kiyeli 28:16 - 19.

“Umuriro uzamanuka uvuye mu ijuru ku Mana. Isi izaturagurika. Intwaro zihishwe mu nda y’isi zizakurwa mu bubiko. Ibirimi by’umuriro ukongora bikwire impande zose. Ibitare byose biragurumana. Umunsi urasohoye uzaba utwika nk’itanura rigurumana, maze iby’ishingiro, ibyo byose biremeshwa bikayengeshwa no gushya cyane, isi n’imirimo iyirimo bigashirira (Malaki 4:1; 2Petero 3:10). Isi yose izaba isa n’inyanja y’ubutare buvanze n’umuriro. Kizaba ari igihe cyo guca urubanza no kurimbura inkozi z’ibibi, “umunsi wo guhora k’Uwiteka”....

“Abanyabyaha bazaherwa ingororano zabo ku isi.” Imigani 11:31. “Bazaba ibishingwe: kandi umunsi ugiye kuza uzabakongora. Niko Uwiteka Nyiringabo avuga.” Malaki 4:1. Bamwe bazarimbuka mu kanya gato, naho abandi bamaze iminsi myinshi bababazwa. Bose bazahanwa “hakurikijwe ibyo bakoze.” Ibyaha by’abakiranutsi byageretswe kuri nyirabyo Satani, ni cyo gituma atababarizwa ubugome bwe gusa, ahubwo azababarizwa n’ibyaha byose yakoresheje abantu b’Imana. Igihano cye kizaba gikomeye cyane kurenza kure igihano cy’abo yoheje gukora ibyaha. Nyuma y’uko abo yoheje bese bazaba bamaze gushiraho, Satani azakomeza kubaho asigare wenyine ababarizwa ibyaha byose yokoje isi. Mu muriro wo kweza, abanyabyaha nibo bazarimburwa ubuheruka, umuzi n’ishami - Satani niwe muzi, naho abayobohe be ni amashami. Igihano cy’abishe amategeko y’Imana kizaba kimaze gutangwa; ibisabwa mu butabera bizaba byashohojwe, kandi ijuru n’isi bibireba bizatangaza ugukiranuka kwa Yehova.” - *Intambara Ikomeye*, p.672,673.

b. Sobanura ubwiza bw’intambwe Imana izakurikizaho gutera. Ibyahishuwe 20:7 - 10,15; 21:1,2.

“Igihe Imana izeza isi ubuheruka, izaba imeze nk’inyanja y’umuriro itagira iherezo. Nk’uko Imana yarinze inkuge mu gihe cy’umwuzure, kubera ko yari irimo abantu umunani bakiranuka, ni nako izarinda Yerusalemu Nshya irimo abakiranutsi b’ibihe byose, uhereye ku mukiranutsi Abeli ukageza ku muntu wa nyuma mu bera wabayeho. Nubwo isi yose izaba ikikijwe n’inyanja y’umuriro, uretse agace k’uwo murwa uzarindwa nkuko ya nkuge yarokotse, kubw’igitangaza cy’imbaraga z’Ishoborabyose. Ntacyo yigeze iba mu gihe cy’imiraba iteye ubwoba.” - *Impano z’Umwuka*, vol 3, p.87,88.

### 3. UKWIRINDA BY'UKURI IBISINDISHA

a. Mbese ni iki gikwiriye gutuma dutekereza ku kuri guheruka kugomba guhabwa abatuye isi? Zaburi 139:23,24; 2Petero 3:11.

"Igihe ukuri kugize imbaraga yeza imitima yacu n'ubugingo bwacu, nibwo tuzashobora gukorera Imana mu buryo bukwiriye kandi tukayihimbariza hano ku isi, tumaze kugabana kuri kamere y'Imana no gukira kononekara kwazanywe mu isi n'irari.

"Mbega ukuntu benshi bazasangwa batiteguye ubwo Databuja azaba aje kugororera abagaragu Be! Bamwe bafite ibitekerezo bigufi ku bijyanye n'icyo Umukristo aricyo. Icyo gihe gukiranuka abantu bihangiyе ntacyo kuzaba kumaze. Abazabasha guhagarara badatsinzwe gusa ni abazasangwa bambaye gukiranuka kwa Kristo, buzuye Umwuka We, ndetse bagenda nk'uko yagendaga, mu kwera k'umutima n'imibereho. Ikiganiro kigomba kuba cyera, ubwo nibwo amagambo azaba afatanye n'ubuntu." - *Ibhamya by'Itorero*, vol 2, p.317,318.

b. Sobanura ukwiyegurira Imana kwimbitse dukeneye gukorana umwete. 1Yohana 2:6.

"Buri muntu wizera ukuri bya nyabyo azakora imirimo ihuje nako. Abantu bose bazaba abanyamwete n'abanyamurava, ntibazacogora mu mihati bagira yo kuzanira abantu Kristo. Ukuri nikubanza guterwa mu mitima yabo kugahama, nibwo bazashaka kugutera mu mitima y'abandi. Ukuri kubikwa hanze y'urugo. Nimukwinjize imbere mu rusengerо rw'umutima, mukwicaze mu mutima, kandi mukureke gutegeke ubugingo. Ijambo ry'Imana rigomba kwigwa kandi rikumvirwa, ubwo nibwo umutima ubona uburuhukiro, amahoro n'umunezero; kandi nibwo ibitekerezo bihugukira iby'ijuru; ariko igihe ukuri kubitswe hanze y'ubugingo, hanze y'urugo, umutima ntabwo ususurutswa n'umuriro w'ubugiraneza bw'Imana.

"Abantu benshi bafata ko idini rya Yesu ari iry'iminsi runaka gusa, cyangwa ko ari iry'ibihe runaka, naho mu bindi bihe rigashyirwa ku ruhande kandi rikirengagizwa. Ihame rihatse ukuri si iry'amasaha make gusa yo ku Isabato, cyangwa ibikorwa bike by'urukundo, ahubwo rigomba gushyirwa mu mutima, rikaboneza imico kandi rikayeza. Niba hari igihe umuntu aba afite umutekano adafite uwo mucyo wihariye n'imbaraga iturutse mu ijuru, icyo gihe nibwo ashobora kwirengagiza ukuri kw'Imana. Bibiliya, ariryo jambo ryera ry'Imana, ritanduye; ikwiriye kubera umuntu umujyanama n'umuyobozi, ikaba imbaraga itegeka ubugingo bwe. Ifite ibyigisho by'ingirakamaro dushobora gukura muri yo, niba tuzayishyira ku mutima." - *Ibid*, vol 5, p.547.



#### 4. NTIMUGACOGORE

a. Sobanura umugambi Imana ifitiye ubwoko Bwayo, ndetse uvuge n'uburyo abita ku by'iyi si mu mitima yabo by'igice, bakira uwo mugambi n'uburyo bashaka kubaho bahuje na wo. Tito 2:11 - 14; Gutegeka kwa Kabiri 26:18.

---

"Igihe cyarageze ubwo umubare munini w'abantu bigeze kwishima kandi bagatera hejuru kubw'umunezero batewe no kuza kwihuse k'Umukiza, bagiyeye kwifatanya n'amatorero ndetse n'ab'isi bajyaga babakwena kubw'uko bizeraga ko Yesu agiye kugaruka ndetse bagakwiza hose ibinyoma by'amoko yose kugira ngo bibatere kwangwa kandi byangize isura yabo mu bantu. Muri iki gihe, iyo hagize umuntu wifuza Imana cyane, akaba afitiye inzara n'inyota gukiranuka maze Imana ikamuha kumva agezweho n'imbaraga Yayoye kandi igahaza ubugingo bwe ikoresheje gusakaza urukundo Rwayo mu mutima we; iyo bene uwo muntu aha-ye Imana icyubahiro kubwo kuyihimbaza, akenshi ba bizera gito bavuga ko bategereje kugaruka k'Umukiza bamufata nk'aho yashutswe maze bakamugerekaho ko yataye ubwenge kandi ko afite imyuka mibi.

"Benshi muri abo Bakristo ku izina bambara nk'ab'isi, bakavuga kandi bagakora nka bo uretse ko ikintu kimwe gusa bashobora kumenyekaniraho ari ibyo biyitirira. Nubwo bavuga ko bategereje Kristo, ntabwo ibiganiri byabo byerekeza ku by'ijuru ahubwo byerekeza kuby'isi. Mbega uko abantu bavuga ko "bategereza kandi bagatebutsa umunsi w'Imana" bakwiriye kuba bagira ibiganiri byera no kubaha Imana! (2Petero 3:11,12). "Kandi ufite ibyo byiringiro muri we, yiboneza nk'uko uwo aboneye. (Yohana 3:3). Ariko bigaragara ko abantu benshi bitwa Abadiventisiti bariga cyane bashaka uko barimbisha imibiri yabo no kugaragara neza mu maso y'ab'isi kurusha uko bacukumbura biga mu Ijamba ry'Imana kugira ngo bamenye uko bakwemerwa na Yo." - *Inyandiko za Kera*, p.108.

b. Ibihabanye n'ibyo, mbese ni iki tugomba kwibandaho? 2Abakorinto 4:18.

---

"Ntuzongere kwivovotera na rimwe iby'ubu buzima bwa gikene, ahubwo ureke umutwaro w'ubugingo bwawe ube uwo kubona ubugingo burushije ubu kuba bwiza, ube uwo kubona uburenganzira bwo kuzaba mu mazu yateguriye abanyakuri kandi bakiranuka kugeza ku mpera. Nuramuka ukoze ikosa kuri iki, uzaba ujimije byose. Igihe cyose cy'ubuzima bwawe nacyegurira gushaka ubutunzi bw'isi, maze ukabura ubw'ijuru, uzasanga warakoze ikosa rikomeye cyane. Ntabwo ushobora kubona ijuru n'isi byombi." - *Ibihamya by'Itorero*, vol 1, p.706.

## 5. GUHANGA AMASO IBIHANITSE

a. Ni gute tuburirwa kwiringira buhumyi intege nke za kimuntu z'abayobozi ndetse n'abandi batuba hafi cyane bashobora kwibeshya? Yesaya 3:11,12; Amosi 2:4; 4:12.

"Hariho abantu batekereza ko bakorera Imana, ariko bakaba bari kwihutira kwiyambika ukutizera. Kuri bo, inzira zigoramye zisa n'izigororotse; babaho mu buryo bakomeza guhemukira ukuri kw'Imana, amahame yangiritse aboheranyijwe ku migirire y'imibereho yabo, kandi babiba imbuto z'ikibi aho bajya hose. Mu cyimbo cyo kuyobora abandi kuri Kristo, icyitegererezo babaha kibatera ikibazo no gushidikanya." - *Ibihamya ku Bagabura*, p.281.

"Mwirinde abantu babwiriza abandi ijamba ry'ubugingo ariko bo ubwabo ntibakunde umwuka wo kwicisha bugufi no kwitanga, ngo ubashishikaze. Abantu nk'abo ntibashobora kwishingikirizwaho mu gihe cy'amakuba. Basuzugura ijwi ry'Imana nkuko Sawuli yagenje, benshi bakora nka we mu kwitsindishiriza batanga impamvu z'urwitwazo rutuma bakora ibyo bakora. Igihe Uwiteka yacyahaga Sawuli binyuze mu muhanuzi We, yavuganye ubushizi bw'amanga ko yumviye ijwi ry'Imana; ariko ugutama kw'intama no guhogerana kw'inka byahamijwe ko atumviye. Ni mu buryo nk'ubwo abantu benshi muri iki gihe be-meza ko ari indahemuka ku Mana, ariko ibitaramo n'andi materaniro y'ibinezeza, kwifatanya n'ab'isi, kwishyira hejuru kwabo, ndetse no kwifuza cyane ko abantu babarangamira, byose bihamya ko batigeze bumvira ijwi ry'Imana. 'Ubwoko bwanjye burarenganywa n'abana kandi burategekwa n'abagore.'

"Uru nirwo rugero ruhanitse ubutumwa bwiza budushyira imbere. Umukristo w'umunyamwete ntabwo aba ari mushya gusa, ahubwo ari n'ikiremwa gitunganye muri Kristo Yesu. Ni itabaza ritazima ryereka abandi inzira igana mu ijuru no ku Mana. Umuntu ubeshwaho na Kristo ntazagira icyifuzo cyo kubona ibinezeza by'isi bitajya binyura umutima." - *Ibihamya by'Iterero*, vol 5, p.88.

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Sobanura ukuri kwa Bibiliya ku byerekeranye n'icyo abantu bakunze kwita umuriro w'iteka.
2. Ni ikihe gitangaza Imana ikora muri uwo muriro utazima?
3. Ni gute imibereho yanjye ya Gikristo ishobora kwimbika, kandi ni ukubera iki ibyo ari ngombwa?
4. Sobanura akaga gaterwa no kwishingikiriza ku mbaraga z'umubiri mu byerekeranye n'agakiza.
5. Ni izihe ntambwe nyewe ubwanjye ngomba gutera kugirango ndusheho kwerekeza ibitekerezo ku by'iteka ryose?

# Kwihangana kugeza Imperuka

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Nuko rero bakundwa, ubwo muburiwe hakiri kare, mwirinde mutayobywa n’uburiganya bw’abanyabyaha mukareka gushikama kwanyu. Ahubwo mukurire mu buntu bw’Imana no kumenya Yesu Kristo Umwami wacu n’Umukiza. icyubahiro kibe icye none n’iteka ryose. Amen.” (2Petero 3:17,18).

“Nta kwezwa kwa Bibiliya guhabwa abantu bashyira inyuma yabo umugabane w’ukuri.” – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Abadiyentisiti b’Umunsi wa Karindwi, vol 7, p.947.*

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibyakozwe n’Intumwa, p.557 - 567.*

**Kuwa Mbere**

**22 Nzeri**

## 1. IBIRI KWIHUTIRA KUBAHO

a. Mu byerekeranye n’umuriro ukomeye, mbese ni iki duhamagarirwa gukora? 2Petero 3:12.

“Bityo rero, mbere yo kugaruka k’Umwana w’umuntu, “ubutumwa bwiza bw’iteka ryose buzabwirwa abari mu isi, bo mu mahanga yose n’imiryango yose, n’indimi zose, n’amoko yose.” Ibyahishuwe 14:6,14. “Kuko Imana yashyizeho umunsi wo gucira ho urubanza rw’ukuri rw’abari mu isi bose.” Ibyakozwe n’Intumwa 17:31. Kristo atubwira igihe uwo munsi uzatangirira. Ntabwo avuga ko isi yose izihana, ahubwo avuga ko “ubu butumwa bwiza bw’ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize.” Twahawe ubushobozi bwo gutebutsa kugaruka k’Umwami tubwiriza ubutumwa bwiza mu isi. Ntabwo dukwiriye gutegereza gusa kuza k’umunsi w’Imana, ahubwo dukwiriye no kuwutebutsa. 2 Petero 3:12. Iyo itorero rya Kristo riza gukora umurimo ryahawe nk’uko Umwami yabitegetse, isi yose yari kuba yaramaze kuburirwa, Umwami Yesu aba yaraje mu isi mu cyubahiro cye n’ubwiza bwinshi....

“Abategereje kugaruka k’Umwami batunganya imitima yabo babikoreshye kumvira ukuri. Kuba maso ubutadohoka babifatanya no gukorana umwete. Kuko bazi ko Umwami ageze ku rugi, bagira umwete wo gufatanyana n’abakozi b’ijuru mu kugeza agakiza ku bantu.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose, p.633,634.*

## 2. MBEGA AMAHIRWE!

a. Ni gute buri wese muri twe yatebutsa kugaruka kwa Kristo? Umubwiriza 11:1,2,6.

---

“Kristo yahaye Itorero inshingano yera. Buri wese mu bagize Ito-  
ro akwiriye kuba umuyoboro Imana ishobora kunyuzamo ubutumwa  
bw’ubutunzi bw’ubuntu Bwayo ibubwira isi. Ubwo butumwa ni bwo  
butunzi butarondoreka bwa Kristo. Nta cyo Umukiza yifuza cyane  
nk’intumwa zizereka ab’isi Umwuka We n’imico Ye. Nta kintu isi ike-  
neye cyane nko kubona urukundo rw’Umukiza rwigaragariza mu ki-  
remwamuntu. Ijuru ryose ritegereje abagabo n’abagore Imana ishobora  
guhishuriramo imbaraga y’Ubukristo.

“Itorero ni umuyoboro w’Imana wo kwamamaza ukuri. Rihabwa im-  
baraga na Yo kugira ngo rikore umurimo wihariye; kandi igihe Itorero ari  
indahemuka ku Mana, rikumvira amategeko Yayo yose, ubuntu mvajuru  
buzaryuzura. Niriba indahemuka ku Mana kandi rigaha icyubahiro Uwi-  
teka Imana ya Isirayeli, nta mbaraga n’imwe izarihangara.

“Ishyaka ry’Imana n’umurimo Wayo ryateye abigishwa guhamya  
ubutumwa bwiza bafite imbaraga ikomeye. Mbese ishyaka nk’iryoyi ntiriyari  
rikwiriye kugurumana mu mitima yacu rikadutera kwiyemeza kuvuga  
amateka y’urukundo rwaducunguye, ari yo mateka ya Kristo wabambwe?  
Ni amahirwe ya buri Mukristo wese kudategereza kugaruka k’Umukiza  
gusa ahubwo agomba no gutebutsa uko kugaruka.” - *Ibyakozwe n’Intumwa*,  
p.600.

b. Ni gute Imana isobanura umugambi idufitiye? Indirimbo ya  
Salomo 6:10; Zaburi 60:4.

---

“Urugamba ruri hagati y’ukuri n’ikinyoma rurenda kugera ku muso-  
zo. Mureke tugende twiyerekanira munsi y’ibendera risizweho amaraso  
ry’igikomangoma Imanweli.... kubera ko ukuri kuzatsinda.” - *Umurimo  
wa Gikristo*, p.77.

“Itorero niriramuka ryambaye ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo, ri-  
kanga kuyoboka ab’isi mu byo ibatezeho byose, umuseke w’igitondo  
cy’umunsi urabagirana uzatagariza imbere yaryo. Isezerano Imana  
yarihayeho rizahoraho iteka ryose. Imana izarihindura icyitegerezo gihe-  
buje kandi irigire ibyishimo by’ab’ibihe byinshi. Ukuri kwirengagizwa  
n’abagusuzugura bakakwanga kuzanesha. Nubwo hari ibihe byinshi  
ukuri kwasaga n’ugukomwe mu nkokora, kwamamara kwako ntikwigeze  
guhagarara. Igihe ubutumwa bw’Imana buhuye n’inzitizi, Imana ibwon-  
gera imbaraga kugira ngo burusheho guhindura benshi. Igihe buhawe im-  
baraga mvajuru, buzaca inzira yabwo mu nzitizi zikomeye cyane kandi  
butsinde buri nzitizi yose. - *Ibyakozwe n’Intumwa*, p.601.

### 3. IMBARAGA N'IBYIRINGIRO

a. Ni iki giha buri mwizera imbaraga zo gusohoza umurimo wo gukiza imitima? Yesaya 53:11; 2Abakorinto 5:14,15; 12:9.

“Hari imiruhu yo mu buzima, amakimbirane, kwizinzukwa n’ibigeragezo by’ibanga by’umutima tugomba guhura nabyo kandi tuka-byihanganira. Hazabaho agahinda n’amarira kubw’ibyaha byacu; hazabaho intambara no kuba maso bihoraho, bivanze no kwicuza n’ipfunwe bitewe no kumva tudashyitse....

“Nimureke urukundo rwa Kristo ruduhatire kuba abanyampuhwe n’abanyambabazi, kugirango dushobore kuririra abayoba n’abasubiye inyuma bakava ku Mana. Ubugingo bufite agaciro katagerwa. Agaciro kabwo gashobora kubarwa gusa mu kiguzi cyatanzwe kugirango bucungurwe. Kaluvari! Kaluvari! Kaluvari! Niyo izasobanura agaciro nyakuri k’ubugingo....

“Nitutagira imbaraga z’ubuntu mu mutima, ngo zunganire umwete wacu kandi ngo zeze imirimo yacu, ntituzashobora gukiza ubugingo bwacu bwite n’ubw’abandi. Uburyo bw’imikorere ndetse na gahunda ni ingenzi cyane, ariko nta n’umwe ukwiriye kwemera ko ibyo bizakora umurimo nta buntu n’imbaraga z’Imana bikorera mu ntekerezo no mu mutima. Umutima n’umubiri bitsindirwa mu guheranwa n’imihango y’idini, ndetse no mu gihe dushyira mu bikorwa imigambi yacu nta mbaraga z’Imana dufite ngo zidukangure kandi zidutere umwete wo gukora.”  
- *Ibihanywa by’Itoreror*, vol 3, p.187,188.

b. Ni ukubera iki ibyiringiro by’iteka ryose birushaho kuturema umutima? 2Petero 3:13; Zaburi 149:4.

“Abagwaneza ‘bazahabwa isi.’ icyaha cyinjiye mu isi kubw’icyifuzo cyo kwishyira hejuru, kandi ni cyo cyatumye ababyeyi bacu ba mbere banyagwa iyi si nziza yari ubwami bwabo. Kandi Kristo yacunguye icyari cyazimiye binyuze mu kwigomwa. Kandi atubwira yuko dukwiriye kuneshya nk’uko yanesheje. Ibyahishuwe 3:21. Kubwo kwicisha bugufi no kwitanga, dushobora guhinduka abazaraganwa na we igihe “abagwaneza bazaragwa igihugu.” Zaburi 37:11.

“Isi yasezeraniwe abagwaneza ntizaba imeze nk’iyi ibundikiwe n’umwijima w’igicucu cy’urupfu n’umvumo. “Kandi nk’uko yasezeraniye dutegereje ijuru rishya n’isi nshya, ibyo gukiranuka kuzabamo.”....

“Muri iyo si ntihazaba kubura ibyo umuntu yari yiteze, nta gahinda, nta cyaha, ntawe uzataka indwara, nta guhamba, nta kurira, nta rupfu, nta gutandukana, nta mitima ishengutse, ahubwo hari amahoro kuko Yesu ni ho ari.” - *Ibitekerezo byo ku Musozi w’Umugisha*, p.17.

#### 4. UMUHAMAGARO UDAKEBAKEBA

a. Mbese ni iki Petero yibandaho mu rwandiko rwe, kandi ni ukubera iki? 2Petero 3:14.

“Ku muni umwe ntidushobora kumenya uburyo urugamba rwacu ruza rukomeye ku muni ukurikiraho. Satani ariho kandi arakora, bityo buri muni dukeneye gutakira Imana dushyizeho umwete kugira ngo idufashe kandi iduhe imbaraga zo kumurwanya. Igihe cyose Satani agifite ubutware, tuzaba dufite inarijye igomba gucishwa bugufi, uguhengamira ku kibi kwa kamere kugomba gutsindwa, kandi nta hantu ho guhagarara, nta hantu na hamwe dushobora kugera ngo tuvuge ko twageze ku rugero rwuzuye.

“Abafilipi 3:12: “Si uko maze guhabwa cyangwa ngo mbe maze gutunganywa rwose, ahubwo ndakurikira kugira ngo ahari mfate icyo Kristo yamfatiye.”

“Imibereho ya Gikristo ni urugendo ruhoraho kandi rukomeza. Yesu yicaye ari we utunganya kandi akeza ubwoko Bwe. Bityo rero iyo ishusho Ye igaragarijwe muri bo mu buryo butunganye rwose, baba batunganye kandi bera, ndetse bateguriwe kwimurwa. Umukristo asabwa gukora umurimo ukomeye. Twingirirwa kwiyezaho imyanda yose y’umubiri n’umwuka, tukagira ukwera gutunganye ku bwo kubaha Imana.” - *Ibihamyamba by’Itorerero*, vol 1, p.340.

b. Ni ukubera iki kwihangana ari ngombwa ku kwezwa kwacu? 2Petero 3:15,16; Luka 21:19.

“Mu Byanditswe Byera hari ibintu bimwe bigoye gusobanukirwa, kandi dukurikije imvugo ya Petero, abaswa bahindagurika barabigoreka bakizanira kurimbuka. Muri ubu buzima, birashoboka ko twanirwaga gutanga ubusobanuro bwa buri murongo wo mu Byanditswe; icyakora nta ngingo z’ingirakamaro z’ukuri gufatika zizatwikirwa n’igihu cy’ubwiru. Ubwo igihe kizaba kigeze, maze mu mbabazi z’Imana abari mu isi bakageragezwa hashingiwe ku kuri kw’icyo gihe, ubwenge buzakoresha n’Umwuka w’Imana bushakashake mu Byanditswe, ndetse babikore biyiriza ubusa kandi basenga, kugeza ubwo ingingo ku ngingo zizaboneka maze zigahurizwa hamwe mu murunga utunganye. Buri ngingo yose ifite aho ihuriye ha bugufi n’agakiza k’ubugingo bw’abantu izasobanuka cyane ku buryo nta muntu uzaba ukomeye kuyoba cyangwa kugendera mu mwijima.

“Nk’uko twakurikiranye uruhererekane rw’ubuhanuzi, niko n’ukuri kwahishuwe muri iki gihe cyacu kwagaragaye neza kandi kugasobanuka. Tuzabazwa iby’amahirwe dufite n’umucyo urasira mu nzira tunyuramo.” - *Ibid*, vol 2, p.692.

“Icyo Imana ibashakaho ni iki: ni ukwezwa kwanyu.” (1Abatesalonike 4:3). Mbese nawe urabishaka?” - *Ibyakozwe n’Intumwa*, p.566.

## 5. GUSHIKAMA MU BYIRINGIRO

a. Ni gute Petero atuburira kuba abanyamwete ubutanambuka? 2Petero 3:17.

“Amabwiriza ari mu ijambo ry’Imana nta burenganzira adusigira bwo kwifatanya n’ikibi. Umwana w’Imana yerekaniwe kugira ngo yireherezeho abantu bose. Ntabwo yazanywe no gusinziriza ab’isi; ahubwo yaje kwerekana inzira ifunganye abazinjira mu marembo y’umurwa w’Imana bose bagomba kunyuramo. Abana be bagomba gukurikira inzira abayoboye; byaba kureka ibibanezeza cyangwa kwihugiraho, yabasaba gukora umurimo uremereye ute cyangwa umubabaro bahura nawo wose, bagomba gukomeza kurwanya inarijye.” – *Ibyakozwe n’Intumwa*, p.565.

b. Mu gusozo urwandiko, mbese ni irihe rarika riheruka ry’intumwa? 2Petero 3:18.

“Ibyaha byawe bishobora kuba nk’imisozi imbere yawe; ariko iyo ucishije bugufi umutima wawe kandi ugasaba imbabazi z’ibyaha byawe wiringiye ibyo Umukiza wabambwe kandi akazuka yakoze, azakubabarira kandi akwezeho gukiranirwa kose. Imana igusaba ukumvira amategeko Yayo gushyitse. Aya mategeko ni ijwi ryo kurangurura Kwayo rikubwira riti: Murusheho kuba abera, kandi muhore mwera. Mwifuze kuzura k’ubuntu bwa Kristo. Reka umutima wawe wuzuremo kwifuza kugira gukiranuka Kwe. Ijambo ry’Imana rivuga ko umurimo w’uko gukiranuka ari amahoro kandi ingaruka yako ikaba gutuza n’ubwishingizi bw’iteka ryose.

“Uko umutima wawe urushaho kwifuza Imana, ni ko uzakomeza guhabwa ubutunzi butarondoreka bw’ubuntu bwayo. Uko urushaho gutekereza kuri ubu butunzi ni ko uzabuhabwa kandi uzahishurirwa ibyakozwe n’igitambo cy’Umukiza, uburinzi buva ku gukiranuka Kwe, ukuzura k’ubwenge Bwe ndetse n’imbaraga Ye yo kuguhagarika imbere ya Data wa twese ‘udafite ikizinga kandi utariho umu-gayo.’” – *Ibid*, p.566,567.

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni ikihe gihamya kigaragaza ko ishya ryacu riri kwiyongera by’ukuri?
2. Ni izihe ntambwe zishyizwe mu ngiro nshobora gutera kugirango ntebutse ukugaruka k’Umwami?
3. Nubwo habaho ibikorwa byose by’ihohotera n’iterabwoba, ni nde uzaragwa yu mubumbe?
4. Ni ukubera iki nkeneye guha uburemere cyane igikorwa cyo kwezwa?
5. Mu gihe nitegereza uburebure bw’ubujyakuzimu bw’ubunyacyaha bwanjye bukomeye, mbese ni iki nkwiye gukora?

# Amaturo y'Isabato ya Mbere



## 06, NYAKANGA

Azagenerwa Urusengero, Ishuri,  
n'Ibiro muri Liberiya

(Reba p. 4)

## 03, KANAMA

Azagenerwa icyiciro  
cy'Uburezi mu Nteko  
Nkuru Rusange

(Reba p. 25)



## 07, NZERI

Icyicaro gikuru cya  
Yuniyo ya Angola

(Reba p. 51)